Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Amategeko/ Laws/ Lois

N°08/2013 ryo kuwa 01/03/2013
Itegeko ryerekeye kugenzura imikoreshereze y'itabi.....**2**
N°08/2013 of 01/03/2013
Law relating to the control of tobacco.....**2**
N°08/2013 du 01/03/2013
Loi régissant le contrôle du tabac..... **2**

N°09/2013 ryo kuwa 01/03/2013
Itegeko rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere, n'imikorere byarwo……..**26**
Nº09/2013 of 01/03/2013
Law establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organisation and functioning.....**26**
N°09/2013 du 01/03/2013
Loi portant création de l'Autorité Rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation, et son fonctionnement…….**26**

N°19/2013 ryo kuwa 25/03/2013
Itegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.....**69**
N°19/2013 of 25/03/2013
Law determining missions, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights.....**69**
N°19/2013 du 25/03/2013
Loi portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne……...**69**

ITEGEKO N°08/2013 RYO KUWA 01/03/2013 RYEREKEYE KUGENZURA IMIKORESHEREZE Y'ITABI

LAW N°08/2013 OF 01/03/2013 RELATING TO THE CONTROL OF TOBACCO

LOI N°08/2013 DU 01/03/2013 REGISSANT LE CONTROLE DU TABAC

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo 2: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II: IBYA NGOMBWA BISABWA KUGIRA NGO UMUNTU AHABWE URUHUSHYA

Ingingo ya 3: Uruhushya rwo guhinga itabi

Ingingo ya 4: Uruhushya rwo gukora itabi n'ibirikomokaho

Ingingo ya 5: Uruhushya rwo gutumiza no kohereza mu mahanga itabi n'ibirikomokaho

Ingingo ya 6: Ibipimo itabi ritarenza

UMUTWE WA III: KURENGERA ABATANYWA ITABI

Icyiciro cya mbere: Ibibujijwe ku bacuruza itabi

Ingingo ya 7: Umubare ntarengwa w'itabi abagenzi binjiza mu Rwanda

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definition of terms

CHAPTER II: CONDITIONS FOR ACQUIRING A PERMIT

Article 3: Permit for growing tobacco

Article 4: Authorisation to manufacture tobacco and tobacco products

Article 5: Authorisation to import and to export tobacco and tobacco products

Article 6: Required content for tobacco

CHAPTER III: PROTECTION OF NON-SMOKERS

Section one: Prohibitions to tobacco sellers

Article 7: Restricted quantity of tobacco for travelers entering Rwanda

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

CHAPITRE II: CONDITIONS D'ACQUISITION DE LICENCE

Article 3: Licence de culture de tabac

Article 4: Autorisation de fabrication du tabac et des produits du tabac

Article 5: Autorisation d'importer et d'exporter du tabac et des produits du tabac

Article 6: Exigence en teneur pour le tabac

CHAPITRE III: PROTECTION DES NON-FUMEURS

Section première: Interdictions aux vendeurs du tabac

Article 7: Quantité limitée du tabac imposée aux voyageurs entrant au Rwanda

Ingingo ya 8: Gukwirakwiza itabi n'ibirikomokaho	**Article 8: Distribution of tobacco and tobacco products**	**Article 8: Distribution du tabac et des produits du tabac**
Ingingo ya 9: Ahabujijwe kugurisha itabi n'ibirikomokaho	**Article 9: Premises prohibited for selling tobacco and tobacco products**	**Article 9: Endroits et locaux interdits à la vente du tabac et des produits du tabac**
Icyiciro cya kabiri: Ibibujijwe ku banywi b'itabi n'ibirikomokaho	**Section 2: Prohibitions for consumers of tobacco and tobacco products**	**Section 2: Interdictions aux consommateurs du tabac et des produits du tabac**
Ingingo ya 10: Gukoresha umwana mu icuruzwa ry'itabi n'ibirikomokaho	**Article 10: Using a child in the business of tobacco and tobacco products**	**Article 10: Utilisation d'un mineur dans le commerce du tabac et des produits du tabac**
Ingingo ya 11: Kunywera itabi mu ruhame	**Article 11: Smoking in public place**	**Article 11: Fumer dans un lieu public**
Ingingo ya 12: Imiterere iranga ahantu hahariwe abanywa itabi n'ibirikomokaho	**Article 12: Characteristics of smoking areas**	**Article 12: Caractéristiques des zones réservées aux fumeurs**
Ingingo ya 13: Ibyemezo ku batubahirije itangazo	**Article 13: Measures with regard to notice violation**	**Article 13: Mesures prises pour violation de l'avis**
UMUTWE WA IV: IYAMAMAZA, GUTEZA IMBERE NO GUTERA INKUNGA	**CHAPTER IV: ADVERTISEMENT, PROMOTION AND SPONSORSHIP**	**CHAPITRE IV: PUBLICITE, PROMOTION ET PARRAINAGE**
Ingingo ya 14: Kwamamaza itabi	**Article 14: Advertising tobacco**	**Article 14: Publicité du tabac**
Ingingo ya 15: Kwamamaza ikindi kintu hifashishijwe itabi	**Article 15: Advertising another product using tobacco**	**Article 15: Publicité d'un autre produit en se servant du tabac**
Ingingo ya 16: Inkunga yo kwamamaza itabi n'ibirikomokaho mu maserukiramuco	**Article 16: Sponsorship of advertising tobacco and tobacco products in festivals**	**Article 16: Patronage visant la publicité du tabac et des produits du tabac dans des festivals**
Ingingo ya 17: Gukurikirana icyitso	**Article 17: Prosecution of accomplice**	**Article 17: Poursuite du complice**
UMUTWE WA V: GUSHYIRA IBIMENYETSO KU ITABI N'IBIRIKOMOKAHO BICURURIZWA MU RWANDA	**CHAPTER V: LABELLING TOBACCO AND TOBACCO PRODUCTS SOLD IN RWANDA**	**CHAPITRE V: ETIQUETAGE DU TABAC ET DES PRODUITS DU TABAC VENDUS AU RWANDA**

Ingingo ya 18: Inyandiko zishyirwa ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho bicururizwa mu Rwanda	**Article 18: Imprints to be put on the package of tobacco and tobacco products sold in Rwanda**	**Article 18: Inscriptions à mettre sur le paquet du tabac et des produits du tabac vendus au Rwanda**
Ingingo ya 19: Ikirango ku itabi n'ibirikomokaho bicuruzwa mu Rwanda	**Article 19: Stamp on tobacco and tobacco products sold in Rwanda**	**Article 19: Vignette sur le tabac et les produits du tabac vendus au Rwanda**
Ingingo ya 20: Ibisobanuro bibeshya ku ngaruka z'itabi n'ibirikomokaho	**Article 20: Erroneous impression of effects from tobacco and tobacco products**	**Article 20: Impression erronée sur les conséquences du tabac et des produits du tabac**
UMUTWE WA VI: IBIHANO BIJYANYE NO KUTUBAHIRIZA IBITEGANYWA N'IRI TEGEKO	**CHAPTER VI: SANCTIONS FOR VIOLATION OF THE PROVISIONS OF THIS LAW**	**CHAPITRE VI: SANCTIONS POUR VIOLATION DES DISPOSITIONS DE LA PRÉSENTE LOI**
Icyiciro cya mbere: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	**Section One: Administrative sanctions**	**Section première: Sanctions d'ordre administratif**
Ingingo ya 21: Kugurisha itabi n'ibirikomokaho ahabujijwe	**Article 21: Selling tobacco and tobacco products in prohibited areas**	**Article 21: Vente du tabac et des produits du tabac aux endroits interdits**
Ingingo ya 22: Kwamamaza itabi mu buryo butemewe	**Article 22: Illegal advertisement of tobacco**	**Article 22: Publicité illégale du tabac**
Ingingo ya 23: Guhinga itabi mu buryo bw'ubucuruzi, gukora itabi n'ibirikomokaho, gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga itabi n'ibirikomokaho utabifitiye uruhushya	**Article 23: Growing tobacco for business, manufacturing tobacco and tobacco products, importing or exporting tobacco and tobacco products without a permit**	**Article 23: Culture du tabac à des fins commerciales, fabrication du tabac et des produits du tabac, importation ou exportation du tabac et des produits du tabac sans licence**
Ingingo ya 24: Kudashyira ibimenyetso ku itabi n'ibirikomokaho bicuruzwa mu Rwanda	**Article 24: Failure to label tobacco and tobacco products for sale in Rwanda**	**Article 24: Manquement à l'étiquetage du tabac et des produits du tabac vendus au Rwanda**
Ingingo ya 25: Kudashyira ikirango ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho bicururizwa mu Rwanda	**Article 25: Failure to put a stamp on tobacco and tobacco products for sale in Rwanda**	**Article 25: Manquement à mettre la vignette au tabac et aux produits du tabac vendus au Rwanda**
Icyiciro cya kabiri: Ibihano ku byaha bikorwa mu mikoreshereze y'itabi	**Section 2: Penalties for tobacco use related offences**	**Section 2: Peines pour les infractions relatives à l'utilisation du tabac**

Ingingo ya 26: Kunywera itabi mu ruhame, kuriha cyangwa kurigurisha umwana, kurimushishikariza cyangwa kumukoresha mu icuruzwa ryaryo	**Article 26: Smoking in public, offering and selling tobacco to a child, encouraging him/her to smoke or involving him/her in the sale of tobacco**	**Article 26: Fumer en public, donner ou vendre du tabac à un enfant, l'encourager à fumer ou l'employer dans le commerce du tabac**
UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 27: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 27: Transitional period**	**Article 27: Période transitoire**
Ingingo ya 28: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 28: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 28: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 29: Repealing provision**	**Article 29: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 30: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 30: Commencement**	**Article 30: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°08/2013 RYO KUWA 01/03/2013 RYEREKEYE KUGENZURA IMIKORESHEREZE Y'ITABI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 20 Ugushyingo 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 12 Ugushyingo 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 28, iya 41, iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima yerekeye kurwanya ububi bw'itabi yasinyiwe i Genève kuwa 21 Gicurasi 2003 nk'uko

LAW N° 08/2013 OF 01/03/2013 RELATING TO THE CONTROL OF TOBACCO

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 20 November 2012;

The Senate, in its session of 12 November 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 28, 41, 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 and 201;

Pursuant to the World Health Organisation (WHO) Framework Convention adopted in Geneva on 21 May 2003, in the Resolution n° 56.1 of the World

LOI N°08/2013 DU 01/03/2013 REGISSANT LE CONTROLE DU TABAC

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE, ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 novembre 2012;

Le Sénat, en sa séance du 12 novembre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 28, 41, 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 et 201;

Vu la Convention-cadre de l'Organisation Mondiale de la Santé (OMS) pour la lutte antitabac adoptée à Genève le 21 mai 2003 dans la résolution n° 56.1 de l'Assemblée Générale de

yemejwe mu mwanzuro n° 56.1 w'Inteko Rusange y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 13/01 ryo kuwa 25/05/2005, cyane cyane ingingo zaryo, iya 3, iya 5, iya 11, iya 12, iya 13, iya 15 n'iya 16;

Health Organisation General Assembly ratified by the Presidential Order n° 13/01 of 25/05/2005, especially in Articles 3, 5, 11, 12, 13, 15 and 16;

l'Organisation Mondiale de la Santé, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 13/01 du 25/05/2005, spécialement en ses articles 3, 5, 11, 12, 13, 15 et 16;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 219 n'iya 428;

Pursuant to Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code, especially in Articles 219 and 428;

Vu la Loi Organique n° 01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal, spécialement en ses articles 219 et 428;

Ishingiye ku Itegeko n° 10/98 ryo kuwa 28/10/1998 ryerekeranye n'ubuhanga bwo kuvura;

Pursuant to Law n° 10/98 of 28/10/1998 establishing the practice of the art of healing;

Vu la Loi n° 10/98 du 28/10/1998 portant exercice de l'art de guérir;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho uburyo bwo kugenzura imikoreshereze y'itabi n'ibirikomokaho bikorerwa mu Rwanda n'ibitumizwa mu mahanga mu rwego rwo kurinda ubuzima bw'abaturage mu Rwanda. By'umwihariko rigamije:

This Law establishes modalities for controlling tobacco consumption and tobacco products that are manufactured in Rwanda as well as those imported so as to protect the Rwandan population's life. In particular its purpose is:

La présente loi porte modalités de contrôle de la consommation du tabac et des produits du tabac fabriqués au Rwanda ainsi que ceux importés pour assurer la protection de la santé de la population du Rwanda. Plus particulièrement elle a pour objet de:

1° kubuza abantu batagejeje ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko kugira aho bahurira n'itabi n'ibirikomokaho ;

1° to prevent under eighteen (18) persons from any contact with tobacco and tobacco products;

1° empêcher aux personnes agées de moins de dix-huit (18) ans tout contact avec le tabac et des produits du tabac;

2° kumenyesha, kwigisha no gutangariza rubanda ingaruka zikururwa no kunywa itabi no gukoresha ibirikomokaho haba

2° to inform, educate and communicate to the public on the health, environmental, economic and social consequences of

2° informer, éduquer et communiquer au public les conséquences pour la santé, l'environnement, économiques et sociales de fumer et l'usage des

ku buzima bw'umuntu, ku bidukikije, ku bukungu ndetse no ku mibereho myiza y'abaturage;

3° kubungabunga no guharanira uburenganzira bw'abatanywa itabi bwo kuba ahantu hatarangwa imyotsi y'itabi;

4° kuvanaho ubucuruzi bw'itabi butemewe n'amategeko no kwigana itabi ryakozwe;

5° gutuma abanywi b'itabi barireka no kugarura abariretse mu murongo w'ubuzima busanzwe.

Ingingo 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, uretse aho yumvikana ukundi bitewe n'aho akoreshejwe, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:

1º **ahantu hakoranira abantu benshi:** ahantu aho ari ho hose hahurira abantu benshi haba hafunze cyangwa hadafunze;

2º guteza imbere bikubiyemo:

a. amatangazo yo kwamamaza ku buryo bugera ku bantu benshi;

b. gushyiraho ishyirahamwe ry'abahuriye ku gicuruzwa gikomoka ku itabi cyangwa ubwoko bw'itabi runaka;

c. igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa ubucuruzi ubwo ari bwo bwose bugamije cyangwa bushobora gushishikariza

smoking and use of tobacco products;

3° to preserve and promote the right of non-smokers to live in a smoke-free environment;

4° to eliminate illicit trade in tobacco and counterfeiting;

5° to motivate smokers to quit smoking and provide rehabilitation for those who stop smoking.

Article 2: Definition of terms

In this Law, unless the context otherwise requires, the following terms shall mean:

1° **public place:** any enclosed or open place, to many persons of the general public;

2° promotion includes:

a. advertisement messages meant for the general public;

b. to establish an association evolving tobacco product or any tobacco brand;

c. any transaction or business meant for encouraging or likely to encourage the public to buy or consume tobacco and

produits du tabac;

3° préserver et promouvoir le droit des non-fumeurs de vivre dans un environnement sans fumée du tabac;

4° éliminer le commerce illicite du tabac et de la contrefaçon;

5° promouvoir la cessation de fumer et assurer la réadaptation destinée aux personnes ayant cessé de fumer.

Article 2: Définitions des termes

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes, sauf si le contexte l'exige autrement:

1° **lieu public:** tout espace clos ou ouvert où beaucoup de personnes se rassembent;

2° promotion comprend:

a. des messages publicitaires destinés au grand public;

b. créer une association autour d'un produit du tabac ou d'une marque de tabac;

c. toute opération ou activité commerciale de nature à inciter ou susceptible d'inciter le public à l'achat ou à la

rubanda kugura cyangwa gukoresha itabi n'ibirikomokaho ku buryo butaziguye cyangwa buziguye;

d. kumenyekanisha ibituruka ku itabi cyangwa ubwoko bw'itabi;

3º **ibikomoka ku itabi:** ibintu byose bigizwe cyangwa bivanze n'itabi bigenewe gutumurwa, kunyuzwa mu mazuru, kujundikwa, kunyunyuzwa cyangwa gukanjakanjwa;

4º **ibikoreshwa mu gukora itabi n'ibirikomokaho:** ibintu byose bitari itabi byifashishwa iyo bakora cyangwa bategura ibikomoka ku itabi kandi bikiri mu itabi ritunganyijwe, n'iyo byaba byahinduye isura, harimo urupapuro, agapira, wino na kole;

5º **inkunga**: ubufasha ubwo ari bwo bwose bwaba ubwo mu bucuruzi cyangwa ibindi bitari ubucuruzi, bwaba ubugenewe rubanda cyangwa abantu ku giti cyabo, bugamije kwamamaza cyangwa kumenyekanisha ku buryo buziguye cyangwa butaziguye ibikorwa biteza imbere itabi n'ibirikomokaho;

6º **ipaki y'itabi:** agapfunyika, agafuka, agakarito cyangwa ubundi buryo bwo gupfunyika ibikomoka ku itabi hagamijwe kubigurisha;

7º **isegereti:** itabi cyangwa ibirikomokaho

tobacco products whether directly or indirectly;

d. promoting tobacco products or tobacco brand;

3° **tobacco products:** all products made of or mixed with tobacco and intended to be smoked, sniffed, dipped, sucked or chewed;

4° **ingredient of tobacco and tobacco products:** any substance or constituent except for tobacco used in the manufacturing or preparation of tobacco product and still present in the finished product even if in altered form, including paper, filter, inks and adhesives;

5° **sponsorship**: any contribution be it-commercial or non-commercial, public or private to any show or activity intended for or with effect of promoting either directly or indirectly tobacco and tobacco products;

6° **package of tobacco:** packaging, pouch, box or other package containing a tobacco product for sale;

7° **cigarette:** tobacco or tobacco products

consommation du tabac et des produits du tabac, soit directement, soit indirectement;

d. la promotion des produits du tabac ou marque du tabac;

3° **produits du tabac:** tous les produits composés ou mélangés de tabac et destinés à être fumés, prisés, tenus en bouche, sucés ou mâchés;

4° **ingrédient du tabac et des produits du tabac**: toute substance ou élément utilisé (e) dans la fabrication ou la préparation des produits du tabac encore présents dans le produit fini, même sous une forme modifiée, y compris le papier, le filtre, les encres et les colles;

5° **parrainage**: toute contribution commerciale ou non commerciale, publique ou privée à une manifestation ou une activité qui a pour but ou pour effet de promouvoir directement ou indirectement du tabac et des produits du tabac;

6° **paquet de tabac:** emballage, pochette, boîte ou tout autre conditionnement contenant un produit du tabac aux fins de la vente;

7° **cigarette:** tabac ou produits du tabac

bizingiye mu rupapuro cyangwa ikindi gikoresho gishobora guhita cyifashishwa kugira ngo umuntu atumure itabi. Iryo tabi cyangwa ibirikomokaho rishobora kuba rikataguye, ari utuvungukira cyangwa rikorewe mu ruganda;

8º **itabi batapfuna:** ibikomoka ku itabi byose bakoresha binyuze mu kanwa, uretse ibigenewe gutumurwa;

9º **itabi:** igihingwa cy'itabi, harimo imbuto n'ibibabi byaryo;

10º itangazo riburira cyangwa ubutumwa bwerekeye ubuzima:

itangazo cyangwa amakuru ayo ari yo yose yerekeye ingaruka zo kunywa itabi cyangwa guhumeka umwuka w'itabi bigira ku buzima, cyangwa inama zo guhagarika kunywa itabi ndetse n'ubundi butumwa bwihariye bwerekeye kurwanya itabi nk'uko bisobanurwa n'amabwiriza ateganywa mu Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;

11º **kunywa itabi**: guheza cyangwa kurekura umwuka cyangwa gufata mu ntoki itabi n'ibirikomokaho wakongeje cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwo gukoresha itabi cyangwa ibirikomokaho nko kujundika, gutapfuna no kwihumuriza;

rolled up in a paper or any other material and capable of being used immediately for smoking. Such tobacco or tobacco products may be cut, shredded or manufactured;

8° **chewing tobacco:** all tobacco products for oral use, except those intended to be smoked;

9° **tobacco:** tobacco plant, including its seeds and leaves;

10° **health warning or health message**:

warning or other information about the health effects of tobacco use or exposure to tobacco smoke, the benefits of and/or suggestions for quitting, and any other appropriate tobacco control message, as prescribed by ministerial instructions provided by an Order of the Minister in charge of health;

11° **smoking**: inhaling or exhaling the smoke or holding tobacco and tobacco product ignited tobacco or any other use of tobacco or tobacco products such as dipping, chewing and sniffing;

enroulé dans un papier ou autre matériel capable d'être utilisé immédiatement pour que le tabac soit fumé. Ce tabac ou produits du tabac peut être coupé, haché ou manufacturé;

8° **tabac à mâcher:** tous les produits du tabac à utiliser par voie orale, exceptés ceux destinés à être fumés;

9° **tabac:** plante de tabac y compris les graines et feuilles;

10° **avertissement sanitaire ou message sanitaire**:

avertissement ou toute autre information relative aux effets de la consommation du tabac sur la santé ou l'exposition à la fumée du tabac, les avantages et/ou suggestions d'arrêter de fumer ainsi que tout autre message approprié relatif au contrôle du tabac tel que prescrit par les instructions ministérielles prévues par un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions;

11° **fumer**: inhaler, exhaler la fumée du tabac ou tenir le tabac à la main ou le produit du tabac allumé ou tout autre moyen d'utilisation du tabac ou produit du tabac comme le tenir en bouche, le mâcher et le flairer;

12º **kwamamaza:**

a. itangazo iryo ariryo ryose cyangwa igikorwa cyamamaza kigenewe rubanda mu rwego rwo gutaka isura, guteza imbere izina ry'ikigo, isosiyete ikora igicuruzwa gisanzwe kizwi cyangwa gifitanye isano n'ubwoko bw'itabi;

b. uburyo ubwo ari bwo bwose bwo gutangaza, kumenyekanisha, kwerekana cyangwa kurangira rubanda, hagamijwe guteza imbere cyangwa kwamamaza bumwe mu bwoko ubwo ari bwo bwose bw'itabi n'ibirikomokaho no gushishikariza abantu kurinywa;

13º **ubuhinzi bw'itabi bugamije ubucuruzi:** ubuhinzi bw'itabi bukorewe ku butaka bufite ubuso bungana cyangwa buri hejuru ya kimwe cya kabiri (1/2) cya hegitari imwe;

14º **ugurisha:** umuntu cyangwa ishyirahamwe ry'abantu, bakora byemewe n'amategeko, bakwirakwiza, bacuruza cyangwa badandaza itabi n'ibirikomokaho harimo ibikoresho fatizo bigize itabi;

15º **ukora itabi:** isosiyete cyangwa umuntu wese ukora, utunganya, upfunyika cyangwa ushyira ibimenyetso ku itabi n'ibirikomokaho, haba n'intoki cyangwa mu ruganda;

12° **advertisement:**

a. any advertisement or promotional activity meant for the general public in order to promote the name of manufacturer's, company producing the product commonly identified or associated with a brand of tobacco;

b. any statement, communication, representation or reference meant for the general public, and designed to promote or publicise any tobacco brand or tobacco products and encourage its consumption;

13° **commercial tobacco growing:** tobacco growing on a surface area equal to or more than a half (1/2) of a hectare;

14° **trader:** an individual or organisation engaged in the legitimate manufacture, distribution, marketing or retailing of tobacco and tobacco products or their component parts;

15° **manufacturer:** corporation or other person that manufactures, makes, produces, processes, package or labels tobacco and tobacco products whether manually or by way factory processes;

12° **publicité:**

a. toute annonce publicitaire ou activité promotionnelle destinée au grand public afin de promouvoir le nom de la compagnie fabriquant le produit communément identifié ou associé à une marque du tabac;

b. toute forme de déclaration, communication, représentation ou référence destinée au grand public ayant pour but de promouvoir ou de faire la publicité d'une quelconque marque de tabac ou de produit du tabac et encourager sa consommation;

13° **culture commerciale du tabac:** culture du tabac pratiquée sur une étendue supérieure ou égale à un demi (1/2) hectare;

14° **vendeur:** une personne ou organisation légalement reconnue pour la fabrication, distribution, commercialisation ou détaillant du tabac et des produits du tabac y compris les matières composantes;

15° **fabricant:** toute société ou toute personne qui fabrique le tabac en produit, traite, emballe ou étiquette les produits du tabac, soit manuellement, soit par des procédés industriels;

16º **umucungamutungo:** umuntu wese ufite cyangwa ushinzwe gucunga ikigo, inyubako, ikinyabiziga cyangwa ahandi hantu hose hahurira abantu benshi;

16° **manager:** any person owning or in charge of an organization, premise, a vehicle or any public place;

16° **gérant:** toute personne propriétaire ou chargée de la gestion d'une entreprise, d'un bâtiment, d'un véhicule ou de tout autre lieu public;

17º **umuranguza:** umucuruzi wese ugura itabi n'ibirikomokaho agamije kubigurisha umudandaza ariko we ntabigurisha abarinywa;

17° **distributor:** any person who buys tobacco and tobacco products and only re-sells them to retailant and does not sell them to consumers;

17° **distributeur:** toute personne qui achète du tabac et des produits du tabac en vue de les revendre à un détaillant et non aux consommateurs;

18º **umwotsi:** umwuka ukomoka ku itabi cyangwa imvange y'ibintu bitumuka iyo itabi rikongejwe;

18° **smoke:** any substance or combination of substances produced as a result of a cigarette when it is lit;

18° **fumée:** substances ou mélange de substances produit(es) lorsqu'une cigarette est allumée;

19º **uruhushya:** icyemezo gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha kugira ngo zemerere ibigo, amashyirahamwe n'abantu babifitiye ubushobozi guhinga**,** gukora no kugurisha, baranguza cyangwa badandaza itabi cyangwa ibirikomokaho;

19° **permit:** certificate awarded by the competent authorities to allow firms, organizations and other qualified individuals to grow, produce and whole-sale or retail tobacco or tobacco products;

19° **licence:** certificat délivré par les autorités compétentes pour permettre aux entreprises, organisations et personnes qualifiées de cultiver, produire et vendre en gros ou en détail du tabac ou des produits du tabac;

20º **utumiza ibicuruzwa mu mahanga:** umuntu wese utumiza, wakira cyangwa ushinzwe gutunganya ibijyanye no kwakira no kubika itabi n'ibirikomokaho biturutse mu kindi gihugu bigamije gucuruzwa mu Rwanda;

20° **importer**: any person who imports, receives or arranges for the reception and storing of tobacco and tobacco products from another country for sale in Rwanda;

20° **importateur:** toute personne qui importe, reçoit ou organise la réception et le stockage du tabac et des produits du tabac destinés à être vendus au Rwanda;

21º **uwohereza ibicuruzwa mu mahanga:** umuntu wese wohereza itabi n'ibirikomokaho hanze y'u Rwanda kugira ngo bicuruzwe mu kindi gihugu.

21° **exporter:** any person who sends tobacco and tobacco products outside of Rwanda for sale in another country.

21° **exportateur:** toute personne qui livre le tabac et des produits du tabac à l'extérieur du Rwanda en vue de leur vente dans un autre pays.

UMUTWE WA II: IBYA NGOMBWA BISABWA KUGIRA NGO UMUNTU AHABWE URUHUSHYA

CHAPTER II: CONDITIONS FOR ACQUIRING A PERMIT

CHAPITRE II: CONDITIONS D'ACQUISITION DE LICENCE

Ingingo ya 3: Uruhushya rwo guhinga itabi

Guhinga itabi mu buryo bw'ubucuruzi bitangirwa uruhushya na Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze.

Amaze kubyumvikanaho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze ashyiraho Iteka rigena ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe guhinga itabi n'ibirikomokaho.

Article 3: Permit for growing tobacco

Growing tobacco for commercial purposes shall be subject to a permit issued by the Minister in charge of agriculture.

After consultation with the Minister in charge of health, the Minister in charge of agriculure shall, by an Order, determine conditions for cultivating tobacco and tobacco products.

Article 3: Licence de culture de tabac

La culture du tabac à des fins commerciales est subordonnée à la détention d'une licence octroyée par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions.

Après concertation avec le Ministre ayant la santé dans ses attributions, le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions détermine par un arrêté les conditions requises pour cultiver le tabac et les produits du tabac.

Ingingo ya 4: Uruhushya rwo gukora itabi n'ibirikomokaho

Gukora itabi n'ibirikomokaho bitangirwa uruhushya na Minisitiri ufite inganda mu nshingano ze.

Amaze kubyumvikanaho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, Minisitiri ufite inganda mu nshingano ze, ashyiraho Iteka rigena ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora itabi n'ibirikomokaho.

Article 4: Authorisation to manufacture tobacco and tobacco products

The manufacturing of tobacco and tobacco products shall be subject to an authorisation of the Minister in charge of industry.

After consultation with the Minister in charge of health, the Minister in charge of industry shall, by an Order, determine conditions for manufacturing tobacco and tobacco products.

Article 4: Autorisation de fabrication du tabac et des produits du tabac

La fabrication du tabac et des produits du tabac requiert l'autorisation du Ministre ayant l'industrie dans ses attributions.

Après concertation avec le Ministre ayant la santé dans ses attributions, le Ministre ayant l'industrie dans ses attributions détermine par un arrêté les conditions requises pour fabriquer le tabac et les produits du tabac.

Ingingo ya 5: Uruhushya rwo gutumiza no kohereza mu mahanga itabi n'ibirikomokaho

Gutumiza no kohereza mu mahanga, kimwe no gukwirakwiza itabi n'ibirikomokaho bitangirwa uruhushya na Minisitiri ufite ubucuruzi mu

Article 5: Authorisation to import and to export tobacco and tobacco products

Importation, exportation and distribution of tobacco and tobacco products shall be subject to prior authorization of the Ministry in charge of trade.

Article 5: Autorisation d'importer et d'exporter du tabac et des produits du tabac

L'importation, l'exportation et la distribution du tabac et des produits du tabac sont soumis à l'autorisation préalable du Ministre ayant le

nshingano ze.

Amaze kubyumvikanaho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze, ashyiraho iteka rigena ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gutumiza no kohereza mu mahanga itabi n'ibirikomokaho.

Ingingo ya 6: Ibipimo itabi ritarenza

Amasegereti acuruzwa ku isoko ry'imbere mu gihugu ntashobora kugira ibipimo birenze ibi bikurikira:

1º mg 15 ya "goudron" ku isegereti;
2º mg 1,5 ya "nicotine " ku isegereti;
3º mg 15 ya "monoxide de carbone" ku isegereti.

UMUTWE WA III: KURENGERA ABATANYWA ITABI

Icyiciro cya mbere: Ibibujijwe ku bacuruza itabi

Ingingo ya 7: Umubare ntarengwa w'itabi abagenzi binjiza mu Rwanda

Gutumiza ibikomoka ku itabi bikozwe n'abandi bantu batari abafite ububiko kandi bemerewe kugurisha itabi n'ibirikomokaho birabujijwe. Icyakora, umugenzi winjiye mu Rwanda yemerewe kwinjiza mu gihugu umubare wihanganirwa ungana n'amasegereti 200, ibigoma 50 cyangwa ikilo kimwe cy'itabi ariko ntashobora gukomatanya ibi byose. Umugenzi agomba kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

After consultation with the Minister in charge of health, the Minister in charge of trade shall, by a Ministerial Order, determine conditions for importing and exporting tobacco and tobacco products.

Article 6: Required content for tobacco

The yields of cigarettes released for domestic sale shall not be greater than:

1° 15 mg for tar per cigarette;
2° 1,5 mg for nicotine per cigarette;
3° 15 mg for carbon monoxide per cigarette.

CHAPTER III: PROTECTION OF NON-SMOKERS

Section one: Prohibitions to tobacco sellers

Article 7: Restricted quantity of tobacco for travelers entering Rwanda

The importation of tobacco and tobacco products by a person other than the approved warehouse operators is prohibited. However, a traveller entering Rwanda shall be allowed a tolerable quantity of 200 cigarettes or cigarillos, 50 cigars or one kilogram of tobacco but not both. He/she shall at least be aged eighteen (18) years.

commerce dans ses attributions.

Après concertation avec le Ministre ayant la santé dans ses attributions, le Ministre ayant le commerce dans ses attributions détermine par arrêté ministériel les conditions requises pour importer et exporter le tabac et les produits du tabac.

Article 6: Exigence en teneur pour le tabac

Les cigarettes vendues sur le marché intérieur ne peuvent pas avoir des teneurs supérieures à:

1° 15 mg de goudron par cigarette;
2° 1,5 mg de nicotine par cigarette;
3° 15 mg de monoxyde de carbone par cigarette.

CHAPITRE III: PROTECTION DES NON-FUMEURS

Section première: Interdictions aux vendeurs du tabac

Article 7: Quantité limitée du tabac imposée aux voyageurs entrant au Rwanda

L'importation par des personnes autres que les entreposeurs agréés pour la vente du tabac et des produits du tabac est interdite. Toutefois, à son entrée au Rwanda, le voyageur est autorisé à une quantité tolérable de 200 cigarettes ou cigarillos, 50 cigares ou d'un kilogramme de tabac sans possibilité de cumul. Il doit être âgé d'au moins dix- huit (18) ans.

Ingingo ya 8: Gukwirakwiza itabi n'ibirikomokaho

Gukwirakwiza itabi n'ibirikomokaho bikorwa gusa n'abafite ububiko babyemerewe na Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze.

Article 8: Distribution of tobacco and tobacco products

The distribution of tobacco and tobacco products is exclusively the role of the warehouse operators authorized by the Minister in charge of trade.

Article 8: Distribution du tabac et des produits du tabac

La distribution du tabac et des produits du tabac est effectuée exclusivement par les entreposeurs agréés par le Ministre ayant le commerce dans ses attributions.

Ingingo ya 9: Ahabujijwe kugurisha itabi n'ibirikomokaho

Birabujijwe kugurisha itabi n'ibirikomokaho ahantu hakurikira:

1º ibigo by'ubuvuzi ibyo ari byo byose;

2º ibigo byose bikora cyangwa bicuruza imiti;

3º ubusitani abana bakiniramo n'ahantu hose abana benshi bahurira;

4º ibigo by'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'amakuru;

5º ibibuga by'imikino n'imyidagaduro.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena ahandi hantu hashobora kubuzwa kugurishirizwa itabi n'ibirikomokaho.

Article 9: Premises prohibited for selling tobacco and tobacco products

It is prohibited to sell tobacco and tobacco products in the following premises:

1° all health facilities;

2° all drugs production companies and pharmacies;

3° children's gardens and any other public place meant for children;

4° nursery, primary and secondary schools, as well as higher institutions;

5° sports and leisure grounds.

An Order of the Minister in charge of health shall determine other premises prohibited for selling tobacco and tobacco products.

Article 9: Endroits et locaux interdits à la vente du tabac et des produits du tabac

Il est interdit de vendre le tabac et les produits du tabac dans les endroits suivants:

1° tous les établissements sanitaires;

2° tous les établissements de fabrication de médicaments et les comptoirs pharmaceutiques;

3° les jardins d'enfants et lieux publics destinés aux enfants;

4° les établissements d'enseignement pré-scolaire, primaire, secondaire et supérieur;

5° les terrains de sports et de loisir.

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine d'autres endroits interdits à la vente du tabac et des produits du tabac.

Icyiciro cya kabiri: Ibibujijwe ku banywi b'itabi n'ibirikomokaho

Ingingo ya 10: Gukoresha umwana mu icuruzwa ry'itabi n'ibirikomokaho

Birabujijwe gukoresha umuntu utagejeje nibura ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko mu gucuruza, kugura, kugurisha no guhererekanya itabi n'ibirikomokaho.

Birabujijwe kandi ko ucuruza itabi n'ibirikomokaho abigurisha umuntu utagejeje ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

Ingingo ya 11: Kunywera itabi mu ruhame

Birabujijwe kunywera itabi mu ruhame, ahakorerwa akazi cyangwa ahahurira abantu benshi nko**:**

1° mu nyubako zikorerwamo;
2° mu rukiko n'aharukikije;
3° mu ruganda;
4° mu cyumba rusange cyerekanirwamo filimi, ikinamico na videwo;
5° mu bitaro, amavuriro n'ibindi bigo by'ubuvuzi;
6° aho bafatira ifunguro, amahoteri n'utubari;
7° ibigo byakira abana;
8° mu duce turimo amacumbi yo kubamo n'izindi nyubako zifashishwa mu bikorwa byo kwakira no gukora uburinzi bw'abana cyangwa inyubako bigiramo cyangwa aho barererwa;
9° aho basengera;

Section 2: Prohibitions for consumers of tobacco and tobacco products

Article 10: Involving a child in the business of tobacco and tobacco products

It is prohibited to involve a person under eighteen (18) in, buying, selling and exchanging of tobacco and tobacco products.

It is also prohibited for the seller to sell tobacco and tobacco products to a person under eighteen (18).

Article 11: Smoking in public place

No person shall smoke in public, workplace or in any part of a public place such as:

1° premises meant for work;
2° in a courtroom and surroundings;
3° a factory;
4° a cinema hall, theatre and video house;
5° hospitals, clinics and other health facilities;
6° restaurants, hotels and bars;
7° children's homes;
8° areas of residential houses and such other premises which are used for childcare activity or for schooling or tutoring;
9° places of worship;

Section 2: Interdictions aux consommateurs du tabac et des produits du tabac

Article 10: Utilisation d'un mineur dans le commerce du tabac et des produits du tabac

Il est interdit d'utiliser une personne de moins de dix- huit (18) ans dans le commerce, l' achat, la vente et l'échange du tabac et des produits du tabac.

Il est également interdit à un vendeur de vendre du tabac et des produits du tabac à une personne agée de moins de dix- huit (18) ans.

Article 11: Fumer dans un lieu public

Il est interdit de fumer dans un endroit public, un lieu de travail ou une partie d'un lieu public tel que:

1° les bâtiments de travail;
2° dans une salle d'audience et ses alentours;
3° une usine;
4° une salle de cinéma, de théâtre et de vidéos;
5° les hôpitaux, les cliniques et autres installations sanitaires;
6° les restaurants, les hôtels et les bars;
7° les foyers pour enfants;
8° les zones de logements résidentiels et autres locaux utilisés à des fins d'activité de garde d'enfants ou pour l'enseignement ou le tutorat;
9° les lieux de culte;

10° muri gereza;
11° ku cyicaro cya polisi n'aho bafungira by'agateganyo;
12° mu kinyabiziga gitwara abagenzi;

13° mu ndege, mu bwato butwara abagenzi, muri gari ya moshi, mu bwato bwagenewe gutwara imodoka na banyirayo n'ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu;

14° mu kigo cyigirwamo n'abantu batagejeje ku myaka cumi n'umunani (18);

15° mu duce tw'imbere aho gari ya moshi zihagarara, aho bisi zihagarara, aho abagenzi bategerereza bisi, ku bibuga by'indege n'ibikoreshwa na zo, ku byambu n'ahandi bategera indege zitwara abagenzi;

16° mu masoko ari imbere mu zindi nyubako, aho bacururiza n'amaduka adandaza n'aranguza;

17° mu duce tw'imyanya bicaramo muri sitade n'izindi nyubako bareberamo siporo n'indi myidagaduro.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena ahandi hantu hashobora kubuzwa kunywera itabi.

10° prisons;
11° police stations and cells;

12° a public transport vehicle;

13° aircrafts, passenger ships, commuter boats, trains, passengers vehicles, ferries and any other transport means for persons and goods;

14° education facilities for attendees aged under eighteen (18);

15° indoor areas of railway stations, bus stops and queues at bus stops, airports, air fields, ports, and other public transport terminals;

16° indoor markets, shopping malls and retail and wholesale establishments;

17° in sitting areas of stadiums and indoor sports and recreational facilities.

An Order of the Minister in charge of health shall determine other prohibited smoking areas.

10° les prisons;
11° les postes de police et des lieux de détention provisoire;
12° dans un véhicule affecté au transport public;

13° dans les avions, les navires à passagers, les navettes bateaux, les trains, les véhicules transportant des passagers, les bateaux de transport et autre moyen de transport de personnes et des marchandises;

14° les établissements d'enseignement pour les personnes âgées de moins de dix-huit ans (18);

15° les zones intérieures des gares ferroviaires, les arrêts de bus et les files d'attente aux arrêts de bus, les aéroports, les terrains d'aviation, les ports et autres aérogares de transport public;

16° l'intérieur des marchés, les galeries marchandes et les établissements de vente en détail et en gros;

17° dans les zones de places assises des stades et des installations sportives et de spectacles couverts.

Un arreté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine les autres zones d'interdiction de fumer.

Ingingo ya 12: Imiterere iranga ahantu hahariwe abanywa itabi n'ibirikomokaho

Ucunga cyangwa nyir'inyubako zivugwa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko ashobora kugena agace gahariwe abanywa itabi n'ibirikomokaho. Iyo agennye ako gace, agomba gushyira ahagaragara itangazo muri izo nyubako, mu rurimi rw'Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa avuga ko kunywa itabi n'ibirikomokaho byemewe imbere gusa mu gace gahariwe abanywa itabi n'ibirikomokaho kandi ko ahandi hose mu nyubako habujijwe.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena imiterere y'ahantu hagenewe kunywera itabi n'ibirikomokaho n'ibikubiye mu itangazo rihamanikwa.

Article 12: Characteristics of smoking areas

The manager or owner of any of the premises listed in Article 11 of this Law may allocate a smoking area, he/she shall cause to be displayed therein, clear and prominent notices in Kinyarwanda, English and French stating that smoking is only permitted in that particular area whilst prohibited elsewhere within the premises.

An Order of the Minister in charge of health shall determine characteristics of smoking areas and the content which shall be included in the notice to be displayed in those areas.

Article 12: Caractéristiques des zones réservées aux fumeurs

Le gérant ou le propriétaire des locaux cités à l'article 11 de la présente loi peut déterminer une zone réservée aux fumeurs. En cas de détermination de cette zone, le propriétaire doit clairement afficher à l'intérieur de ces locaux, en Kinyarwanda, en Anglais et en Français, un avis y relatif indiquant que fumer est uniquement autorisé à l'intérieur de la zone réservée aux fumeurs bien qu'interdit ailleurs dans les locaux.

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine les caractéristiques des zones réservées aux fumeurs et le contenu de l'avis à afficher sur ces zones.

Ingingo ya 13: Ibyemezo ku batubahirije itangazo

Nyir'inyubako, uyicunga cyangwa umuntu wese ubangamiwe n'umuntu unywera itabi ahatabigenewe havugwa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko, ashobora kumufatira icyemezo gikurikira:

1º gusaba uwo muntu guhita ahagarika kunywa itabi no kumwereka ahabugenewe;

2º kwitabaza inzego z'umutekano iyo uwo muntu yanze gukurikiza ayo mabwiriza.

Article 13: Measures regarding notice violation

An owner, manager or any other person prejudiced by a person who smokes anywhere other than in the smoking area referred to in Article 11 of this Law may take the following action:

1° request that person to stop smoking immediately and indicate to him/her the smoking area;

2° request for assistance of security organs if the person refuses to follow orders.

Article 13: Mesures prises pour violation de l'avis

Un propriétaire, gérant ou toute autre personne qui se voit indisposée par un fumeur qui fume en dehors de la zone réservée aux fumeurs définie à l'article 11 de la présente loi peut prendre des mesures suivantes:

1° lui demander d'arrêter immédiatement de fumer et lui indiquer la zone y réservée;

2° requérir assistance des services de sécurité si la personne refuse de suivre les ordres donnés.

UMUTWE WA IV: IYAMAMAZA, GUTEZA IMBERE NO GUTERA INKUNGA

Ingingo ya 14: Kwamamaza itabi

Ibikorwa byose byo gutangira ubuntu itabi n'ibirikomokaho bigamije kuryamamaza birabujijwe. Ibibujijwe muri iyi ngingo ntibireba ibi bikurikira:

1° itumanaho hagati y'abantu bakora mu buhinzi bw'itabi, abakora itabi n'ibirikomokaho, abaryohereza ku masoko yo mu mahanga, abaritumiza mu mahanga, abarikwirakwiza, abarigurisha cyangwa abakora imirimo yo gucuruza itabi n'ibirikomokaho;

2° inyandiko zijyanye n'ubucuruzi bw'itabi n'ibirikomokaho, zigezwa gusa ku bakozi, abafatanyabikorwa cyangwa abashoramari ariko zitagamije cyangwa zidashobora gushishikariza abantu, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, kugura cyangwa gukoresha itabi n'ibirikomokaho cyangwa ibirango by'icuruzwa ry'itabi.

Ingingo ya 15: Kwamamaza ikindi kintu hifashishijwe itabi

Iyamamaza ry'ikintu cyangwa igicuruzwa kitari itabi n'ibirikomokaho haba mu magambo, mu buryo bushushanyije, mu buryo bigaragazwa cyangwa ubundi buryo bukoreshejwe bwose ntirigomba kuba intandaro yo kwamamaza itabi n'ibirikomokaho ku buryo buziguye.

CHAPTER IV: ADVERTISEMENT, PROMOTION AND SPONSORSHIP

Article 14: Advertising tobacco

Any free-of-charge distribution of tobacco and tobacco products with intent of advertising them is prohibited. Prohibitions referred to in this Article do not apply to the following:

1° communication by persons in the tobacco growing, manufacturing tobacco and tobacco products, importing, exporting, distributing, selling or trading business;

2° tobacco and tobacco products trade publications distributed to employees, stakeholders or investors that are not intended to, and are not likely to encourage, directly or indirectly, the purchase or use of tobacco and, tobacco products or tobacco products brands.

Article 15: Advertising another product using tobacco

Advertisement in favor of item or a product other than tobacco and tobacco products either by its vocabulary, graphics, mode of presentation or any other method should not constitute an indirect advertisement of tobacco or tobacco products.

CHAPITRE IV: PUBLICITE, PROMOTION ET PARRAINAGE

Article 14 : Publicité du tabac

Tout acte de distribution gratuite du tabac et des produits du tabac à des fins de publicité est interdit. L'interdiction visée au présent article ne s'applique pas dans les cas suivants:

1° la communication entre des personnes travaillant dans la culture du tabac, la fabrication du tabac et des produits du tabac, l'importation, l'exportation, la distribution, la vente ou dans les activités commerciales relative au tabac et aux produits du tabac;

2° les publications commerciales distribuées uniquement aux employés, partenaires ou investisseurs et qui n'ont pas pour but et ne sont pas susceptibles d'encourager, directement ou indirectement, l'achat ou l'usage du tabac et de produits du tabac ou de marques de tabac.

Article 15: Publicité d'un autre produit en se servant du tabac

La publicité en faveur d'un objet ou d'un produit autre que le tabac et les produits du tabac soit par son vocabulaire, son graphisme, son mode de présentation ou tout autre procédé ne doit pas constituer une publicité indirecte du tabac ou des produits du tabac.

Birabujijwe gutanga cyangwa gukwirakwiza, ku buntu cyangwa ku kiguzi, izina, ikirango cyamamaza igicuruzwa gikomoka ku itabi.

It is prohibited to offer or distribute, free of charge or not, the name, an advertising mark or emblem of a given tobacco product.

Il est interdit d'offrir ou de distribuer, à titre gratuit ou à titre onereux, le nom, la marque ou l'emblème publicitaire d'un produit du tabac.

Ingingo ya 16: Inkunga yo kwamamaza itabi n'ibirikomokaho mu maserukiramuco

Article 16: Sponsorship of advertising tobacco and tobacco products in festivals

Article 16: Patronage visant la publicité du tabac et des produits du tabac dans des festivals

Abahinzi b'itabi, abakora n'abacuruza itabi n'ibirikomokaho babujijwe gushyigikira ibikorwa by'iserukiramuco cyangwa ibya siporo bagamije kwamamaza itabi cyangwa ibirikomokaho. Abategura ibyo bikorwa babujijwe kwakira bene iyo nkunga.

Producers, manufacturers and dealers in tobacco and tobacco products should not in any way, provide sponsorship intended for advertisement of tobacco and tobacco products to cultural and sports events and likewise. Organizers of such events should not accept such sponsorship.

Les producteurs, fabricants et commerçants du tabac et des produits du tabac ne doivent pas donner leur patronage dans l'intention de faire la publicité du tabac et des produits du tabac dans des festivals ou manifestations sportives. Les organisateurs de telles manifestations ne doivent pas accepter ce patronage.

Mu gihe cy'iserukiramuco cyangwa mu bikorwa bya siporo, birabujijwe kugaragaza mu buryo ubwo ari bwo bwose izina, ikirango cyangwa ikimenyetso cyamamaza igicuruzwa gikomoka ku itabi cyangwa izina ry'umuhinzi w'itabi, iry'ukora cyangwa iry'ucuruza itabi n'ibirikomokaho.

During a cultural or sporting event, it is prohibited to show in any form whatsoever, the name, the trade mark of the advertising emblem of a given tobacco product or the name of the producer, the manufacturer or dealer in tobacco and tobacco products.

Au cours d'une manifestation culturelle ou sportive, il est interdit de faire apparaître sous quelque forme que ce soit, le nom, la marque ou l'emblème publicitaire d'un produit du tabac ou le nom d'un producteur, fabricant ou commerçant du tabac et des produits du tabac.

Ingingo ya 17: Gukurikirana icyitso

Article 17: Prosecution of an accomplice

Article 17: Poursuite d'un complice

Icyitso mu iyamamaza ry'itabi n'ibirikomokaho rinyuranyije n'amategeko cyangwa ibindi bikorwa bibujijwe gikurikiranwa nka gatozi.

An accomplice to unlawful advertisement of tobacco and tobacco products or other unlawful acts shall be prosecuted as the main perpetrator.

Un complice dans la publicité irrégulière du tabac et des produits du tabac ou d'autres actes interdits est poursuivi comme auteur principal.

UMUTWE WA V: GUSHYIRA IBIMENYETSO KU ITABI N'IBIRIKOMOKAHO BICURURIZWA MU RWANDA

Ingingo ya 18: Inyandiko zishyirwa ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho bicururizwa mu Rwanda

Uruganda rukora itabi n'ibirikomokaho bicururizwa mu Rwanda rugomba gushyira inyandiko ziburira ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena ibijya mu nyandiko ziburira zishyirwa ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho n'uko ziteye.

Ingingo ya 19: Ikirango ku itabi n'ibirikomokaho bicuruzwa mu Rwanda

Itabi n'ibirikomokaho bicururizwa mu Rwanda bigomba kuba biriho ikirango gitangwa na Serivisi za Gasutamo n'amagambo "Ricuruzwa mu Rwanda /Sold in Rwanda/Vendu au Rwanda".

Ingingo ya 20: Ibisobanuro bibeshya ku ngaruka z'itabi n'ibirikomokaho

Ku ipaki y'igicuruzwa gikomoka ku itabi ntihagomba kugaragaraho ijambo cyangwa amagambo agamije gutuma umuntu yibeshya ku ngaruka mbi zabyo ku buzima. Ayo magambo ni nka "low tar", "light", "ultra light", "mild" na "ultra".

CHAPTER V: LABELLING TOBACCO AND TOBACCO PRODUCTS SOLD IN RWANDA

Article 18: Imprints to be put on the package of tobacco and tobacco products for sale in Rwanda

A factory manufacturing tobacco and tobacco products sold in Rwanda shall put warning imprints on the package of tobacco and tobacco products.

An Order of the Minister in charge of health shall determine the content and design of the warning to be put on the package of tobacco and tobacco products.

Article 19: Stamp on tobacco and tobacco products for sale in Rwanda

Tobacco and tobacco products sold in Rwanda shall bear a stamp issued by customs services and with imprints "Ricuruzwa mu Rwanda/ Sold in Rwanda/Vendu au Rwanda".

Article 20: Erroneous impression of effects from tobacco and tobacco products

On the package of a tobacco product shall not appear any term which may create an erroneous impression regarding its health effects. This includes terms such as "low tar", "light", "ultra light", "mild" and "ultra."

CHAPITRE V: ETIQUETAGE DU TABAC ET DES PRODUITS DU TABAC VENDUS AU RWANDA

Article 18: Inscriptions à mettre sur le paquet du tabac et des produits du tabac vendus au Rwanda

Une usine de fabrication du tabac et des produits du tabac vendus au Rwanda doivent mettre une notice d'avertissement sur le paquet du tabac et des produits du tabac.

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine le contenu et la forme de l'avertissement à mettre sur le paquet du tabac et des produits du tabac.

Article 19: Vignette sur le tabac et les produits du tabac vendus au Rwanda

Le tabac et les produits du tabac vendus au Rwanda doivent porter une vignette délivrée par les services de douane et avec mention "Ricuruzwa mu Rwanda/Sold in Rwanda/Vendu au Rwanda".

Article 20: Impression erronée sur les conséquences du tabac et des produits du tabac

Il ne doit apparaître sur le paquet d'un produit du tabac aucun terme pouvant créer une impression erronée concernant ses effets sur la santé. Ceci inclut les termes tels que "low tar" (à faible teneur en goudron), "light" (légères), "ultra light" (ultra légères), "mild" (légères) et "ultra".

UMUTWE WA VI: IBIHANO BIJYANYE NO KUTUBAHIRIZA IBITEGANYWA N'IRI TEGEKO

Icyiciro cya mbere: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Ingingo ya 21: Kugurisha itabi n'ibirikomokaho ahabujijwe

Umuntu wese ucururiza itabi n'ibirikomokaho ahantu habujijwe havugwa muri iri tegeko, yamburwa ibyo bicuruzwa.

Ingingo ya 22: Kwamamaza itabi mu buryo butemewe

Umuntu wese utubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko ku bijyanye n'iyamamaza ry'itabi n'ibirikomokaho ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga angana na 100% by'agaciro kuri icyo gikorwa. Iyo yongeye gukora iryo kosa, igihano cy'ihazabu cyikuba kabiri.

Ingingo ya 23: Guhinga itabi mu buryo bw'ubucuruzi, gukora itabi n'ibirikomokaho, gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga itabi n'ibirikomokaho utabifitiye uruhushya

Umuntu wese uhinga itabi mu buryo bw'ubucuruzi, ukora itabi cyangwa ibirikomokaho, utumiza cyangwa wohereza mu mahanga itabi cyangwa ibirikomokaho atabifitiye uruhushya hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga angana na 50% by'agaciro k'icyo gikorwa. Iyo yongeye gukora iryo kosa, igihano cy'ihazabu cyikuba kabiri.

CHAPTER VI: SANCTIONS FOR VIOLATION OF THE PROVISIONS OF THIS LAW

Section One: Administrative sanctions

Article 21: Selling tobacco and tobacco products in prohibited areas

Any person who sells tobacco and tobacco products in prohibited areas referred to under this Law shall have such goods confiscated.

Article 22: Illegal advertising of tobacco

Any person who contravenes the provisions of this Law relating to the advertising of tobacco and tobacco products shall be liable to an administrative fine equal to 100% of the value of such advertising act. In the event of recidivism, the fine shall be doubled.

Article 23: Growing tobacco for business, manufacturing tobacco and tobacco products, importing or exporting tobacco and tobacco products without a permit

Any person who grows tobacco for business, manufactures tobacco and tobacco products, imports or exports tobacco or tobacco products without a licence as provided for under this Law shall be liable to an administrative fine equal to 50% of the value of such an act. In the event of recidivism, the fine shall be doubled.

CHAPITRE VI: SANCTIONS POUR VIOLATION DES DISPOSITIONS DE LA PRÉSENTE LOI

Section première: Sanctions d'ordre administratif

Article 21: Vente du tabac et des produits du tabac aux endroits interdits

Toute personne qui vend le tabac et les produits du tabac aux endroits interdits visés par la présente loi voit ces produits confisqués.

Article 22: Publicité illégale du tabac

Toute personne qui contrevient aux dispositions de la présente loi relatives à la publicité du tabac et des produits du tabac est passible d'une amende administrative équivalente à 100% de la valeur de cet acte de publicité. En cas de récidive, l'amende est portée au double.

Article 23: Culture du tabac à des fins commerciales, fabrication du tabac et des produits du tabac, importation ou exportation du tabac et des produits du tabac sans licence

Toute personne qui cultive le tabac à des fins commerciales, fabrique le tabac et les produits du tabac, importe ou exporte le tabac ou les produits du tabac sans licence telle que prévue par la présente loi est passible d'une amende administrative équivalente à 50% de la valeur de cet acte. En cas de récidive, l'amende est portée au double.

Ingingo ya 24: Kudashyira ibimenyetso ku itabi n'ibirikomokaho bicuruzwa mu Rwanda

Ipaki y'itabi n'ibirikomokaho itariho inyandiko ziburira nk'uko biteganywa n'iri tegeko, irafatirwa burundu, uruganda cyangwa umuntu wagerageje kubyinjiza mu gihugu, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na 50% by'agaciro k'ibicuruzwa yambuwe burundu.

Article 24: Failure to label tobacco and tobacco products for sale in Rwanda

A package of tobacco and tobacco products which does not bear warning imprints as provided for under this Law shall be confiscated, and the factory or the person who attempts to bring the products in the country shall be liable to an administrative fine equal to 50% of the value of goods definitively confiscated.

Article 24: Manquement à l'étiquetage du tabac et des produits du tabac vendus au Rwanda

Un paquet du tabac et des produits du tabac qui ne portent pas la notice d'avertissement prévue par la présente loi sont définitivement confisqués, et l'usine ou la personne qui a tenté de les introduire au pays, est passible d'une amende administrative équivalent à 50% de la valeur des marchandises définitivement confisquées.

Ingingo ya 25: Kudashyira ikirango ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho bicururizwa mu Rwanda

Umuntu wese utumiza itabi n'ibirikomokaho akabicururiza mu Rwanda bitariho ikirango n'amagambo ari mu ndimi zemewe mu Rwanda " Ricuruzwa mu Rwanda/Sold in Rwanda/Vendu au Rwanda" nk'uko biteganywa n'iri tegeko, ahanishwa igihano cyo kwamburwa ibyo bicuruzwa n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na 100% by'agaciro k'ibicuruzwa byafatiriwe burundu.

Article 25: Failure to put a stamp on tobacco and tobacco products for sale in Rwanda

Any person who imports tobacco and tobacco products and sells them in Rwanda without a stamp and imprints written in languages recognised in Rwanda "Ricuruzwa mu Rwanda/sold in Rwanda/ Vendu au Rwanda" as provided for under this Law, shall have such goods confiscated and be liable upon conviction to an administrative fine equal to 100% of the value of goods definitively confiscated.

Article 25: Manquement à mettre la vignette au tabac et aux produits du tabac vendus au Rwanda

Toute personne qui importe le tabac et les produits du tabac et les vend au Rwanda sans vignette et mention écrite en langues reconnues au Rwanda "Ricuruzwa mu Rwanda/Sold in Rwanda/ Vendu au Rwanda" voit ces produits confisqués et est passible d'une amende administrative équivalente à 100% de la valeur des marchandises définitivement confisquées.

Icyiciro cya kabiri: Ibihano ku byaha bikorwa mu mikoreshereze y'itabi

Section 2: Penalties for tobacco use related offences

Section 2: Peines pour les infractions relatives à l'utilisation du tabac

Ingingo ya 26: Kunywera itabi mu ruhame, kuriha cyangwa kurigurisha umwana, kurimushishikariza cyangwa kumukoresha mu icuruzwa ryaryo

Umuntu wese:

1º unywera itabi cyangwa ibirikomokaho mu ruhame;

Article 26: Smoking in public, offering and selling tobacco to a child, encouraging him/her to smoke or involving him/her in the sale of tobacco

Any person who:

1º smokes in public places;

Article 26: Fumer en public, donner ou vendre du tabac à un enfant, l'encourager à fumer ou l'employer dans le commerce du tabac

Toute personne qui:

1º fume en public;

2º uha cyangwa ugurisha umwana itabi n'ibirikomokaho cyangwa umushishikariza kurinywa;	2º offers or sells tobacco to a child or encourages him/her to smoke;	2º donne ou vend du tabac à un enfant ou l'encourage à fumer;
3º ukoresha umwana mu icuruzwa ry'itabi n'ibirikomokaho	3º involves a child in the sale of tobacco and tobacco products	3º emploie un enfant dans le commerce du tabac et les produits du tabac
ahanishwa ibihano biteganywa n'Igitabo cy'Amategeko ahana.	shall be liable to penalties provided for under the Penal Code.	est passible des peines prévues par le Code Pénal.

UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 27: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 27: Transitional period**	**Article 27: Période transitoire**
Inganda, abacuruza n'abatumiza itabi n'ibirikomokaho bahawe igihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12), uhereye umunsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo babe barangije gucuruza ibyo bafite mu bubiko bitujuje ibiteganywa n'iri tegeko.	Factories, sellers and importers of tobacco and tobacco products shall have a period not exceeding twelve (12) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to sell off their products kept in stores that do not fulfill the requirements of this Law.	Les usines, vendeurs et importateurs du tabac et les produits du tabac disposent d'un délai ne dépassant pas douze (12) mois à compter de la date de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour écouler leurs produits en stock ne remplissant pas les exigences de la présente loi.
Ingingo ya 28: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 28: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 28: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.	La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.
Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 29: Repealing provision**	**Article 29: Disposition abrogatoire**
Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.	Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

<u>Ingingo ya 30:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **01/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

<u>Article 30</u>: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **01/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUEMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

<u>Article 30:</u> Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **01/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HBUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°09/2013 RYO KUWA 01/03/2013 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE KUGENZURA IMIKORERE Y'INZEGO ZIMWE Z'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO (RURA) RIKANAGENA INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE, N'IMIKORERE BYARWO

LAW Nº09/2013 OF 01/03/2013 ESTABLISHING RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY (RURA) AND DETERMINING ITS MISSION, POWERS, ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N°09/2013 DU 01/03/2013 PORTANT CREATION DE L'AUTORITE RWANDAISE DE REGULATION DE CERTAINS SERVICES D'UTILITE PUBLIQUE (RURA) ET DETERMINANT SA MISSION, SES POUVOIRS, SON ORGANISATION, ET SON FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Inzego z'imirimo zigenzurwa na RURA

Ingingo ya 3 : Icyicaro cya RURA

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RURA

Ingingo 4: Inshingano za RURA

Ingingo ya 5: Inshingano zihariye za RURA ku nzego z'itangazamakuru

Ingingo ya 6: Ububasha rusange

Ingingo ya 7: Ububasha bwo kugenzura ibiciro n'andi mafaranga asabwa mu itangwa rya serivisi

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Regulated public utilities by RURA

Article 3: Head office of RURA

CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF RURA

Article 4: Mission of RURA

Article 5: Specific mission of RURA with regard to the media

Article 6: General powers

Article 7: Power to regulate tariffs and charges

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Services d'utilité publique régulés par RURA

Article 3: Siège du RURA

CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DU RURA

Article 4 : Missions du RURA

Article 5: Missions particulières du RURA relatives aux médias

Article 6: Pouvoirs d'ordre général

Article 7 : Pouvoir de réglementer les tarifs et autres frais

Ingingo ya 8 : Ububasha bwo guhabwa amakuru	**Article 8 : Power to obtain information**	**Article 8: Pouvoir d'obtenir des informations**
Ingingo ya 9: Ububasha bw'ubugenzacyaha no kuburanira RURA	**Article 9: Judicial police power and RURA's representation before courts**	**Article 9: Pouvoir de police judiciaire et représentation du RURA devant la justice**
Ingingo ya 10: Ishyirwa mu bikorwa ry'ububasha bwa RURA	**Article 10: Enforcement of RURA powers**	**Article 10: Mise en oeuvre des pouvoirs du RURA**
UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RURA	**CHAPTER III: SUPERVISING ORGAN OF RURA**	**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU RURA**
Ingingo ya 11: Urwego rureberera RURA	**Article 11: Supervising Organ of RURA**	**Article 11: Organe de tutelle du RURA**
Ingingo 12 : Raporo y'ibikorwa	**Article 12: Activity report**	**Article 12: Rapport d'activités**
UMUTWE WA IV: IMITERERE YA RURA	**CHAPTER IV: ORGANIZATION OF RURA**	**CHAPITRE IV : ORGANISATION DU RURA**
Ingingo ya 13 : Inzego z'Ubuyobozi za RURA	**Article 13: Management organs of RURA**	**Article 13: Organes de direction du RURA**
Icyiciro cya mbere: Inama Ngenzuramikorere	**Section One: Regulatory Board**	**Section première: Conseil de Régulation**
Ingingo ya 14 : Inama Ngenzuramikorere	**Article 14: Regulatory Board**	**Article 14: Conseil de Régulation**
Ingingo 15: Ibisabwa mu kujya mu Nama Ngenzuramikorere	**Article 15: Requirements for Regulatory Board membership**	**Article 15: Conditions requises pour être membre du Conseil de Régulation**
Ingingo 16: Igihe abagize Inama Ngenzuramikorere bamara ku mirimo yabo	**Article 16: Term of office of the Regulatory Board members**	**Article 16: Mandats des membres du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 17: Ibitabangikanywa no kuba umwe mu bagize Inama Ngenzuramikorere	**Article 17: Incompatibilities with the membership of the Regulatory Board**	**Article 17 : Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil de Régulation**

Ingingo ya 18: Impamvu zo kuva mu Nama Ngenzuramikorere	**Article18: Reasons for termination of Regulatory Board membership**	**Article 18: Raisons occasionnant la perte de la qualité de membre du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 19 : Inshingano z'Inama Ngenzuramikorere	**Article 19: Responsibilities of the Regulatory Board**	**Article 19 : Attributions du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 20 : Ububasha bw'Inama Ngenzuramikorere	**Article 20: Powers of the Regulatory Board**	**Article 20: Compétence du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 21: Ibisabwa Inama Ngenzuramikorere	**Article 21: Requirements for the Regulatory Board**	**Article 21: Exigences au Conseil de Régulation**
Ingingo ya 22: Itumizwa ry'inama z'Inama Ngenzuramikorere	**Article 22: Convening Regulatory Board meetings**	**Article 22: Convocation des réunions du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 23: Kumenyesha inama y'Inama Ngenzuramikorere	**Article 23: Notification of Regulatory Board meeting**	**Article 23: Notification de la réunion du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 24: Iterana ry'inama y'Inama Ngenzuramikorere	**Article 24: Holding of the Regulatory Board meeting**	**Article 24: Tenue de la réunion du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 25: Ibigenerwa abagize Inama Ngenzuramikorere bitabiriye inama	**Article 25: Sitting allowances for the Regulatory Board members**	**Article 25: Jetons de présence des membres du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 26: Kwiyambaza impuguke	**Article 26: Request for expert**	**Article 26: Recours aux personnes ressources**
Ingingo ya 27: Komisiyo z'Inama Ngenzuramikorere	**Article 27: Committees of the Regulatory Board**	**Article 27: Commissions du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 28: Ubugishwanama	**Article 28: Consultative duties**	**Article 28: Fonctions consultatives**
Ingingo ya 29: Ibyemezo by'Inama Ngenzuramikorere	**Article 29: Regulatory Board decisions**	**Article 29: Décisions du Conseil de Régulation**
Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'ibyemezo by'Inama Ngenzuramikorere	**Article 30: Nullification of the Regulatory Board decisions**	**Article 30: Annulation des décisions du Conseil de Régulation**

Ingingo ya 31: Inyandikomvugo z'inama z'Inama Ngenzuramikorere	**Article 31: Minutes of Regulatory Board meetings**	**Article 31: Procès-verbaux des réunions du Conseil de Régulation**
Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru n'inzego z'imirimo bya RURA	**Section 2: General Directorate and departments of RURA**	**Section 2: Direction Générale et départements du RURA**
Ingingo ya 32 : Ishyirwaho ry'Umuyobozi Mukuru	**Article 32: Appointment of the Director General**	**Article 32: Nomination du Directeur Général**
Ingingo ya 33 : Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RURA	**Article 33: Powers and responsibilities of the Director General of RURA**	**Article 33: Pouvoir et attributions du Directeur Général du RURA**
Ingingo ya 34: Ibigenerwa Umuyobozi Mukuru n'abandi bakozi	**Article 34: Benefits entitled to the Director General and other staff members**	**Article 34: Avantages accordés au Directeur Général et aux autres membres du personnel**
Ingingo ya 35: Sitati igenga abakozi, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo	**Article 35: Statutes governing staff, organisation and structure and responsibilities of departments**	**Article 35: Statut régissant le personnel, le cadre organique et les attributions des départements**
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA RURA	**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCES OF RURA**	**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU RURA**
Ingingo ya 36: Aho umutungo wa RURA ukomoka	**Article 36: Source of the property of RURA**	**Article 36: Source du patrimoine du RURA**
Ingingo 37: Itangwa ry'umusanzu ku byacurujwe	**Article 37: Payment of the contribution levied on annual turnover**	**Article 37: Paiement de la contribution calculée sur le chiffre d'affaires annuel**
Ingingo ya 38 : Kwaka inguzanyo	**Article 38: Loan application**	**Article 38: Recours aux emprunts**
Ingingo ya 39: Amafaranga asaguka ku ngengo y'imari ya RURA	**Article 39 : Surplus of RURA budget**	**Article 39: Excédent budgétaire du RURA**
Ingingo ya 40: Igenzura ry'imari ya RURA	**Article 40: RURA financial audit**	**Article 40: Audit des finances du RURA**
UMUTWE WA VI: IHIGANWA	**CHAPITRE VI: COMPETITION**	**CHAPITRE VI : CONCURRENCE**
Ingingo ya 41: Kugena ufite ubwiganze ku	**Article 41: Designation of who holds a**	**Article 41: Désignation de la position**

isoko	**dominant position in the market**	**dominante sur le marché**
Ingingo ya 42: Ububasha mu byerekeranye n'ihiganwa mu bucuruzi	**Article 42: Powers in competition**	**Article 42: Pouvoirs en matière de concurrence**
Ingingo ya 43: Imyitwarire ibangamiye ihiganwa	**Article 43: Anti-competitive practices**	**Article 43: Pratiques anticoncurrentielles**
Ingingo ya 44: Kubuza ikoreshwa nabi ry'umwanya w'ubwiganze	**Article 44: Prohibition of abuse of dominant position**	**Article 44: Interdiction d'abus de la position dominante**
Ingingo ya 45 : Kuregera imyitwarire ibangamiye ihiganwa	**Article 45: Action against anti-competitive practices**	**Article 45: Action contre les pratiques anticoncurrentielles**
Ingingo ya 46: Ipererereza ku kirego	**Article 46: Investigation on the complaint**	**Article 46: Enquête sur la plainte**
Ingingo ya 47: Ububasha bwa RURA ku kirego	**Article 47: Powers of RURA on the complaint**	**Article 47: Pouvoirs du RURA en matière de plainte**
UMUTWE WA VII: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	**CHAPTER VII: ADMINISTRATIVE SANCTIONS**	**CHAPITRE VII: SANCTIONS ADMINISTRATIVES**
Ingingo ya 48: Ibihano by'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa abadatanga amakuru	**Article 48: Administrative fine for failing to give information**	**Article 48: Amende administrative pour le défaut de fournir les informations**
Ingingo ya 49: Ibihano ku myitwarire ibangamira ihiganwa no gukoresha nabi umwanya w'ubwiganze	**Article 49: Sanctions for anti-competitive practices and abuse of the dominant position**	**Article 49: Sanctions des pratiques anticoncurrentielles et d'abus de la position dominante**
UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER VIII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 50: Kwegurirwa umutungo w'Ikigo	**Article 50: Transfer of public institution property**	**Article 50: Transfert du patrimoine des établissements publics**
Ingingo ya 51: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 51: Drafting, consideration and adoption of this law**	**Article 51: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

Ingingo ya 52: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 52: Repealing provision**	**Article 52: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 53 : Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 53: Commencement**	**Article 53: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°09/2013 RYO KUWA 01/03/2013 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE KUGENZURA IMIKORERE Y'INZEGO ZIMWE Z'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO (RURA) RIKANAGENA INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE, N'IMIKORERE BYARWO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 03 Ukuboza 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 18 Ukwakira 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya

LAW Nº09/2013 OF 01/03/2013 ESTABLISHING RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY (RURA) AND DETERMINING ITS MISSION, POWERS, ORGANISATION AND FUNCTIONING

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 03 December 2012;

The Senate, in its session of 18 October 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 176 and 201;

LOI N°09/2013 DU 01/03/2013 PORTANT CREATION DE L'AUTORITE RWANDAISE DE REGULATION DE CERTAINS SERVICES D'UTILITE PUBLIQUE (RURA) ET DETERMINANT SA MISSION, SES POUVOIRS, SON ORGANISATION, ET SON FONCTIONNEMENT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT, ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 03 décembre 2012;

Le Sénat, en sa séance du 18 octobre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 176 et 201;

88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, 108, iya 113, iya 118, iya 176 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko n° 39/2001 ryo kuwa 13/09/2001 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;

Having reviewed Law n° 39/2001 of 13/09/2001 establishing an Agency for the Regulation of certain public utilities;

Revu la Loi n° 39/2001 du 13/09/2001 portant création de l'Agence de Régulation de certains services d'utilité publique;

YEMEJE :

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro rwitwa ,''RURA**"**, mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Icyongereza.

Iri tegeko rigena kandi inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byarwo.

Article One: Purpose of this Law

This Law shall establish Rwanda Utilities Regulatory Authority, abbreviated as "RURA".

This Law also determines its mission, powers, organization and functioning.

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Autorité Rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique, dénommée "RURA" en sigle anglais.

La présente loi détermine également sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement.

RURA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo ikagira n'ikirango cyayo bwite.

RURA shall have legal personality in administrative and financial autonomy. It shall have its personal seal.

RURA est dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et a son propre sceau.

Ingingo ya 2: Inzego z'imirimo zigenzurwa na RURA

Inzego z'imirimo zigenzurwa mu rwego rw'iri tegeko ni izi zikurikira:

Article 2: Regulated public utilities by RURA

The regulated public utilities under this law shall be the following:

Article 2: Services d'utilité publique régulés par RURA

Les services d'utilité publique régulés en vertu de la présente loi sont les suivants:

1º itumanaho, ikoranabuhanga mu isakazabumenyi, isakazamakuru n'indi mirimo ikomoka ku ihurirana n'iyuzuzanya by'ikoranabuhanga, nk'itumanaho rikoresheje interineti n'ubundi buryo bwo gukwirakwiza amajwi n'amashusho bukoresheje isakazabumenyi n'itumanaho mu ikoranabuhanga;

2º serivisi z'amaposita;
3º ingufu zisubira n'izitisubira, n'imyuka ikoreshwa mu nganda, ibitembo n'ibigega;

4º amazi;
5º isuku n'isukura;
6º gutwara abantu n'ibintu;
7º n'izindi nzego z'imirimo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 3 : Icyicaro cya RURA

Icyicaro cya RURA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

RURA ishobora kugira amashami ahandi mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Inama Ngenzuramikorere.

1° telecommunications, information technology, broadcasting and converging electronic technologies including the internet and any other audiovisual information and communication technology;

2° postal services;
3° renewable and non-renewable energy, industrial gases , pipelines and storage facilities ;

4° water;
5° sanitation;
6° transportation of persons and goods;
7° and other public utilities, if considered necessary.

Article 3: Head office of RURA

The head office of RURA shall be situated in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if considered necessary.

RURA may establish branches elsewhere in the country if considered necessary, in order to fulfil its mission, upon approval by Regulatory Board.

1º télécommunications, technologie de l'information, l'audiovisuel et des technologies électroniques en convergence comprenant l'internet et autre technologie audiovisuelles de l'information et de la communication;

2º les services postaux ;
3º les énergies renouvelables et non-renouvelables, les gaz, les conduites et les réservoirs industriels ;

4º l'eau;
5º l'assainissement ;
6º le transport des personnes et des biens;
7º et autres services publics, si nécessaire.

Article 3: Siège du RURA

Le siège du RURA est établi dans la ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

RURA peut établir des branches en tout autre lieu du pays pour mieux s'acquitter de sa mission après approbation par le Conseil de Régulation.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RURA

Ingingo 4: Inshingano za RURA

Mu rwego rwo kugenzura inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro, inshingano z'ingenzi za RURA ni izi zikurikira :

1º gushyiraho amabwiriza ya ngombwa mu rwego rwo kubahiriza amategeko n'amabwiriza ariho;

2º kugenzura ko inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro zubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga inzego z'imirimo zigenzurwa, binyuze mu kuri no mu mucyo, kandi mu buryo butagira uwo buheza;

3º gukora ku buryo imirimo ifitiye igihugu akamaro ikomeza gutangwa idahagaze n'ababyemerewe no kubungabunga inyungu rusange;

4º kurengera inyungu z'abahabwa n'abatanga serivisi z'imirimo ifitiye igihugu akamaro, hafatwa ibyemezo bigamije guharanira ko ihiganwa mu gutanga izo serivisi rikorwa rikurikije amategeko n'amabwiriza ariho;

5º kurengera no guteza imbere inyungu z'abafatabuguzi ;

CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF RURA

Article 4: Mission of RURA

In order to regulate certain public utilities, RURA's main mission shall consist of the following:

1° to set up necessary guidelines in order to implement laws and regulations in force;

2° to ensure compliance by public utilities with the provisions of laws and regulations governing the regulated sectors in an objective, transparent and non-discriminatory manner;

3° to ensure the continuity of service delivery by the licensed or authorized service providers and the preservation of public interest;

4° to protect users and operators interests by taking measures likely to guarantee effective, sound and fair competition in the regulated sectors within the framework of applicable laws and regulations;

5° to protect and promote consumers' interests;

CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DU RURA

Article 4 : Missions du RURA

Dans le but de réguler certains services d'utilité publique, RURA a les missions principales suivantes:

1° édicter les directives nécessaires dans le cadre de la mise en application des lois et des règlements en vigueur ;

2° veiller à ce que les fournisseurs des services d'utilité publique respectent les dispositions des lois et règlements régissant les secteurs régulés de manière objective, transparente et non-discriminatoire;

3° veiller à la continuité des services par les prestataires de services agréés ou autorisés et la préservation de l'intérêt public;

4° protéger les intérêts des utilisateurs et des opérateurs en prenant toutes mesures propres à garantir l'exercice d'une concurrence effective, saine et loyale dans les secteurs régulés et dans le respect des lois et règlements en vigueur;

5° protéger et promouvoir les intérêts des consommateurs;

6º guteza imbere ikwirakwizwa rya serivisi zigenzurwa, zikagera ku bafatabuguzi bose harimo abafite ubushobozi buke, abatuye mu cyaro n'abanyantege nke;

6° to promote the availability, accessibility and affordability of regulated services to all consumers including low income, rural and disadvantaged consumers;

6° promouvoir la disponibilité et l'accessibilité des services régulés à tous les consommateurs y compris ceux à faible revenu, les consommateurs ruraux et ceux qui sont défavorisés;

7º guteza imbere imikorere y'inzego zimwe z'imirimo igenzurwa hakurikijwe politiki ya Leta y'ubukungu n'imari;

7° to promote efficient development of regulated sectors in accordance with Government economic and financial policy;

7° promouvoir le fonctionnement efficace des secteurs régulés conformément à la politique économique et financière du gouvernement;

8º guteza imbere no kongera ubumenyi rusange, ubukangurambanga, n'imenyakanisha ry'imirimo ngenzuramikorere, harimo**:**

8° to promote and enhance general knowledge, sensitization and awareness of the regulated sectors including but not limited to:

8° promouvoir et renforcer la connaissance générale, la sensibilisation ainsi que la mobilisation en ce qui concerne les secteurs régulés y compris entre autres:

a. uburenganzira n'inshingano z'abafatabuguzi n'abatanga serivisi ;

a. the rights and obligations of consumers and service providers;

a. les droits et obligations des consommateurs et des fournisseurs de services ;

b. uko ibirego bitangwa n'uburyo bikemurwa ;

b. the ways in which complaints are lodged and resolved;

b. la façon dont les plaintes sont introduites et réglées ;

c. inshingano, ububasha n'imirimo bya RURA;

c. the missions, powers and functions of RURA;

c. les missions, pouvoirs et fonctions du RURA;

9º gutanga ibyemezo, uburenganzira n'impushya zikenewe n'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro hakurikijwe amategeko n'amabwiriza azigenga;

9° to issue permits, authorizations and licenses required for regulated sectors, in accordance with the relevant governing laws and regulations;

9° octroyer des permis, autorisations et licences nécessaires pour les secteurs régulés, conformément aux lois et règlements en vigueur;

10º kugenzura no gusuzuma ko abatanga imiyoboro na serivisi bigenzurwa bubahiriza inshingano zabo ziteganywa n'impushya, ibyemezo n'uburenganzira bukubiye mu bukode;

11º gukora ku buryo haba ihiganwa rinoze mu mirimo yose ifitiye Igihugu akamaro igenzurwa.

Ingingo ya 5: Inshingano zihariye za RURA ku nzego z'itangazamakuru

Inshingano zihariye za RURA ku nzego z'itangazamakuru zigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 6: Ububasha rusange

Ku nyungu rusange no kurengera abaguzi by'umwihariko, RURA ifite ububasha bukurikira:

1º gushaka amakuru harimo no gukora ipererezа ahatangirwa serivisi zigenzurwa hagamijwe kugenzura iyubahirizwa ry'inshingano zabo;

2º gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi mu gihe hatubahirijwe iri tegeko n'andi mategeko n'amabwiriza agenga inzego zigenzurwa;

10° to monitor and ensure compliance by regulated network or service providers in line with their licenses, permits and concession obligations;

11° to ensure fair competition in all regulated sectors.

Article 5: Specific mission of RURA in regard to the media

Specific missions of RURA with regard to the media shall be governed by a Prime Minister's Order.

Article 6: General powers

For public interest and the consumers protection in particular, RURA shall have the following powers:

1º to carry out investigations including inspections at service delivery sites of the regulated service providers in the purpose of ensuring compliance with their obligations;

2º to impose administrative sanctions in case of a violation of this Law and other laws and regulations governing regulated sectors;

10° contrôler régulièrement et veiller au respect des obligations par les fournisseurs de réseaux ou de services régulés, contenues dans leurs licences, autorisations et concessions;

11° veiller à la concurrence loyale dans tous les secteurs régulés.

Article 5: Missions particulières du RURA relatives aux médias

Les missions particulières du RURA relatives aux médias sont régies par arrêté du Premier Ministre.

Article 6: Pouvoirs d'ordre général

Pour des raisons d'intérêt général et la protection des consommateurs en particulier, RURA a les pouvoirs suivants:

1º mener des enquêtes, y compris des inspections sur les lieux de prestation des fournisseurs de services soumis à la régulation aux fins de s'assurer du respect de leurs obligations;

2º imposer des sanctions administratives en cas de violation de la présente loi ainsi que d'autres lois et règlements régissant les secteurs régulés;

3º gukemura no gufasha mu ikemurwa ry'impaka zivuka mu nzego z'imirimo igenzurwa;

4º guha amabwiriza utanga serivisi y'imirimo igenzurwa ariko uruhushya rwe rukaba rushobora kuba rwarateshejwe agaciro, rwarahagaritswe by'agateganyo rwarahinduwe cyangwa rwaravanyweho, no gushyiraho umucungamutungo.

Ingingo ya 7: Ububasha bwo kugenzura ibiciro n'andi mafaranga asabwa mu itangwa rya serivisi

RURA ikora igenzura rihoraho ry'ibiciro n'andi mafaranga asabwa n'abatanga serivisi zigenzurwa.

Mu ifatwa ry'ibyemezo, gushyiraho no gutangaza ibiciro n'andi mafaranga asabwa cyangwa gushyiraho uburyo bwo kubigenzura, RURA igomba kwita kuri ibi bikurikira:

1º ikiguzi cyo gukora, no gukwirakwiza ibicuruzwa cyangwa serivisi;

2º inyungu ku mitungo mu nzego z'imirimo igenzurwa;

3º igereranywa iryo ari ryo ryose ryakozwe hifashishijwe ibindi bihugu ku byerekeranye n'ibiciro, ikiguzi

3º to settle and facilitate the settlement of disputes related to regulated services;

4º to issue directives to the regulated service provider whose license to operate has been cancelled, suspended, modified or revoked, and appoint an administrator.

Article 7: Power to regulate tariffs and charges

RURA shall carry out regular reviews of tariffs and charges required by providers of regulated services.

In making any decision, setting tariffs and charges or establishing the method of regulating such tariffs and charges, RURA shall take into account the following:

1º the costs of producing and supplying the goods or services;

2º the return on assets in the regulated sector;

3º any relevant benchmarks including international benchmarks for prices, costs and return on assets in

3º assurer et faciliter le règlement des différends relatifs aux services régulés;

4º donner des directives au fournisseur de services régulés dont la licence d'exploitation a été annulée, suspendue, modifiée ou révoquée et désigner un administrateur.

Article 7: Pouvoir de réglementer les tarifs et autres frais

RURA procède à des vérifications régulières des tarifs et autres frais exigés par les fournisseurs des services régulés.

Dans la prise de décision, fixation des tarifs et autres frais ou fixation du mode de leur régulation, RURA doit tenir compte :

1º des coûts de production et de fourniture de biens ou de services;

2º du rendement des actifs dans les secteurs régulés;

3º de tout point de comparaison pertinent, y compris des comparaisons internationales pour les prix, les coûts

n'inyungu ku mitungo bijyanye n'inzego z'imirimo zikora bimwe;

4º ingingo z'ingenzi zishingirwaho mu igenwa ry'ibiciro;

5º inyungu z'umufatabuguzi n'umushoramari;

6º ubushake bwo guteza imbere ihiganwa mu biciro no kongera umubare w'abahabwa serivisi bitabangamiye ukwaguka kw'isoko n'umusaruro waryo;

7º impamvu y'ishyirwaho ry'ibiciro n'andi mafaranga ntarengwa n'uburyo buhoraho bwo kugenzura igiciro n'andi mafaranga asabwa;

8º izindi mpamvu izo ari zo zose ziteganywa mu itegeko rigenga urwego rugenzurwa.

Ingingo ya 8: Ububasha bwo guhabwa amakuru

RURA ifite ububasha bwo gusaba urwego rugenzurwa kuyiha amakuru ku bikorwa byarwo.

Ayo makuru ashobora kuba akubiyemo ibi bikurikira:

1° ibirebana n'imari, tekiniki, ubumenyi,

comparable sectors;

4º the fundamental elements for determination of tariffs;

5º the consumer's and the investor's interests;

6º the desire to promote competitive tariffs and attract more customers without distorting market growth and profitability;

7º the reason to establish maximum tariffs and charges and ways of carrying out regular reviews of tariffs and charges;

8º any other reasons specified in the relevant sector legislation.

Article 8 : Power to obtain information

RURA shall have the power to require any regulated public utility provider to provide it with information about its activities.

The information may include the following:

1° matters related to financial, technical,

et le rendement des actifs dans des secteurs comparables;

4º des éléments fondamentaux dans la détermination des tarifs;

5º de l'intérêt du consommateur et de l'investisseur;

6º de la volonté de promouvoir des tarifs compétitifs et d'attirer la clientèle sans perturber la croissance du marché et sa rentabilité;

7º de la raison d'établir des tarifs et des frais maxima et des moyens de vérifications régulières des tarifs et frais;

8º de toute autre raison prévue dans la législation régissant le secteur concerné.

Article 8: Pouvoir d'obtenir des informations

RURA a le pouvoir d'exiger à tout fournisseur de service d'utilité publique régulé de lui fournir des informations sur ses activités.

L'information requise peut inclure ce qui suit:

1° les questions liées aux informations

imenyekanisha ry'isoko, ubucuruzi, dosiye z'ibibazo bijyanye n'amategeko n'amakuru yerekeranye n'ibicuruzwa hatitawe ku buremere byaba bifite;

2° amakuru afitwe n'urwego rugenzurwa, ayo rushobora kugeraho n'ayo rushobora kubona mu buryo butarugoye.

Kudatanga amakuru mu gihe cyagenwe cyangwa gutanga amakuru atari yo bihanwa n'itegeko.

Ingingo ya 9: Ububasha bw'ubugenzacyaha no kuburanira RURA

Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena bamwe mu bakozi ba RURA bahabwa ububasha bw'ubugenzacyaha.

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze niwe ugena kandi bamwe mu bakozi ba RURA babifitiye ubushobozi bahabwa ububasha bwo kuyiburanira mu nkiko.

Ingingo ya 10: Ishyirwa mu bikorwa ry'ububasha bwa RURA

RURA ifite ububasha bwo kugera ahatangirwa serivisi z'ibikorwa by'ubucuruzi ibyo ari byo byose byaba iby'umuntu ku giti cye cyangwa ikigo, igihe cyose, hakurikijwe amategeko, haba habayeho integuza cyangwa

scientific, marketing, commercial, file related to legal issues and products information, irrespective of their importance;

2° information which is possessed by the regulated service provider which can be accessed or easily obtained by it.

Failure to provide the information on time or providing wrong information shall be punishable by law.

Article 9: Judicial police power and RURA's representation before courts

An Order of the Minister in charge of justice shall determine some of RURA employees who shall be vested with the judicial police powers.

The Minister in charge of justice shall also appoint some of RURA competent employees to be vested with powers to represent it before courts.

Article 10: Enforcement of RURA powers

RURA shall have access to any commercial premises of any natural person or legal entity, at any time, in accordance with the law, either with or without notice, to inspect and obtain any necessary information.

financières, techniques, scientifiques, commerciales, de marketing, les dossiers d'ordre juridique et les informations sur les produits, quelle que soit leur importance;

2° les informations détenues par le service d'utilité publique régulé, celles auxquelles il peut accéder et celles qu'il peut obtenir facilement.

Le fait de ne pas fournir les informations dans le délai fixé ou fournir de fausses informations, sont punis par la loi.

Article 9: Pouvoir de police judiciaire et représentation du RURA devant la justice

Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions nomme certains agents du RURA qui sont dotés de la qualité d'officiers de police judiciaire.

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions nomme également certains agents compétents du RURA qui sont dotés de pouvoirs de représenter cette institution en justice.

Article 10: Mise en œuvre des pouvoirs du RURA

RURA a le pouvoir d'accès à tous les lieux des services commerciaux de toute personne physique ou morale, à tout moment, conformément à la loi, que ce soit avec ou sans avertissement, pour inspecter et obtenir

ntayo, mu kugenzura no guhabwa amakuru yose ya ngombwa.

Ububasha buteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo buhabwa gusa Inama Ngenzuramikorere n'abakozi ba RURA iyo hari impamvu zumvikana z'uko umuntu cyangwa ikigo batubahirije ibiteganywa n'itegeko rigenga imirimo igenzurwa cyangwa iri tegeko.

The powers provided in the Paragraph One of this Article shall only be exercised by the Regulatory Board or by employees of RURA where there are reasonable grounds to believe that any natural person or legal entity violates the provisions of the law governing the concerned regulated utility or this Law.

toute information nécessaire.

Les pouvoirs prévus à l'alinéa premier du présent article ne sont exercés que par le Conseil de Régulation ou par les employés du RURA lorsqu'il y a des motifs de croire que toute personne physique ou morale viole les dispositions de la loi régissant le service d'utilité publique concernée ou de la présente loi.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RURA

Ingingo ya 11: Urwego rureberera RURA

RURA irebererwa na Serivisi za Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo za Minisiteri zifite inzego zigenzurwa mu nshingano zazo zihuza ibikorwa na RURA mu gushyira mu bikorwa inshingano za buri ruhande.

Ingingo 12 : Raporo y'ibikorwa

RURA ishyikiriza Serivisi za Minisitiri w'Intebe raporo y'ibikorwa rimwe mu mwaka ikagenera Kopi Inteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi, Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo na Minisiteri zifite inzego zigenzurwa mu nshingano zazo.

Raporo y'ibikorwa ishyikirizwa Serivisi za

CHAPTER III: SUPERVISING ORGAN OF RURA

Article 11: Supervising Organ of RURA

RURA is supervised by the Prime Minister's Office.

An Order of the Prime Minister shall determine modalities of which Ministries in charge of regulated sectors shall coordinate activities with RURA in the implementation of their respective mandates.

Article 12: Activity report

RURA shall submit an annual activity report to the Prime Minister's office and provide copies to the Parliament, both chambers, Ministry in charge of finance and Ministries in charge of regulated services.

The activity report shall be submitted to the

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU RURA

Article 11: Organe de tutelle du RURA

RURA est placé sous la tutelle des Services du Premier Ministre.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les modalités selon lesquelles les Ministères ayant les secteurs régulés dans leurs attributions coordonnent les activités avec RURA dans la mise en œuvre de leurs missions respectives.

Article 12: Rapport d'activités

RURA transmet aux services du Premier Ministre le rapport annuel d'activités et réserve copies au Parlement, les deux chambres, au Ministère ayant les finances dans ses attributions et aux Ministères ayant les services régulés dans leurs attributions.

Le rapport d'activités est transmis aux

Minisitiri w'Intebe mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nyuma y'isozwa ry'umwaka w'ingengo y'imari ya Leta.

UMUTWE WA IV: IMITERERE YA RURA

Ingingo ya 13 : Inzego z'Ubuyobozi za RURA

Inzego z'ubuyobozi za RURA ni izi zikurikira :

1° Inama Ngenzuramikorere;
2° Ubuyobozi Bukuru.

Icyiciro cya mbere: Inama Ngenzuramikorere

Ingingo ya 14 : Inama Ngenzuramikorere

Inama Ngenzuramikorere ya RURA ni rwo rwego rukuru ruyiyobora kandi rushinzwe gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga umutungo wa RURA kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

Inama Ngenzuramikorere igizwe n'abantu barindwi (7) barimo n'Umuyobozi Mukuru ari nawe uyibera umwanditsi.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama Ngenzuramikorere bagomba kuba ari abagore.

Prime Minister's Office within three (3) months after the close of the budget year.

CHAPTER IV: ORGANIZATION OF RURA

Article 13: Management organs of RURA

RURA shall have the following management organs:

1° the Regulatory Board;
2° the General Directorate.

Section One: Regulatory Board

Article 14: Regulatory Board

The Regulatory Board of RURA shall be the supreme management and decision making organ. It shall have full powers and responsibilities to manage the property of RURA in order for it to fulfil its mission.

The Regulatory Board shall consist of seven (7) members including the Director General who shall serve as a rapporteur.

At least thirty percent (30%) of the members of the Regulatory Board shall be female.

Services du Premier Ministre dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois à dater de la clôture de l'année budgétaire.

CHAPITRE IV: ORGANISATION DU RURA

Article 13: Organes de direction du RURA

Les organes de direction du RURA sont les suivants:

1° le Conseil de Régulation;
2° la Direction Générale.

Section première: Conseil de Régulation

Article 14: Conseil de Régulation

Le Conseil de Régulation du RURA est l'organe suprême de direction et de prise de décisions. Il est investi de pleins pouvoirs et de responsabilités d'assurer la gestion du patrimoine du RURA pour la réalisation de sa mission.

Le Conseil de Régulation comprend sept (7) membres dont le Directeur Général qui en est le rapporteur.

Au moins trente pour cent (30%) de membres du Conseil de Régulation doivent être de sexe féminin.

Ingingo 15: Ibisabwa mu kujya mu Nama Ngenzuramikorere

Kugira ngo umuntu ajye mu Nama Ngenzuramikorere, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1° kuba ari inyangamugayo;

2° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);

3° kuba afite ubumenyi mu birebana n'inzego z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro cyangwa mu birebana no kugenzura imikorere yazo.

Ingingo 16: Igihe abagize Inama Ngenzuramikorere bamara ku mirimo yabo

Abagize Inama Ngenzuramikorere bashyirwaho n'Iteka rya Perezida mu gihe cy'imyaka ine (4) ishobora kongerwa rimwe uretse Umuyobozi Mukuru.

Iryo teka rigena kandi Perezida wayo.

Mu nama ya mbere, abagize Inama Ngenzuramikorere bitoramo uwungirije Perezida.

Article 15: Requirements for Regulatory Board membership

For a person to be a member of the Regulatory Board, he/she shall meet the following requirements:

1º to be a person of integrity;

2º not to have been irrevocably sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six-months (6);

3º to have a breadth of knowledge, in fields related to public utilities or in the regulation of public utilities.

Article 16: Terms of office of the Regulatory Board members

Members of the Regulatory Board shall be appointed by a Presidential Order for a term of four (4) years renewable only once, except for the Director General.

The same Order shall appoint the Chairperson of the Board.

The Regulatory Board members in their first meeting elect from amongst themselves a Vice-Chairperson.

Article 15: Conditions requises pour être membre du Conseil de Régulation

Pour être membre du Conseil de Régulation, toute personne doit remplir les conditions suivantes :

1º être intègre;

2º ne pas avoir été condamnée définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois ;

3º avoir des connaissances dans les domaines ayant trait aux services d'utilité publique ou dans la régulation de ces services.

Article 16: Mandat des membres du Conseil de Régulation

Les membres du Conseil de Régulation sont nommés par arrêté présidentiel pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois sauf pour le Directeur Général.

Le même arrêté nomme également le Président du Conseil.

Les membres du Conseil de Régulation dans leur première réunion élisent parmi eux un Vice-président.

<u>Ingingo ya 17:</u> Ibitabangikanywa no kuba umwe mu bagize Inama Ngenzuramikorere

Ugize Inama Ngenzuramikorere ntashobora kubangikanya imirimo ye n'ibi bikurikira:

1° kuba umwe mu bayobozi cyangwa abakozi bakuru b'ikigo cyigenga gifitanye isano mu buryo ubwo ari bwo bwose n'inzego z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro zigengwa n'iri tegeko cyangwa kuba bakorana nacyo;

2° kuba, we ubwe cyangwa abagize umuryango we kugeza ku rwego rwa mbere, bafite imigabane cyangwa inyungu mu bucuruzi bw'urwego rw'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;

3° kuba yarabaye umukozi w'ubuyobozi bw'urwego rw'imirimo ifitiye Igihugu akamaro mu myaka itatu (3) ibanziriza igihe yagiriwe umwe mu bagize Inama Ngenzuramikorere;

4° gukora umurimo uwo ari wo wose wabangamira imikorere ya RURA.

<u>Article 17:</u> Incompatibilities with the membership of the Regulatory Board

The membership of the Regulatory Board shall be incompatible with the following activities:

1° being associated with, holding a managerial post or a senior office in any private organisation pertained, in one way or another, to public utilities governed by this Law;

2° holding shares or interests in a business of public utilities either by himself/herself or his/her first degree relatives;

3° having served as a public utility manager for three (3) years preceding his/her appointment to the Regulatory Board;

4° carrying out any activity whatsoever likely to hamper the functioning of RURA.

<u>Article 17 :</u> Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil de Régulation

La fonction de membre du Conseil de Régulation est incompatible avec les activités suivantes:

1° exercer une fonction de directeur ou de cadre supérieur dans une institution privée ayant un lien quelconque avec les services d'utilité publique régis par la présente loi ou en être collaborateur;

2° avoir des actions ou intérêts commerciaux dans un service d'utilité publique soit par lui-même, soit par les membres de sa famille au premier degré ;

3° avoir occupé un poste de direction d'un service d'utilité publique au cours des trois (3) ans précédant sa nomination au Conseil de Régulation;

4° exercer toute activité susceptible d'entraver le fonctionnement du RURA.

<u>Ingingo ya 18:</u> Impamvu zo kuva mu Nama Ngenzuramikorere

Ugize Inama Ngenzuramikorere ava muri uwo mwanya bitewe n'impamvu zikurikira:

1° manda ye irangiye;

2° yeguye akoresheje inyandiko;

3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;

5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;

6° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashyirwa mu Nama Ngenzuramikorere;

7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;

<u>Article 18</u>: Reasons for termination of Regulatory Board membership

The Regulatory Board member shall terminate his/her duties due to the following reasons:

1° end of his/her term of office;

2° resignation in writing ;

3° incapacity due to physical or mental illness as certified by an authorised medical doctor;

4° irrevocable sentence to a term of imprisonment equal to or exceeding six-months (6) with no suspension of sentence;

5° three (3) consecutive absences from the Board meetings within period of one (1) year with no valid reasons;

6° in the event that he/she no longer meets the requirements considered for his/her appointment to the Regulatory Board;

7° display of conduct incompatible with his/her duties;

<u>Article 18</u>: Raisons occasionnant la perte de la qualité de membre du Conseil de Régulation

Le membre du Conseil de Régulation quitte ses fonctions suite aux raisons suivantes :

1° fin de son mandat ;

2° démission présentée par écrit ;

3° incapacité causée par l'insuffisance physique ou mentale attestée par un médecin agréé;

4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;

5° trois (3) absences successives aux réunions du Conseil de Régulation pendant une période d'un an sans motifs valables ;

6° s'il avère qu'il ne remplit plus les conditions requises considérées lors de sa nomination au Conseil de Régulation;

7° manifestation de conduite incompatible à sa fonction;

8° abangamira imikorere ya RURA;

9° ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo yayo;

10° apfuye.

Ingingo ya 19 : Inshingano z'Inama Ngenzuramikorere

Inshingano z'Inama Ngenzuramikorere ni izi zikurikira :

1° kugira uruhare mu ishyirwaho ry'umurongo rusange wa politiki ya RURA kandi igakurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;

2° kugena icyerekezo rusange cya RURA no gukurikirana uko cyubahirizwa;

3° kwemeza ingengo y'imari ya buri mwaka ya RURA na gahunda y'ibikorwa;

4° kwemeza raporo ya buri mwaka y'imikoreshereze y'imari mu mwaka uheruka;

5° kwemeza amategeko agenga abakozi, ibyo bagenerwa, imiterere y'imishahara, amategeko ngengamikorere, n'imbonerahamwe y'inzego z'imirimo bya RURA;

8° hampering the smooth functioning of RURA;

9° when he/she is guilty of the crime of genocide or genocide ideology;

10° death.

Article 19: Responsibilities of the Regulatory Board

The Regulatory Board shall have the following responsibilities:

1º to participate in developing RURA general policy and monitor its implementation;

2º to determine the general vision of RURA and ensure its implementation;

3º to approve RURA's annual budget and action plan;

4º to approve annual financial statements for the previous financial year;

5º to adopt the staff statutes, their emoluments, their wage structure, the internal rules and the organisational structure for RURA;

8° entrave au bon fonctionnement du RURA;

9° s'il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide;

10° décès.

Article 19 : Attributions du Conseil de Régulation

Le Conseil de Régulation a les attributions suivantes:

1º participer à l'élaboration des orientations générales de la politique du RURA et en assurer la mise en œuvre;

2º déterminer la vision globale du RURA et assurer sa mise en œuvre;

3º approuver le budget annuel et le plan d'action du RURA;

4º approuver les états financiers annuels de l'exercice précédent;

5º adopter le statut du personnel, leurs avantages, la structure salariale, le règlement d'ordre intérieur et le cadre organique du RURA;

6° kugena inshingano z'abakozi ba RURA, uburyo bakora imirimo yabo, kubashyira mu mirimo ibisabwe n'Umuyobozi Mukuru;

6º to determine the job descriptions of RURA employees, set related terms and conditions of employment and appoint staff members based on the recommendation of the Director General;

6º déterminer les attributions des membres du personnel du RURA, les modalités d'exercice de leurs attributions et décider de leur nomination sur base des recommandations du Directeur Général;

7° gusuzuma imikorere ya RURA hashingiwe kuri gahunda n'ingengo y'imari yayo;

7º to evaluate the performance of the RURA based on its action plan and budget;

7º évaluer la performance du RURA par rapport à son plan d'action et son budget;

8° gufata icyemezo cyo kwakira, kugura, gutanga cyangwa kugurisha imitungo yimukanwa cyangwa itimukanwa ndetse no ku ikoreshwa ry'umutungo wa RURA;

8º to decide on receiving, buying, giving away or selling movable or immovable property and on the use of RURA's property;

8º décider de l'acquisition, l'achat, la donation ou la vente des biens mobiliers ou immobiliers et de l'utilisation du patrimoine du RURA;

9° kwemeza raporo ya buri mwaka y'ibikorwa bya RURA mbere y'uko ishyikirizwa urwego ruyireberera.

9º to approve the annual activity report of RURA before its submission to the supervisory authority.

9º approuver le rapport annuel d'activités du RURA avant de le transmettre à l'organe de tutelle.

Ingingo ya 20 : Ububasha bw'Inama Ngenzuramikorere

Inama Ngenzuramikorere ifite ububasha bukurikira:

Article 20: Powers of the Regulatory Board

The Regulatory Board shall have the following powers:

Article 20: Compétence du Conseil de Régulation

Le Conseil de Régulation a les compétences suivantes:

1º gushyiraho amabwiriza rusange n'imirongo ngenderwaho hakurikijwe amategeko ariho;

1º to set up the general regulations and directives in accordance with the laws in force;

1º édicter les règlements et les directives, conformément à la législation en vigueur;

2º gushyiraho, igihe icyo ari cyo cyose, ibiciro, amafaranga asabwa cyangwa yishyurwa arebana n'ihuzwa

2º to determine at any time tariffs, charges related to networks interconnection or infrastructure

2º fixer à tout moment les tarifs, les frais requis ou à payer relatifs à l'interconnexion des réseaux ou des

ry'imiyoboro cyangwa gusangira ibikorwaremezo kw'abacuruza imiyoboro cyangwa abatanga serivisi zigenzurwa;

3º gufata icyemezo icyo aricyo cyose kijyanye n'igenzura ry'imirimo ifitiye Igihugu akamaro, cyane cyane ibyemezo byerekeye itangwa, ihagarikwa cyangwa ikurwaho ry'uruhushya;

4º gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi iyo hatubahirijwe amategeko n'amabwiriza cyangwa ibikubiye mu mpushya, n'ibindi byemejwe;

5º gufata ibyemezo ku mpaka yashyikirijwe;

6º kunga igihe ibisabwe n'abafitanye amakimbirane.

Inama Ngenzuramikorere ishobora guha Umuyobozi Mukuru bumwe mu bubasha bumaze kuvugwa haruguru kugira ngo RURA igere ku nshingano zayo.

Ingingo ya 21: Ibisabwa Inama Ngenzuramikorere

Inama Ngenzuramikorere igomba:

shared by public utilities providers;

3º to take any decision pertaining to the regulation of public utilities, particularly any decisions relating to the granting, suspension and withdrawal of a license, authorization or permit;

4º to take administrative sanctions in case of violation of legal and regulatory provisions or of the contents of permits, licenses, authorization and other directives;

5º to take decisions on any disputes referred to it;

6º to conciliate, upon request of parties in dispute.

The Regulatory Board may delegate some of its powers referred to above to the Director General in order for RURA to fulfil its missions.

Article 21: Requirements for the Regulatory Board

The Regulatory Board is required to:

infrastructures partagés par les fournisseurs de services d'utilité publique;

3º prendre toute décision relative à la régulation des services d'utilité publique, en particulier toute décision concernant l'octroi, la suspension et le retrait de licence, d'autorisation ou de permis;

4º prendre des sanctions administratives en cas de violation des dispositions légales et réglementaires ou du contenu des permis, licences et autorisations et autres directives;

5º prendre des décisions sur les différends lui soumis;

6º procéder à la conciliation sur demande des parties en conflit.

Le Conseil de Régulation peut déléguer certains des pouvoirs cités ci-haut au Directeur Général afin que RURA accomplisse ses missions.

Article 21: Exigences au Conseil de Régulation

Le Conseil de Régulation doit:

1º guteza imbere inyungu z'abafatabuguzi n'abashobora kuba bakenera ibintu cyangwa serivisi zitangwa n'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro, baba abantu ubwabo, imiryango cyangwa inzego, hitabwa ku giciro, ubwiza bw'ibintu n'ubw'imirimo ikorwa, kandi igihe bishoboka ibyo ibintu n'imirimo bikaba mu bice by'ingeri zinyuranye, ibyo bigakorwa hatirengagijwe inyungu z'abatanga serivisi;

2º kuzirikana umutekano wa Repubulika y'u Rwanda no kurengera Igihugu igihe ifata ibyemezo bireba inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;

3º kuzuza muri rusange no mu buryo bwihariye mu mitunganyirize y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro, inshingano ihabwa n'amategeko yashyizweho hakurikijwe buri murimo ukorwa ufitiye Igihugu akamaro n'akazi kose k'ubuyobozi kajyana n'izi nshingano;

4º kurengera ibidukikije, kwita ku mutungo kamere kimwe no kuzirikana ubuzima n'umutekano w'abakoresha izo serivisi;

5º kugira inama abakora imirimo ifitiye Igihugu akamaro hagamijwe gukomeza kuyikora neza.

1º promote the interests of subscribers and potential users who require goods and services provided by public utilities, whether by natural persons or legal entities, in respect of the price and quality of goods and services, and where appropriate, to ensure the variety of those goods and services, taking into consideration the interest of service providers;

2º have due regard to the security of the Republic of Rwanda and protection of the country when making decisions concerning public utilities;

3º carry out the general and specific regulatory duties laid down by relevant legislation in respect of each public utility and any administrative function associated with these duties;

4º preserve and protect the environment, the conservation of natural resources and the health and safety of services users;

5º advise public utility providers with the aim of ensuring improvement in the service delivery.

1º promouvoir les intérêts des clients et autres utilisateurs potentiels des biens et services fournis par les services d'utilité publique, qu'il s'agisse des personnes physiques ou morales, dans le respect du prix et de la qualité des biens et services fournis et dans la mesure du possible, s'assurer de la variété de ces biens et services offerts, tout en tenant compte des intérêts des fournisseurs de services;

2º tenir compte de la sécurité de la République du Rwanda et de la protection du pays lors de la prise des décisions concernant les services d'utilité publique;

3º accomplir les fonctions de régulation de manière générale et de manière particulière telles que déterminées par les lois sectorielles de chaque service d'utilité publique et toute responsabilité administrative en rapport avec ces fonctions;

4º préserver et protéger l'environnement et la conservation des ressources naturelles ainsi que la santé et la sécurité des utilisateurs des services;

5º donner des conseils aux fournisseurs des services d'utilité publique dans le but d'améliorer la prestation des

Inama Ngenzuramikorere ikora buri gihe mu bwigenge, mu mucyo, kandi nta vangura iryo ari ryo ryose mu kurangiza ibikorwa byayo.

Ingingo ya 22: Itumizwa ry'inama z'Inama Ngenzuramikorere

Inama y'Inama Ngenzuramikorere isanzwe iterana rimwe mu kwezi itumijwe na Perezida wayo cyangwa umwungirije igihe Perezida adahari.

Inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko na Perezida cyangwa umwungirije iyo Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe n'Urwego rureberera RURA, cyangwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize cyangwa n'Umuyobozi Mukuru wa RURA.

Ingingo ya 23: Kumenyesha inama y'Inama Ngenzuramikorere

Inama y'Inama Ngenzuramikorere itumizwa hakoreshejwe imenyesha ryanditse nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko inama iterana, keretse iyo abagize Inama bose bemeye imenyesha ribangutse. Imenyesha rigomba kuvuga kandi igihe, itariki, ahantu inama izabera n'ibiri ku murongo w'ibizigwa muri iyo nama.

The Regulatory Board shall always act in an independent, transparent and objective manner, and without discrimination when carrying out its activities.

Article 22: Convening Regulatory Board meetings

The ordinary meeting of the Regulatory Board shall be held once in a month upon invitation by the Chairperson or the Vice- Chairperson where the Chairperson is absent.

The extraordinary meeting shall be convened in writing by the Chairperson or the Vice-Chairperson where the Chairperson is absent, upon their own initiative or upon proposal by the supervising authority or, by two-thirds (2/3) of the members of the Regulatory Board or by the Director General of RURA.

Article 23: Notification of Regulatory Board meeting

The meeting of the Regulatory Board is convened through a written notification at least seven (7) days before the date of the meeting except if all members accept an emergency notification. The notification must also state the time, date, location and agenda of the meeting.

services d'utilité publique.

Le Conseil de Régulation agit en tout temps d'une manière indépendante, transparente et objective, sans discrimination aucune dans l'exécution de ses activités.

Article 22: Convocation des réunions du Conseil de Régulation

La réunion ordinaire du Conseil de Régulation se tient une fois par mois sur convocation du Président ou du Vice-Président en cas d'absence du Président.

La réunion extraordinaire est convoquée par écrit par le Président ou par le Vice- Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande de l'organe de tutelle, ou des deux tiers (2/3) des membres du Conseil de Régulation ou du Directeur Général du RURA.

Article 23: Notification de la réunion du Conseil de Régulation

La réunion du Conseil de Régulation est convoquée par notification écrite au moins sept (7) jours avant la tenue de la réunion sauf si tous les membres du Conseil acceptent la notification d'urgence. La notification doit également mentionner l'heure, la date, le lieu et l'ordre du jour de la réunion.

Ingingo ya 24: Iterana ry'inama y'Inama Ngenzuramikorere

Kugira ngo inama y'Inama Ngenzuramikorere iterane, hagomba kuboneka nibura abayigize batanu (5). Inama y'Inama Ngenzuramikorere iyoborwa na Perezida wayo cyangwa umwungirije iyo Perezida adahari.

Iyo Perezida w'Inama Ngenzuramikorere n'umwungirije bombi badahari, inama iyoborwa n'umukuru mu myaka akungirizwa n'umuto mu myaka.

Mu ngingo Inama Ngenzuramikorere isuzuma mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo by'umwaka urangiye.

Mu byo yigaho mu gihembwe cya gatatu harimo gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira.

Article 24: Holding of the Regulatory Board meeting

The required quorum for a Regulatory Board meeting shall be at least five (5) members. The Regulatory Board meeting shall be chaired by the Chairperson or the Vice-Chairperson in case of absence of the Chairperson.

In the absence of the Chairperson and the Vice-Chairperson, the meeting shall be chaired by the eldest member and deputized by the youngest.

Items to be considered by the Regulatory Board in the first quarter of the year shall include approval of the activity report and the use of property in the previous year.

Items to be considered in the third quarter shall include the draft annual budget and the plan of action for the following year.

Article 24: Tenue de la réunion du Conseil de Régulation

Le quorum requis pour la réunion du Conseil de Régulation est de cinq (5) membres. La réunion du Conseil de Régulation est présidée par le Président ou le Vice-Président en cas d'absence du Président.

En cas d'absence du Président et du Vice-Président, la réunion est présidée par un membre plus âgé et secondé par le plus jeune.

Les points à examiner par le Conseil de Régulation au premier trimestre comprennent notamment l'approbation du rapport d'activités et de gestion du patrimoine pour l'exercice précédent.

Les points à examiner au cours du troisième trimestre comprennent notamment le projet du budget et du plan d'action pour l'exercice suivant.

Ingingo ya 25: Ibigenerwa abagize Inama Ngenzuramikorere bitabiriye inama

Abagize Inama Ngenzuramikorere bitabiriye inama z'Inama Ngenzuramikorere bahabwa amafaranga agenwa n'iteka rya Perezida**.**

Article 25: Sitting allowances for the Regulatory Board members

Members of the Regulatory Board present in the meetings of the Regulatory Board shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

Article 25: Jetons de présence des membres du Conseil de Régulation

Les membres du Conseil de Régulation présents aux réunions du Conseil de Régulation bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 26: Kwiyambaza impuguke

Inama Ngenzuramikorere ishobora gutumira mu nama yayo abantu bose ibona ko bashobora kuyungura inama ku ngingo iri ku murongo w'ibyigwa. Abo bantu batoranywa hakurikijwe ubuhanga bwihariye bafite ariko nta burenganzira bafite bwo gutora.

Ingingo ya 27: Komisiyo z'Inama Ngenzuramikorere

Inama Ngenzuramikorere ishobora gushyiraho za komisiyo zo gusesengura ikibazo icyo aricyo cyose kandi izo komisiyo zigashyikiriza raporo yazo Inama Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 28: Ubugishwanama

Inama Ngenzuramikorere ishobora, ku bushake bwayo bwite cyangwa ibisabwe n'umwe mu ba Minisitiri bafite imirimo igenzurwa mu nshingano, kumugira inama cyangwa kumuha ibisobanuro ku kibazo kirebana n'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro.

Minisitiri ufite imirimo igenzurwa mu nshingano, agisha inama Inama Ngenzuramikorere ku birebana no kugena politiki y'urwego rw'imirimo ifitiye igihugu akamaro. Mu mikorere yayo, Inama Ngenzuramikorere izirikana uwo murimo yasabwe gukora kandi ikagira ijambo ku buryo iyo politiki ishyirwa mu bikorwa.

Article 26: Request for experts

The Regulatory Board may invite in its meetings any persons likely to give an advice on a given item on the agenda. Those persons shall be chosen for their specific skills but shall not have the right to vote.

Article 27: Committees of the Regulatory Board

The Regulatory Board may set up committees entrusted with analysing any issue in depth and report to the Regulatory Board.

Article 28: Consultative duties

The Regulatory Board may, upon its own initiative or upon request by a Minister in charge of regulated services, provide advice or informations to the Minister on any matter concerning the relevant public utility.

The Minister in charge of regulated services shall consult with the Regulatory Board concerning the formulation of the sector policy for public utilities. While discharging its duties, the Regulatory Board shall give due regard on having the right of opinion on the implementation of such policy.

Article 26: Recours aux personnes ressources

Le Conseil de Régulation peut inviter, à sa réunion, toutes personnes pouvant lui donner des avis sur un point inscrit à l'ordre du jour. Ces personnes sont choisies sur base de leur compétence particulière mais elles n'ont pas le droit de vote.

Article 27: Commissions du Conseil de Régulation

Le Conseil de Régulation peut créer des commissions pour analyser en profondeur n'importe quelle question et ces dernières donnent rapport au Conseil de Régulation.

Article 28: Fonctions consultatives

Le Conseil de Régulation peut, de sa propre initiative ou sur demande d'un Ministre ayant les services régulés dans ses attributions, donner des conseils ou des informations au Ministre sur une question concernant les services d'utilité publique.

Le Ministre ayant les services régulés dans ses attributions consulte le Conseil de Régulation en ce qui concerne l'élaboration de la politique sectorielle des services d'utilité publique. Dans l'accomplissement de ses activités, le Conseil de Régulation prend en considération cette tâche qui lui est confiée et a le droit d'opinion sur la mise en œuvre de cette politique.

Ingingo ya 29: Ibyemezo by'Inama Ngenzuramikorere	**Article 29: Regulatory Board decisions**	**Article 29: Décisions du Conseil de Régulation**
Nta cyemezo na kimwe cy'Inama Ngenzuramikorere gishobora gufatwa hatari abagize Inama Ngenzuramikorere nibura batanu (5). Ibyemezo bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi y'abagize Inama Ngenzuramikorere baje mu nama. Iyo banganyije amajwi, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura impaka.	No decision of the Regulatory Board can be taken unless at least five (5) members of the Regulatory Board are present. Decisions are made by a majority of votes of members of the Regulatory Board who are present. In case of a tie, the Chairperson shall have the casting vote.	Aucune décision du Conseil de Régulation ne peut être prise sans la présence d'au moins cinq (5) membres du Conseil de Régulation. Les décisions sont prises à la majorité des voix des membres présents. En cas d'égalité de voix, celle du Président est prépondérante.
Abagize Inama Ngenzuramikorere ntibahagararirwa mu nama. Iyo hari impamvu ikomeye ituma batajya ahakorewe inama, bashobora gutanga ibitekerezo hakoreshejwe uburyo bukoresha ikoranabuhanga mu itumanaho hakurikijwe ibyemejwe n'Inama Ngenzuramikorere.	Members of the Regulatory Board shall not be represented in the meetings. In the case of unavoidable absence, members may give opinions by information and communication technology means, as approved by the Board.	Les membres du Conseil de Régulation ne peuvent pas être représentés aux réunions. En cas d'absence inévitable, les membres peuvent émettre leurs avis au moyen des technologies de l'information et de la communication telles qu'approuvées par le Conseil de Régulation.
Inama ikirangira, abagize Inama Ngenzuramikorere bayitabiriye, bashyira umukono ku byemezo byafashwe, kandi bigashyikirizwa Urwego rureberera RURA.	Upon the closure of the meeting, Regulatory Board decisions shall be signed by the members present and shall be communicated to the supervisory organ of RURA.	A la clôture de la réunion, les décision du Conseil de Régulation sont signées par les membres du Conseil présents et sont communiquées à l'organe de tutelle du RURA.
Ntacyo Inama Ngenzuramikorere ishobora gukora cyangwa yasabwa gukora kibangamiye umutekano w'Igihugu cyangwa umubano n'ibindi bihugu.	The Regulatory Board shall not do anything or be required to do anything which is prejudicial to the national security or affect relations with foreign countries.	Le Conseil de Régulation ne doit rien faire et ne peut être sollicité à faire quoi que ce soit qui puisse porter atteinte à la sécurité nationale ou affecter les relations avec les autres pays.

Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'ibyemezo by'Inama Ngenzuramikorere

Urwego rureberera RURA rufite ububasha bwo kuburizamo icyemezo cy'Inama Ngenzuramikorere gishobora kuba cyahungabanya umutekano w'u Rwanda cyangwa ikindi gihugu. Ariko kugira ngo rukoreshe ubwo bubasha, Urwego rureberera RURA rugomba kubanza kubisobanurira Inama Ngenzuramikorere mu nama rwasabye mu nyandiko ko iterana. Iyo Inama ngenzuramikorere ishatse ko icyemezo cyakomeza, Urwego rureberera RURA rukurizamo.

RURA ifite uburenganzira bwo kuregera inkiko zibifitiye ububasha ku bijyanye n'icyemezo cyaburijwemo.

Ingingo ya 31: Inyandikomvugo z'inama z'Inama Ngenzuramikorere

Umuyobozi Mukuru wa RURA akaba n'umwanditsi w'Inama Ngenzuramikorere agira uburenganzira bwo gutora.

Inama y'Inama Ngenzuramikorere ikorerwa inyandikomvugo igasuzumwa kandi ikemezwa mu nama ikurikira. Umuyobozi w'Inama n'Umwanditsi wayo bashyira umukono ku nyandikomvugo n'imyanzuro by'Inama.

Article 30: Nullification of the Regulatory Board decisions

The Supervising Organ of RURA has the power to nullify any decision of the Regulatory Board if it appears that the security of Rwanda or of a foreign country may be adversely affected by it. However, in exercising this power, the Supervising Organ of RURA shall first provide explanations to the Regulatory Board in a meeting which it requested in writing to be convened. If the Regulatory Board insists upon executing the decision, the Supervising Organ shall nullify it.

RURA shall have right to seize the relevant courts as far as the nullified decision is concerned.

Article 31: Minutes of Regulatory Board meetings

The Director General of RURA who is also the rapporteur to the Regulatory Board shall have voting rights.

The proceedings of the meeting of the Regulatory Board shall be recorded in minutes which will be considered and adopted in the next meeting of the Regulatory Board. The Chairperson of the meeting and its rapporteur shall sign the minutes and resolutions of the meeting.

Article 30: Annulation des décisions du Conseil de Régulation

L'Organe de tutelle du RURA a le pouvoir d'annuler une décision du Conseil de Régulation susceptible d'affecter la sécurité de la République du Rwanda ou d'un pays étranger. Toutefois, pour exercer ce pouvoir, l'Organe de tutelle du RURA doit d'abord donner des éclaircissements au Conseil de Régulation dans une réunion qu'il a demandé par écrit de convoquer. Si le Conseil de Régulation persiste dans sa décision, l'Organe de tutelle du RURA procède alors à son annulation.

RURA a droit de faire recours auprès des juridictions compétentes en ce qui concerne la décision annulée.

Article 31: Procès verbaux des réunions du Conseil de Régulation

Le Directeur Général du RURA qui est également le rapporteur du Conseil de Régulation a le droit de vote.

La réunion du Conseil de Régulation fait l'objet d'un procès verbal qui est examiné et adopté à la prochaine réunion. Le Président de la réunion et le rapporteur signent le procès-verbal et les résolutions de la réunion.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru n'inzego z'imirimo bya RURA

Ingingo ya 32 : Ishyirwaho ry'Umuyobozi Mukuru

Umuyobozi Mukuru wa RURA ashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Manda y'Umuyobozi Mukuru wa RURA ni imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe.

Ingingo ya 33 : Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RURA

Umuyobozi Mukuru wa RURA afite ububasha nshingwabikorwa. Ayobora kandi agahuza ibikorwa bya buri munsi kandi abazwa n'Inama Ngenzuramikorere ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byayo.

Inshingano z'ingenzi z'Umuyobozi Mukuru wa RURA ni izi zikurikira:

1° gutegura no kugeza ku Nama Ngenzuramikorere buri gahunda n'ibikorwa bigamije guteza imbere RURA no kurangiza inshingano zayo;

2° gushyira mu bikorwa, gukurikirana no kureba iyubahirizwa rya politiki y'ubugenzuzi bwa RURA n'ibyemezo byashyizweho n'Inama Ngenzuramikorere hakurikijwe amategeko agenga inzego z'imirimo igenzurwa;

Section 2: General Directorate and departments of RURA

Article 32: Appointment of the Director General

The Director General of RURA shall be appointed by a Presidential Order.

The term of office of the Director General of RURA shall be five (5) years renewable once.

Article 33: Powers and responsibilities of the Director General of RURA

The Director General of RURA shall be entrusted with executive powers. He/she shall coordinate and direct its daily activities and shall be answerable to the Regulatory Board on how its decisions are implemented.

The main responsibilities of the Director General of RURA shall be the following:

1° to initiate and present to the Regulatory Board any plan and activities aimed at promoting the development of RURA and the achievement of its mission;

2° to implement, monitor and ensure the enforcement of the regulation policy of RURA and the decisions of the Regulatory Board in accordance with laws governing the regulated public utilities;

Section 2: Direction Générale et départements du RURA

Article 32: Nomination du Directeur Général

Le Directeur Général du RURA est nommé par arrêté présidentiel.

Le mandat du Directeur Général du RURA est de cinq (5) ans renouvelable une fois.

Article 33: Pouvoir et attributions du Directeur Général du RURA

Le Directeur Général du RURA est doté du pouvoir exécutif. Il coordonne et dirige les activités quotidiennes et doit rendre compte au Conseil de Régulation de la mise en application de ses décisions.

Les principales attributions du Directeur Général du RURA sont les suivantes :

1° initier et soumettre au Conseil de Régulation toute planification et toutes les activités destinées à promouvoir le développement du RURA et à réaliser sa mission;

2° mettre en application, assurer le suivi et veiller à la mise en œuvre de la politique de régulation du RURA et des décisions du Conseil de Régulation conformément aux lois régissant les secteurs régulés;

3° gushyira abakozi mu mirimo hakurikijwe amategeko nyuma yo kwemezwa n'Inama Ngenzuramikorere;	3° to assign employees in accordance with the laws upon their appointment by the Regulatory Board;	3° placer les membres du personnel conformément aux lois après leur nomination par le Conseil de Régulation;
4° guhagararira RURA imbere y'amategeko;	4° to serve as a legal representative of RURA ;	4° représenter RURA devant la loi;
5° gukurikirana imirimo ya buri munsi ya RURA;	5° to ensure the daily management of RURA;	5° assurer la gestion quotidienne du RURA;
6° gutegura no kugeza ku Nama Ngenzuramikorere umushinga w'ingengo y'imari kugira ngo iwemeze;	6° to elaborate the draft of the annual budget and submit it to the Regulatory Board for approval;	6° préparer le projet du budget annuel et le soumettre au Conseil de Régulation pour adoption;
7° gukora raporo ya buri mwaka y'imirimo ya RURA;	7° to produce the annual activity report of RURA;	7° produire le rapport annuel des activités du RURA;
8° gushyira mu bikorwa kontaro, ibyumvikanyweho n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono yerekeye inzego zigomba kugenzurwa;	8° to enforce contracts, agreements, conventions and international treaties which have been ratified by Rwanda in relation to regulated sectors;	8° assurer la mise en application des contrats, accords, conventions et traités internationaux ratifiés par le Rwanda relatifs aux secteurs régulés;
9° gukora indi mirimo yagenerwa n'Inama Ngenzuramikorere iri mu nshingano za RURA.	9° to perform any other duties as may be assigned by the Regulatory Board which are under RURA's missions.	9° exercer toute autre tâche lui assignée par le Conseil de Régulation et rentrant dans la mission du RURA.
Ingingo ya 34: Ibigenerwa Umuyobozi Mukuru n'abandi bakozi	**Article 34: Benefits entitled to the Director General and other staff members**	**Article 34: Avantages accordés au Directeur Général et aux autres membres du personnel**
Umushahara n'ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru wa RURA bigenwa n'Iteka rya Perezida, bikishyurwa na RURA.	Salary and other benefits of the Director General of RURA shall be determined by a Presidential Order and shall be paid by RURA.	Le salaire et autres avantages du Directeur Général du RURA sont déterminés par arrêté présidentiel et sont à la charge du RURA.

Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba RURA bigenwa n'Inama Ngenzuramikorere, bikishyurwa na RURA.

Ingingo ya 35: Sitati igenga abakozi, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo

Sitati igenga abakozi, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo bigenwa n'Inama Ngenzuramikorere.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA RURA

Ingingo ya 36: Aho umutungo wa RURA ukomoka

Umutungo wa RURA ukomoka aha hakurikira:

1º ku mafaranga akomoka kw'itangwa ry' impushya, ku masezerano, no ku nshingano z'ukora imirimo ifitiye igihugu akamaro;
2º ku nkunga, impano n'indagano ;
3º ku mafaranga atangwa buri mwaka ahwanye n'ijanisha riva ku gaciro k'ibyacurujwe akomoka kuri buri murimo ugenzurwa wakozwe;
4º ku mahazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yose acibwa n'Inama Ngenzuramikorere;

Salary and other benefits of RURA's staff members shall be determined by the Regulatory Board and shall be paid by RURA.

Article 35: Statutes governing the staff, organisational structure and responsibilities of departments

The Statutes governing the staff, organisational structure and responsibilities of departments shall be determined by the Regulatory Board.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCES OF RURA

Article 36: Source of the property of RURA

The property of RURA shall come from:

1º fees levied on application of and grant of licenses, permits, contracts, concessions and allocations to each public utility operator;
2º grants, donations and legacies;
3º annual regulatory fee based on a percentage of the turnover from each regulated service;
4º all administrative fines imposed by the Regulatory Board;

Le salaire et autres avantages accordés aux membres du personnel du RURA sont déterminés par le Conseil de Régulation et sont à la charge du RURA.

Article 35: Statut régissant le personnel, le cadre organique et les attributions des départements

Le statut du personnel, le cadre organique et les attributions des départements sont déterminés par le Conseil de Régulation.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU RURA

Article 36: Source du patrimoine du RURA

Le patrimoine du RURA provient:

1º des frais perçus sur la demande et l'octroi des licences, des autorisations, des contrats, des concessions et des attributions à chaque opérateur de service d'utilité publique;
2º des subventions, dons et legs;
3º des frais annuels basés sur un pourcentage du chiffre d'affaires provenant de chaque service régulé;
4º de toutes les amendes administratives imposées par le Conseil de Régulation;

5º ku nguzanyo;
6º ku mafaranga RURA yishyuza uwo yahaye serivisi;
7º ubundi bwishyu cyangwa umutungo bihabwa RURA hakurikijwe igikorwa icyo aricyo cyose kijyanye n'imirimo igenzurwa.

5º loans;
6º fees for services rendered by RURA;
7º any other payment or property due to RURA in respect of any activity related to the regulated services.

5º des prêts;
6º des frais perçus pour les services rendus par RURA;
7º tout autre paiement ou patrimoine dû à RURA en rapport avec toute activité liée aux services régulés.

Amafaranga atangwa buri mwaka nk'uko bivugwa mu gace ka 3° k'iyi ngingo ntashobora kurenga rimwe ku ijana (1%) ry'amafaranga yose yacurujwe n'ugenzurwa aturutse ku itangwa rya serivisi zigenzurwa.

The annual regulatory fee under point 3° of this Article shall not exceed one percent (1%) of regulated services annual turnover.

Les frais annuels mentionnés au point 3° du présent article ne peuvent pas excéder un pourcent (1%) du chiffre d'affaires du service d'utilité publique.

Amafaranga atangwa ku mwaka avugwa mu gace ka 3° k'iyi ngingo ashobora gutandukana nk'uko imirimo igenzurwa hagati yayo iba itandukanye ariko akaba atagomba gutandukana mu gihe iyo mirimo igenzurwa iri mu rwego rumwe.

The annual regulatory fee under point 3º of this Article may differ as among different regulated sectors but must not be different within the same regulated sector.

Les frais annuels mentionnés au point 3° du présent article peuvent varier entre les différents secteurs régulés, mais ne peuvent pas être différents au sein d'un même secteur.

<u>Ingingo 37</u>: Itangwa ry'umusanzu ku byacurujwe

Umusanzu ku byacurujwe ugenwa n'Inama Ngenzuramikorere ariko ntushobora kurenga 1% y'ibyacurujwe byose.

Umusanzu ku byacurujwe mu mwaka ugomba gutangwa bitarenze ku itariki ya 30 Kamena za buri mwaka.

Gutinda gutanga uwo musanzu bihanishwa ihazabu y'ubukererwe ingana na kabiri n'igice ku ijana (2,5%) buri kwezi y'umusanzu ugomba gutangwa.

<u>Article 37</u>: Payment of the contribution levied on annual turnover

The contribution levied on annual turnover is determined by the Regulatory Board but cannot exceed one percent (1%) of the turnover.

The contribution levied on annual turnover shall be paid not later than 30th June of each year.

Delay to pay the annual contribution shall be punishable by two point five percent (2.5%) interest on arrears per month of amount of the contribution to be paid.

<u>Article 37</u>: Paiement de la contribution calculée sur le chiffre d'affaires annuel

La contribution calculée sur le chiffre d'affaires annuel est déterminée par le Conseil de Régulation mais ne peut pas être supérieure à un pourcent (1%) du chiffre d'affaires.

La contribution calculée sur le chiffre d'affaires annuel doit être payée au plus tard le 30 juin de chaque année.

Le retard de paiement de la contribution annuelle est passible des intérêts moratoires de deux virgule cinq pour cent (2,5%) par mois de la contribution à payer.

Ingingo ya 38 : Kwaka inguzanyo

Byemejwe n'Inama Ngenzuramikorere kandi ku mpamvu zikomeye, RURA ishobora kwaka inguzanyo muri Banki cyangwa ikindi kigo cy'imari cy'imbere mu gihugu kugira ngo ibashe kugera ku nshingano ihabwa n'iri tegeko.

Ingingo ya 39: Amafaranga asaguka ku ngengo y'imari ya RURA

Mu gihe hari amafaranga asaguka ku ngengo y'imari ya RURA ya buri mwaka, ashyirwa mu kigega cya Leta, RURA imaze kwizigamira ayo izaheraho mu ngengo y'imari y'umwaka ukurikiraho.

Ingingo ya 40: Igenzura ry'imari ya RURA

RURA igomba kubika no gufata neza ibitabo by'ibaruramari n'ibindi bitabo byose bya ngombwa bikoreshwa mu ibaruramari.

Igenzura ry'umutungo wa RURA rigomba gukorwa nyuma y'umwaka w'ikoreshwa ry'imari n'igihe bibaye ngombwa rikozwe n'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta.

UMUTWE WA VI: IHIGANWA

Ingingo ya 41: Kugena ufite ubwiganze ku isoko

RURA ishobora kwemeza ko utanga serivisi igenzurwa afite ubwiganze ku isoko. Ibigo bifite ubwiganze bigenzurwa ku buryo buteganywa n'itegeko rirebana n'urwo rwego.

Article 38: Loan application

Subject to the approval of the Regulatory Board and where imminently necessary, RURA may apply for a loan from a bank or any other local financial institution for the purposes of achieving its mission as assigned by this Law.

Article 39 : Surplus of RURA budget

In case there is surplus from RURA budget each year, it shall be transferred in the public treasury, after RURA has saved some funds to be used in the next annual budget.

Article 40: RURA financial audit

RURA shall keep books of accounts and other appropriate and necessary records to its operations.

RURA finances shall be audited by the Auditor General of the State finances at the end of the budget year and whenever considered necessary.

CHAPITRE VI: COMPETITION

Article 41: Designation of who holds a dominant position in the market

RURA may designate any regulated service provider as the one which holds a dominant position in the market. Dominant position shall be subject to the controls set out in the

Article 38: Recours aux emprunts

Sur décision du Conseil de Régulation et en cas d'extrême nécessité, RURA peut contracter un emprunt auprès d'une banque ou toute autre institution financière locale pour réaliser la mission lui assignée par la présente loi.

Article 39: Excédent budgétaire du RURA

En cas d'excédent budgétaire à la fin de chaque exercice, RURA transfert cet excédent au trésor public après avoir prélevé des fonds nécessaires pour l'année suivante.

Article 40: Audit des finances du RURA

RURA doit tenir les livres de comptes et autres registres appropriés et nécessaires à ses opérations.

Les finances du RURA sont auditées à la fin de l'année budgétaire et chaque fois que de besoin par l'Auditeur Général des finances de l'Etat.

CHAPITRE VI : CONCURRENCE

Article 41: Désignation de la position dominante sur le marché

RURA peut désigner un prestataire de service régulé comme ayant une position dominante sur le marché. Les organisations ayant une position dominante sont soumises au contrôle tel que prévu dans la loi relative au service

law relating to the concerned sector of public utility.

d'utilité publique concerné.

Uko kwemeza gukozwe hakurikijwe ibikubiye muri iyi ngingo bikorwa bigendera ku bushobozi bw'umuntu ku giti cye cyangwa ikigo mu kugira ijambo mu buryo bw'imikorere y'amasoko, agaciro k'ibyacurujwe ugereranyije n'uko isoko ringana, igendera kandi ku bushobozi bwo kugenzura niba abakenera guhabwa iyo mirimo babigeraho, igendera kandi ku buryo umuntu ku giti cye cyangwa ikigo bibona umutungo, amafaranga, no kuba uwo muntu ku giti cye cyangwa ikigo bizobereye mu kwegereza abafatabuguzi imirimo bakenera.

Such designation made under the provisions of this Article shall have to take into account the natural person or legal entity's ability to influence market conditions, its turnover compared to the size of the market, its control of users' access to the relevant utility, its access to financial resources and its experience in availing the relevant services to users.

Une telle désignation faite conformément aux dispositions du présent article doit tenir compte de la capacité de la personne physique ou morale d'influencer les conditions du marché, de son chiffre d'affaires par rapport à la dimension du marché, du contrôle de l'accès des utilisateurs au service concerné, des possibilités d'accès aux ressources financières par la personne physique ou morale et de l'expérience de la personne physique ou morale de rendre disponible les services aux utilisateurs.

RURA imenyesha mu nyandiko umuntu ku giti cye cyangwa ikigo bafite ubwiganze. Iyo nyandiko igaherekezwa n'ibisobanuro birambuye ku isoko no ku mpamvu zituma ibona ko uwo muntu ku giti cye cyangwa ikigo bafite ubwiganze.

RURA shall notify in writing any natural person or legal entity which it considers to have dominant position with all the details of the relevant market, and the reasons why it believes that natural person or legal entity holds a dominant position.

RURA notifie par écrit la personne physique ou morale qu'il considère avoir une position dominante en donnant les détails du marché ainsi que les raisons pour lesquelles il estime que cette personne physique ou morale détient une position dominante.

<u>Ingingo ya 42</u>: Ububasha mu byerekeranye n'ihiganwa mu bucuruzi

<u>Article 42</u>: Powers in competition

<u>Article 42</u>: Pouvoirs en matière de concurrence

Mu kuzuza inshingano zayo, RURA ifite ububasha bwo kugenzura imigenzereze n'imyitwarire bigaragara mu ihiganwa ry'inzego zigenzurwa. Muri iryo genzura, RURA yibanda kuri ibi bikurikira:

While fulfilling its mission, RURA shall have powers to monitor activities and practices that are revealed in the competition of regulated sectors. During that monitoring, RURA shall focus on the following:

Dans l'accomplissement de sa mission, RURA a le pouvoir de contrôler les pratiques et comportements qui se manifestent dans la compétition des secteurs régulés. Dans ce contrôle, RURA veille surtout à ce qui suit:

1º guteza imbere ihiganwa muri buri rwego rw'imirimo ifitiye igihugu akamaro bigakorwa hagamijwe inyungu z'abifuza

1° promoting effective competition within each public utility sector in the interest of potential users of goods and services of each

l° promouvoir une compétition efficace dans chaque secteur de service d'utilité publique dans l'intérêt des utilisateurs potentiels des

gukoresha ibintu n'imirimo bagezwaho na buri rwego rw'imirimo ifitiye igihugu akamaro;

2º gukora ipererezа no kuburizamo imyitwarire iyo ari yo yose ibangamiye ihiganwa;

3º guhana igihe hagaragaye imyitwarire ibangamira ihiganwa;

4º kumenyesha Urwego rureberera RURA imigenzereze n'imyitwarire yose ibangamiye ihiganwa, ibyo bigakorwa mu nyandiko iherekejwe n'ibimenyetso;

5º kumenyesha Urwego rureberera RURA ibyemezo byafashwe n'ibihano byatanzwe.

<u>Ingingo ya 43</u>: Imyitwarire ibangamiye ihiganwa

Bitabangamiye andi mategeko, ibikorwa bibangamira ihiganwa byaba amasezerano akozwe n'abatanga imirimo ifitiye igihugu akamaro, ibyemezo by'amashyirahamwe y'abatanga imirimo ifitiye igihugu akamaro cyangwa ibikorwa byumvikanyweho bigamije kubuza cyangwa kugabanya ihiganwa mu rwego rw'imirimo ifitiye igihugu akamaro rukorera mu gihugu, bikurikiranwa kandi bikagenzurwa na RURA.

Ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikurikizwa cyane cyane mu masezerano, mu byemezo cyangwa mu bikorwa :

public utility;

2° investigating and terminating any anti-competitive practices ;

3° imposing sanctions in case of anti-competitive practices;

4° informing the Supervising Organ of RURA in writing and with supporting evidence of any anti-competitive practices;

5° notifying the Supervising Organ of RURA of any measures taken and sanctions applied.

<u>Article 43</u>: Anti-competitive practices

Without prejudice to other laws, anti-competitive practices either any agreement by providers of public utility services, decisions by associations of public utility services providers, or concerted practices which aim to prevent or to restrict the competition in a given public utility sector operating in the country, shall be supervised and regulated by RURA.

The provisions of Paragraph One of this Article shall apply in particular to any agreements, decisions or practices which:

biens et services de chaque service d'utilité publique ;

2° faire des enquêtes et mettre fin à toute pratique anticoncurrentielle;

3°imposer des sanctions pour toute pratique anticoncurrentielle;

4° informer par écrit l'organe de tutelle du RURA, avec les preuves à l'appui, de toutes les pratiques anticoncurrentielle;

5° informer l'Organe de tutelle du RURA des mesures prises et des sanctions infligées.

<u>Article 43</u>: Pratiques Anti concurrentielles

Sans préjudice aux autres lois, les pratiques anticoncurrentielles qu'il s'agisse de tout accord conclu par les fournisseurs de services d'utilité publique, des décisions prises par les associations des fournisseurs de services d'utilité publique ou de toute entente ayant pour objet d'empêcher ou de limiter la concurrence dans tel ou tel secteur du service d'utilité publique œuvrant dans le pays, sont soumises à la supervision et la régulation du RURA.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article s'appliquent spécialement aux accords, décisions ou pratiques qui:

1º bishyiraho mu buryo buziguye, cyangwa butaziguye, ibiciro by'ugura n'ugurisha cyangwa ubundi buryo bw'amasezerano y'ubucuruzi akozwe mu buryo butaziguye cyangwa buziguye;

2º bishyiraho igipimo ntarengwa cyangwa bigenzura amasoko cyangwa iterambere mu birebana na tekiniki;

3º bigenzura igurishwa ry'imigabane, amasoko y'imigabane cyangwa aho ibicuruzwa bikomoka;

4º bikoresha uburyo butandukanye n'ubukoreshwa ku bandi batanga imirimo ifitiye igihugu akamaro kandi ubwo buryo bukaba butuma abo batanga iyo mirimo iyo bitabiriye ihiganwa bo baharenganira;

5º bituma mu masezerano akozwe hongerwamo ibitagize aho bihuriye n'ibigamijwe muri ayo masezerano.

Amasezerano yose cyangwa icyemezo cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo nta gaciro bigira kandi n'ibikorwa byose byumvikanyweho bifatwa nk'aho binyuranyije n'itegeko kandi bikaba bigomba guseswa.

1º directly or indirectly determine purchasing or selling prices or any other direct or indirect trading agreement;

2º determine maximum tariffs or control markets or technical development;

3º control the selling of shares, stock markets or sources of suppliers;

4º apply different conditions to equivalent transactions with other providers of public utilities, hence placing those providers at a competitive disadvantage;

5º includes in any agreement additional obligations which have no connection with the subject matter of such agreements.

Any agreement or decision referred to in Paragraph One of this Article shall be considered null and void and any concerted practices shall be deemed to be contrary to the law and shall be terminated.

1º fixent directement ou indirectement les prix d'achat et de vente ou tout autre accord à caractère commercial conclu d'une façon directe ou indirecte ;

2º fixent les tarifs maxima ou contrôlent les marchés ou le développement de la technologie;

3º contrôlent la vente des actions, les marchés de capitaux ou sources d'approvisionnement;

4º appliquent des conditions différentes aux mêmes transactions avec d'autres fournisseurs des services d'utilité publique, les plaçant ainsi dans une situation concurrentielle désavantageuse;

5º font qu'il y ait dans le contrat des ajouts sans rapport avec l'objectif du contrat.

Tout accord ou décision mentionné à l'alinéa premier du présent article est considéré comme nul et non avenu et tous les actes posés de commun accord sont considérés comme contraires à la loi, et doivent être annulés.

Ingingo ya 44: Kubuza ikoreshwa nabi ry'umwanya w'ubwiganze

Imyitwarire iyo ari yo yose ya kimwe cyangwa byinshi mu bigo bifite ubwiganze mu rwego rw'imirimo ifitiye Igihugu akamaro bikorera mu Rwanda, igamije gukoresha nabi uwo mwanya w'ubwiganze irabujijwe.

By'umwihariko, imyitwarire ikurikira irabujijwe:

1º gushyiraho mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ibiciro by'ugura cyangwa by'ugurisha birenganya cyangwa ubundi buryo bw'ubucuruzi burenganya;

2º kuzitira iterambere ry'amasoko cyangwa iterambere rya tekiniki kandi bikaba bibangamiye abafatabuguzi;

3º gukoresha uburyo butandukanye ku masezerano yakozwe hagati y'abandi bacuruzi, bityo ikabashyira mu buryo bw'ihiganwa ritabaha amahirwe amwe;

4º gukuraho ibimenyerewe mu bucuruzi cyangwa amasezerano y'ubucuruzi yakozwe nta mpamvu n'imwe yumvikana bishingiyeho.

Bisabwe n'Inama Ngenzuramikorere, Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena ubundi bwoko bw'imyitwarire ifatwa nk'ibangamira ihiganwa ku bigo bifite

Article 44: Prohibition of abuse of dominant position

Any practices by one or more organizations having a dominant position in a public utility sector in Rwanda shall be prohibited if it amounts to an abuse of the dominant position.

Particularly, the following practices shall be prohibited:

1º to determine directly or indirectly unfair purchasing or selling prices or any other unfair trading conditions;

2º to limit markets or technical development and in a manner which adversely affects users;

3º to apply different conditions to similar trade agreements with other trading parties thereby placing them at a competitive disadvantage;

4º to terminate an established business practice or trading agreement without any valid reasons.

Upon request by the Regulatory Board, an Order of Prime Minister shall determine any additional practices which are considered as anti-competitive for the organizations having

Article 44: Interdiction d'abus de la position dominante

Toutes pratiques d'une ou de plusieurs organisations occupant une position dominante dans des services d'utilité publique œuvrant au Rwanda sont prohibées si elles visent à abuser de la position dominante.

Spécialement, les pratiques suivantes sont interdites:

1º fixer directement ou indirectement les prix d'achat ou de vente discriminatoires ou toutes autres conditions commerciales qualifiées injustes;

2º entraver le développement du marché ou de la technologique de façon à affecter négativement les utilisateurs;

3º appliquer des conditions différentes aux accords semblables conclus avec les autres opérateurs, de telle sorte qu'ils n'aient pas les mêmes chances dans la compétition ;

4º mettre fin aux conditions normales des transactions commerciales ou des accords commerciaux conclus sans aucune raison valable.

Sur demande du Conseil de Régulation, un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres pratiques qualifiées d'anticoncurrentielles pour les organisations

ubwiganze.

Ingingo ya 45 : Kuregera imyitwarire ibangamiye ihiganwa

Umuntu uwo ari we wese, ku giti cye cyangwa ikigo bashobora kuregera RURA ko urwego cyangwa inzego z'imirimo bikora mu buryo bubangamira ihiganwa.

RURA igomba gukurikirana ikirego cyayigejejweho.

Ingingo ya 46: Ipererezа ku kirego

Hakurikijwe ibiteganwa mu ngingo ya 8 n'iya 10 z'iri tegeko, RURA imenyesha mu nyandiko utanga serivisi z'imirimo igenzurwa imusaba kuyiha ibisobanuro ku kirego cyayigejejweho.

Inyandiko imenyesha igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:

1° iyakirwa ry'ikirego cyerekeye imyitwarire yaba ibangamiye ihiganwa, ikaba igomba gukorerwa ipererezа;

2° ubwoko bw'icyo kirego;

3° impamvu zituma imyitwarire ikekwaho kuba ibangamira ihiganwa ;

4° ibisobanuro utanga serivisi asabwa kugaragaza kugira ngo ipererezа rikorwe kuri icyo kirego;

the dominant position.

Article 45: Action against anti-competitive practices

Any natural person or legal entity may submit a complaint to RURA to denounce an anti-competitive practice of one or more public utility providers.

RURA must investigate the complaint filed to it.

Article 46: Investigation on the complaint

In accordance with the provisions of Articles 8 and 10 of this Law, RURA shall give a written notice to the service provider of a public utility, requesting him/ her to provide information relating to the complaint filed to it.

The notice shall include the following:

1° the receipt of a complaint alleged being anti-competitive practice which it intends to investigate;

2° the nature of the complaint;

3° the reasons for suspicion of anti-competitive practice ;

4° the information required from the service provider in order to investigate the complaint;

ayant une position dominante.

Article 45: Action contre les pratiques anticoncurrentielles

Toute personne physique ou morale peut saisir RURA pour dénoncer les pratiques anticoncurrentielles d'un ou plusieurs services d'utilité publique.

RURA doit mener une enquête sur la plainte qui lui est soumise.

Article 46: Enquête sur la plainte

Conformément aux articles 8 et 10 de la présente loi, RURA fait une notification écrite au prestataire des services régulés lui demandant de fournir des informations relatives à la plainte qui lui est soumise.

La notification écrite doit indiquer ce qui suit:

1° la réception d'une plainte pour une pratique présumée anticoncurrentielle, sur laquelle il envisage de mener une enquête;

2° la nature de cette plainte;

3° les raisons de la suspicion d'une pratique anticoncurrentielle;

4° les informations requises du prestataire de service pour mener une enquête sur cette plainte;

5° ifatwa ry'ibyemezo by'agateganyo igihe bibaye ngombwa kugira ngo imyitwarire ibangamiye ihiganwa ibonerwe umuti.

Urwego rugenzurwa rutanga ibisobanuro bisabwa hakurikijwe ibikubiye mu gika cya mbere cy'ingingo ya 8 y'iri tegeko mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi nyuma y'aho RURA isabiye ibyo bisobanuro.

Ingingo ya 47: Ububasha bwa RURA ku kirego

Iyo RURA ikoze iperereza ku kirego igasanga gifite ishingiro, ishobora :

1° gukora inyandiko isaba umuntu ku giti cye cyangwa ikigo kureka igikorwa cyose kinyuranye n'ibivugwa muri iri tegeko;

2° guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi uwo muntu cyangwa icyo kigo ikurikije igikorwa cyakoze nk'uko biteganywa muri iri tegeko;

3° gutangaza ko ayo masezerano cyangwa ibyo byemezo bibangamiye ihiganwa nta gaciro bifite.

Umuntu ku giti cye, cyangwa ikigo batanyuzwe n'icyemezo cya RURA bashobora kuregera inkiko zibifitiye ububasha.

5° to take provisional measures if it is necessary in order to remedy the anti-competitive practices.

The regulated organization shall provide the information required in accordance with Paragraph One of Article 8 of this Law within seven (7) working days of the receipt of the request by RURA.

Article 47: Powers of RURA on the complaint

If RURA investigates the complaint and finds it valid, it may:

1° to issue a prohibition notice requiring a natural person or legal entity to cease any activity which is contrary to the provisions of this Law ;

2° to impose an administrative fine against that natural person or legal entity in respect with the act committed in accordance with this Law;

3° to declare any anti-competitive agreement or decision null and void.

The natural person or legal entity not satisfied by the decision made by RURA may file a case to the competent court.

5° prendre des mesures conservatoires, si nécessaire, pour pallier aux pratiques anticoncurrentielles.

L'organe régulé fournit les informations requises conformément aux dispositions de l'alinéa premier de l'article 8 de la présente loi dans un délai de sept (7) jours ouvrables après que RURA ait demandé ces informations.

Article 47: Pouvoirs du RURA en cas de plainte

Si RURA mène une enquête sur la plainte et qu'elle s'avère fondée, il peut:

1° émettre une note interdisant une personne physique ou morale de continuer à mener toute activité contraire aux dispositions de la présente loi ;

2° imposer une amende administrative à cette personne physique ou morale suivant l'acte posé conformément aux dispositions de la présente loi;

3° déclarer nuls et non avenus tous les accords ou décisions anticoncurrentiels.

La personne physique ou morale qui n'est pas satisfaite par la décision prise par RURA peut saisir les juridictions compétentes.

UMUTWE WA VII: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ingingo ya 48: Ibihano by'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa abadatanga amakuru

RURA ishobora guhanisha umuntu ku giti cye cyangwa ikigo banze gutanga ibisobanuro mu gihe kigenwa n'iri tegeko, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya buri munsi iri hagati y'ibihumbi magana abiri (200.000) na miliyoni ebyiri (2.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda.

RURA ishobora kandi guhanisha umuntu ku giti cye cyangwa ikigo batanga ibisobanuro bitari byo, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya buri munsi iri hagati y'ibihumbi magana atanu (500.000) na miliyoni eshanu (5.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda.

Ingingo ya 49: Ibihano ku myitwarire ibangamira ihiganwa no gukoresha nabi umwanya w'ubwiganze

Umuntu ku giti cye cyangwa ikigo kigaragaje imyitwarire ibangamiye ihiganwa no gukoresha nabi umwanya w'ubwiganze bahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi igenwa n'Inama Ngenzuramikorere, ariko ntishobora kurenga icumi ku ijana (10%) ry'agaciro k'ibyacurujwe n'uwo muntu ku giti cye cyangwa ikigo aho bakoreraga hose igihe amakosa yakorwaga.

CHAPTER VII: ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Article 48: Administrative fine imposed on those who fail to provide information

RURA may impose to any natural person or legal entity which fails to provide information requested within the time limit specified by this Law, a daily administrative fine of two hundred thousand (200,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs.

RURA may also impose to any natural person or legal entity that provides wrong information a daily administrative fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 49: Sanctions for anti-competitive practices and abuse of the dominant position

Any natural person or legal entity that shows an anti-competitive practices and the abuse of his/her dominant position shall be subject to an administrative fine determined by the Regulatory Board, but such fine shall not exceed ten percent (10%) of turnover of the natural person or legal entity wherever they operated when the faults are committed.

CHAPITRE VII: SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Article 48: Amende administrative pour le défaut de fournir les informations

RURA peut sanctionner une personne physique ou morale qui s'abstient de donner des informations demandées dans les délais prévus par la présente loi, d'une amende administrative journalière de deux cents mille (200.000 Frw) à deux millions (2.000.000 Frw) de francs rwandais.

RURA peut également sanctionner une personne physique ou morale qui donne des informations fausses d'une amende administrative journalière de cinq cents mille (500.000 Frw) à cinq millions (5.000.000Frw) de francs rwandais.

Article 49: Sanctions des pratiques anticoncurrentielles et d'abus de la position dominante

Une personne physique ou morale qui recourt aux pratiques anticoncurrentielles et à l'abus de sa position dominante est passible d'une amende administrative fixée par le Conseil de Régulation, mais cette amende ne peut pas dépasser dix pour cent (10%) du chiffre d'affaires de la personne physique ou morale quelque soit le lieu d'opération pendant la commission de la faute.

UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 50: Kwegurirwa umutungo w'Ikigo

Imitungo yimukanwa, itimukanwa, imyenda by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro byeguriwe Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro.

Ingingo ya 51: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 52: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 39/2001 ryo kuwa 13/09/2001 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro kimwe n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 53: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

CHAPTER VIII: MISCELANIOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 50: Transfer of public institution property

Movable, immovable property, liabilities of the Agency for the Regulation of certain public utilities are hereby transferred to the Rwanda Utilities Regulatory Authority.

Article 51: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 52: Repealing provision

Law n° 39/2001 of 13/09/2001 establishing an Agency for the Regulation of certain public utilities and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 53: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 50: Transfert du patrimoine de l'établissement public

Les biens mobiliers, immobiliers et le passif de l'Agence de Régulation de certains services d'utilité publique sont transférés à l'Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'utilité publique.

Article 51: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 52: Disposition abrogatoire

La Loi n° 39/2001 du 13/09/2001 portant création de l'Agence de Régulation de certains services d'utilité publique ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 53: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **01/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **01/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **01/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°19/2013 RYO KUWA 25/03/2013 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

LAW N°19/2013 OF 25/03/2013 DETERMINING MISSIONS, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS

LOI N°19/2013 DU 25/03/2013 PORTANT MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION NATIONALE DES DROITS DE LA PERSONNE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLES DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Icyicaro n'ifasi bya Komisiyo

Ingingo ya 3: Ubwigenge n'ubwisanzure bya Komisiyo

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA KOMISIYO

Icyiciro cya mbere: Inshingano za Komisiyo

Ingingo ya 4: Inshingano rusange ya Komisiyo

Ingingo ya 5: Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no guteza imbere uburenganzira bwa muntu

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Head office and territorial jurisdiction of the Commission

Article 3: Independence and autonomy of the Commission

CHAPTER II: MISSIONS AND POWERS OF THE COMMISSION

Section One: Missions of the Commission

Article 4: Overall mission of the Commission

Article 5: Special missions of the Commission regarding Human Rights promotion

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Siège et compétence territoriale de la Commission

Article 3: Indépendance et autonomie de la Commission

CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DE LA COMMISSION

Section première: Missions de la Commission

Article 4: Mission générale de la Commission

Article 5: Missions particulières de la Commission en matière de promotion des droits de la personne

Ingingo ya 6: Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no kurengera uburenganzira bwa muntu	**Article 6: Special missions of the Commission regarding the protection of Human Rights**	**Article 6: Missions particulières de la Commission en matière de protection des droits de la personne**
Icyiciro cya 2: Ububasha bwa Komisiyo	**Section 2: Powers of the Commission**	**Section 2: Pouvoirs de la Commission**
Ingingo ya 7: Ububasha rusange bwa Komisiyo	**Article 7: Ordinary powers of the Commission**	**Article 7: Pouvoirs ordinaires de la Commission**
Ingingo ya 8: Ububasha bw'ubugenzacyaha	**Article 8: Judicial Police powers**	**Article 8: Qualité d'Officier de Police Judiciaire**
Ingingo ya 9: Ububasha bwo kuregera inkiko	**Article 9: Power to file legal actions**	**Article 9: Pouvoir de saisir la justice**
Ingingo ya 10: Ikoreshwa ry'ububasha bw'ubugenzacyaha n'ubwo kuregera inkiko	**Article 10: Exercising judicial police powers and power to file legal actions**	**Article 10: Exercice de la qualité d'Officier de Police Judiciaire et le pouvoir de saisir la justice**
Ingingo ya 11: Ububasha bwo gushyiraho amategeko ngengamikorere	**Article 11: Power to adopt the internal rules and regulations**	**Article 11: Pouvoir d'adopter le règlement d'ordre intérieur**
UMUTWE WA III: POROGARAMU Y'IBIKORWA NA RAPORO BYA KOMISIYO	**CHAPTER III: PROGRAM OF ACTIVITIES AND REPORT OF THE COMMISSION**	**CHAPITRE III: PROGRAMME D'ACTIVITES ET RAPPORT DE LA COMMISSION**
Ingingo ya 12: Porogaramu y'ibikorwa bya Komisiyo n'inzego iyishyikiriza	**Article 12: Commission's program of activities and organs to which it is submitted**	**Article 12: Programme d'activités de la Commission et organes auxquels il est transmis**
Ingingo ya 13: Raporo za Komisiyo n'inzego izishyikiriza	**Article 13: Commission's reports and organs to which they are submitted**	**Article 13: Rapports de la Commission et organes auxquels ils sont transmis**
Ingingo ya 14: Isakaza rya raporo ya Komisiyo	**Article 14: Dissemination of the Commission's report**	**Article 14: Diffusion du rapport de la Commission**

UMUTWE WA IV: INZEGO ZA KOMISIYO	**CHAPTER IV: ORGANS OF THE COMMISSION**	**CHAPITRE IV: ORGANES DE LA COMMISSION**
Ingingo ya 15: Inzego z'ubuyobozi za Komisiyo	**Article 15: Administrative organs**	**Article 15: Organes administratifs de la Commission**
Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri	**Section One: Council of Commissioners**	**Section première: Conseil des Commissaires**
Ingingo ya 16: Inshingano z'Inama y'Abakomiseri	**Article 16: Responsibilities of the Council of Commissioners**	**Article 16: Attributions du Conseil des Commissaires**
Ingingo ya 17: Abagize Inama y'Abakomiseri n'ibyo bagomba kuba bujuje	**Article 17: Composition of the Council of Commissioners and requirements for the position**	**Article 17: Composition du Conseil des Commissaires et les conditions requises pour ces fonctions**
Ingingo ya 18: Aho Abakomiseri baturuka	**Article 18: Provenance of Commissioners**	**Article 18: Provenance des Commissaires**
Ingingo ya 19: Abagize Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri n'uko bashyirwaho	**Article 19: Members of the Committee in charge of selecting candidate Commissioners and modalities for their appointment**	**Article 19: Membres du Comité de sélection des candidats Commissaires et modalités de leur nomination**
Ingingo ya 20: Ibigomba kubahirizwa mu guhitamo abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri	**Article 20: Requirements for selection of candidate Commissioners**	**Article 20: Directives de sélection des candidats Commissaires**
Ingingo ya 21: Iyemezwa ry'Abakomiseri mu Mutwe wa Sena	**Article 21: Approval of Commissioners by the Senate**	**Article 21: Approbation des Commissaires par le Sénat**
Ingingo ya 22: Irahira ry'Abakomiseri	**Article 22: Taking oath of the Commissioners**	**Article 22: Prestation de serment des Commissaires**
Ingingo ya 23: Manda y'Abakomiseri	**Article 23: Term of office for the Commissioners**	**Article 23: Mandat des Commissaires**

Ingingo ya 24: Ubudahungabanywa bw'Abakomiseri	**Article 24: Immunity of the Commissioners**	**Article 24: Immunité des Commissaires**
Ingingo ya *25*: Imirimo itabangikanywa no kuba Umukomiseri	**Article 25: Incompatibilities with being a Commissioner**	**Article 25: Incompatibilités avec les fonctions de Commissaire**
Ingingo ya 26: Uko Umukomiseri ava ku murimo	**Article 26: Removal from office of a Commissioner**	**Article 26: Cessation des fonctions de Commissaire**
Ingingo ya 27: Isimburwa ry'Umukomiseri	**Article 27: Replacement of a Commissioner**	**Article 27: Remplacement d'un Commissaire**
Ingingo ya 28: Itumizwa n'iterana ry'inama n'ifatwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri	**Article 28: Convening and holding meetings and decision-making of the Council of Commissioners**	**Article 28: Convocation et tenue des réunions et prise de décisions du Conseil des Commissaires**
Ingingo ya 29: Imikorere y'Inama y'Abakomiseri	**Article 29: Functioning of the Council of Commissioners**	**Article 29: Fonctionnement du Conseil des Commissaires**
Ingingo ya 30: Ibigenerwa Abakomiseri	**Article 30: Benefits granted to Commissioners**	**Article 30: Avantages accordés aux Commissaires**
Icyiciro cya 2: Biro ya Komisiyo	**Section 2: Bureau of the Commission**	**Section 2: Bureau de la Commission**
Ingingo ya 31: Abagize Biro ya Komisiyo	**Article 31: Members of the Bureau of the Commission**	**Article 31: Membres du Bureau de la Commission**
Ingingo ya 32: Inshingano za Biro ya Komisiyo	**Article 32: Responsibilities of the Bureau of the Commission**	**Article 32: Attributions du Bureau de la Commission**
Ingingo ya 33: Inshingano za Perezida wa Komisiyo	**Article 33: Responsibilities of the Chairperson of the Commission**	**Article 33: Attributions du Président de la Commission**
Ingingo ya 34: Inshingano za Visi-Perezida wa Komisiyo	**Article 34: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission**	**Article 34: Attributions du Vice-président de la Commission**

Icyiciro cya 3: Ubunyamabanga Bukuru bwa Komisiyo	**Section 3: General Secretariat of the Commission**	**Section 3: Secrétariat Général de la Commission**
Ingingo ya 35: Ubuyobozi bw'Ubunyamabanga Bukuru bwa Komisiyo	**Article 35: Head of the General Secretariat of the Commission**	**Article 35: Responsable du Secrétariat Général de la Commission**
Ingingo ya 36: Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Mukuru	**Article 36: Appointment of the Secretary General**	**Article 36: Nomination du Secrétaire Général**
Ingingo ya 37: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru	**Article 37: Responsibilities of the Secretary General**	**Article 37: Attributions du Secrétaire Général**
Ingingo ya 38: Gushaka abakozi ba Komisiyo	**Article 38: Recruitment of the staff of the Commission**	**Article 38: Recrutement du personnel de la Commission**
Ingingo ya 39: Sitati igenga abakozi ba Komisiyo	**Article 39: Statute governing the personnel of the Commission**	**Article 39: Statut régissant le personnel de la Commission**
UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA KOMISIYO	**CHAPTER VI: PROPERTY OF THE COMMISSION**	**CHAPITRE VI: PATRIMOINE DE LA COMMISSION**
Ingingo ya 40: Inkomoko n'icungwa by'umutungo wa Komisiyo	**Article 40: Source and management of the property of the Commission**	**Article 40: Source et gestion du patrimoine de la Commission**
Ingingo ya 41: Itegurwa ry'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Komisiyo	**Article 41: Preparation of the budget proposal of the Commission**	**Article 41: Elaboration de l'avant projet de budget de la Commission**
Ingingo ya 42: Igenzura ry'umutungo wa Komisiyo	**Article 42: Audit of the property of the Commission**	**Article 42: Audit du patrimoine de la Commission**
UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER VII: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES**

Ingingo 43: Manda y'Abakomiseri bari basanzweho	**Article 43: The term of office of incumbent Commissioners**	**Article 43: Le Mandat des Commissaires en fonctions**
Ingingo 44: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 44: Drafting, consideration and adoption of this law**	**Article 44: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 45: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 45: Repealing provision**	**Article 45: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 46: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 46: Commencement**	**Article 46: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°19/2013 RYO KUWA 25/03/2013 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 14 Werurwe 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 14 Werurwe 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, kuva ku ya 9 kugeza ku ya 51, iya 61, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 176, iya 177, iya 190 n'iya 201;

LAW N°19/2013 OF 25/03/2013 DETERMINING MISSIONS, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 14 March 2013;

The Senate, in its session of 14 March 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 9 to 51, 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 176, 177, 190 and 201;

LOI N°19/2013 DU 25/03/2013 PORTANT MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION NATIONALE DES DROITS DE LA PERSONNE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 14 mars 2013;

Le Sénat, en sa séance du 14 mars 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 9 à 51, 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 176, 177, 190 et 201 ;

Ishingiye ku Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganiza bwa Muntu ryo kuwa 10 Ukuboza 1948 u Rwanda rwemeye gukurikiza ku itariki ya 18 Nzeri 1962;

Pursuant to the Universal Declaration of Human Rights of 10 December 1948 to which Rwanda acceded on 18 September 1962;

Vu la Déclaration Universelle des Droits de l'Homme du 10 décembre 1948 à laquelle le Rwanda a adhéré en date du 18 septembre 1962;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo kuwa 19/12/1966 nk'uko ryemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 yo ku wa 12/02/1975;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 19 December 1966 as ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;

Vu le Pacte relatif aux Droits Economiques, Sociaux et Culturels du 19 décembre 1966 tel que ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 8/75 of 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo kuwa 16 Ukuboza 1966 nk'uko yemejwe n'Itegeko Teka n° 8/75 ryo ku wa 8/75 of 12/02/1975;

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights of 19 December 1966 as ratified by Decree-Law n° 8/75 of8/75 of 12/02/1975;

Vu le Pacte relatif aux Droits Civils et Politiques du 19 décembre 1966 tel que ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 8/75 of 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yo kuwa 27 Kamena 1981 nk'uko yemejwe n'Itegeko n° 10/1983 ryo kuwa 17/05/ 1983;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981 as ratified by Law n° 10/1983 of 17/05/1983;

Vu la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples du 27 juin 1981 telle que ratifiée par la Loi n° 10/1983 du 17/05/1983;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 569;

Pursuant to Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code, especially in Article 569;

Vu la Loi Organique n° 01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal, spécialement en son article 569;

Isubiye ku Itegeko n° 30/2007 ryo kuwa 06/07/2007 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;

Having reviewed Law n° 30/2007 of 06/07/2007 determining the organization and functioning of the National Commission for Human Rights;

Revu la Loi n° 30/2007 du 06/07/2007 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yitwa "Komisiyo" mu ngingo zikurikira.

Ingingo ya 2: Icyicaro n'ifasi bya Komisiyo

Icyicaro cya Komisiyo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Komisiyo ikorera mu Gihugu hose kandi ishobora gushyiraho amashami ahandi mu Gihugu.

Ingingo ya 3: Ubwigenge n'ubwisanzure bya Komisiyo

Komisiyo irigenga kandi ihoraho. Mu kuzuza inshingano zayo, nta rwego na rumwe ruyiha amabwiriza.

Komisiyo ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'abakozi n'imari.

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law determines the mission, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights, hereinafter referred to as the "Commission".

Article 2: Head office and territorial jurisdiction of the Commission

The head office of the Commission shall be located in Kigali City, the Capital city of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

The Commission shall operate throughout the country and may establish branches anywhere in the country.

Article 3: Independence and autonomy of the Commission

The Commission shall be independent and permanent. In fulfilling its mission, the Commission shall not be subject to any instructions from any other organ.

The Commission shall have legal personality and autonomy in administrative and financial matters.

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi détermine les missions, l'organisation et le fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne, ci-après dénommée la «Commission».

Article 2: Siège et compétence territoriale de la Commission

Le siège de la Commission est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

La Commission exerce ses activités sur tout le territoire national et peut établir des branches en tout autre lieu du territoire national.

Article 3: Indépendance et autonomie de la Commission

La Commission est indépendante et permanente. Dans l'accomplissement de sa mission, aucun organe ne peut lui donner des injonctions.

La Commission jouit de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA KOMISIYO

Icyiciro cya mbere: Inshingano za Komisiyo

Ingingo ya 4: Inshingano rusange ya Komisiyo

Komisiyo ifite inshingano rusange yo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu.

Ingingo ya 5: Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no guteza imbere uburenganzira bwa muntu

Ku bijyanye no guteza imbere uburenganzira bwa muntu, Komisiyo ifite inshingano zihariye zikurikira:

1° kwigisha no gukangurira abaturarwanda ibyerekeye uburenganzira bwa muntu no kugira uruhare mu gutegura gahunda zo kwigisha uburenganzira bwa muntu;

2° gufatanya n'izindi nzego gushyiraho ingamba zo gukumira ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu;

3° gukora no gusakaza raporo ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa;

CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF THE COMMISSION

Section One: Missions of the Commission

Article 4: Overall mission of the Commission

The overall mission of the Commission shall be to promote and protect Human Rights.

Article 5: Special mission of the Commission regarding Human Rights promotion

The special mission of the Commission regarding Human Rights promotion shall be the following:

1° to educate and sensitize the population on matters relating to human rights and participate in the development of Human Rights educational programmes;

2° to collaborate with other organs in designing strategies to prevent violations of Human Rights;

3° to prepare and disseminate reports on the situation of Human Rights in Rwanda, annually and whenever necessary ;

CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DE LA COMMISSION

Section première: Missions de la Commission

Article 4: Mission générale de la Commission

La Commission a pour mission générale de promouvoir et de protéger les droits de la personne.

Article 5: Missions particulières de la Commission en matière de promotion des droits de la personne

En matière de promotion des droits de la personne, les missions particulières de la Commission sont les suivantes:

1° éduquer et sensibiliser la population rwandaise aux droits de la personne et participer à l'élaboration des programmes d'éducation aux droits de la personne;

2° collaborer avec d'autres organes à définir les stratégies de prévention des violations des droits de la personne ;

3° établir et diffuser largement chaque année et chaque fois que de besoin les rapports sur l'état des droits de la personne au Rwanda;

4° gutanga ibitekerezo, ibisabwe cyangwa ibyibwirije, ku mategeko, ku mabwiriza yo mu nzego z'ubuyobozi akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro y'uburenganzira bwa muntu;

4° to provide views, upon request or at its own initiative on laws, regulations of public organs in force in the country and bills so as to ensure their conformity to fundamental principles of Human Rights;

4° donner des avis, sur demande ou de son initiative, sur les lois, les règlements des organes de l'Etat et sur les projets et propositions de lois pour qu'ils soient en conformité avec les principes fondamentaux des droits de la personne;

5° gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe kwemeza amasezerano mpuzamahanga yita ku burenganzira bwa muntu no kuyinjiza mu mategeko igihugu kigenderaho;

5° to urge relevant government institutions to ratify international treaties related to Human Rights and incorporate them in the existing domestic laws;

5° exhorter les organes compétents de l'Etat à ratifier les traités internationaux relatifs aux droits de la personne et à les intégrer dans l'ordre juridique interne;

6° gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe gutangira ku gihe raporo ku masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu;

6° to urge relevant government institutions to submit on time the reports related to international treaties on Human Rights ratified by Rwanda;

6° exhorter les organes compétents de l'Etat à soumettre à temps les rapports sur les conventions internationales ratifiées par le Rwanda ;

7° kugaragariza inzego za Leta zibishinzwe ibyakorwa igihe hari ihohoterwa ryakozwe kugira ngo rikosorwe kandi rihanwe hakurikijwe amategeko;

7° to propose to relevant government authorities measures to be taken to address and punish in accordance with law any violation of Human Rights;

7° indiquer aux organes compétents de l'Etat les mesures à prendre en cas de violations des droits de la personne en vue d'y remédier et de les réprimer conformément à la loi;

8° gufatanya n'inzego z'ibindi bihugu zishinzwe uburenganzira bwa Muntu, amashyirahamwe akorera mu gihugu n'imiryango mpuzamahanga mu bikorwa byo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu.

8° to collaborate with other foreign national Human Rights institutions, local associations and international organisations in Human Rights promotion and protection activities.

8° collaborer avec les institutions d'autres pays chargées des droits de la personne, les associations nationales et les organisations internationales dans le cadre des activités de promotion et de protection des droits de la personne.

Ingingo ya 6: Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no kurengera uburenganzira bwa muntu

Ku bijyanye no kurengera uburenganzira bwa muntu, Komisiyo ifite inshingano zihariye zikurikira:

1° kwakira, gusuzuma ibirego no gukora iperereza ku ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu;

2° gusuzuma ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda rikozwe n'inzego za Leta, abantu bitwaje imirimo ya Leta bashinzwe, amashyirahamwe n'abantu ku giti cyabo;

3° gusura ahafungiye abantu hagamijwe kugenzura ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa no gusaba inzego zibishinzwe gukemura ibibazo by'ihohotera ry'uburenganzira bw'abantu bafunzwe byagaragaye;

4° gukurikirana by'umwihariko iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana, ubw'umugore, ubw'abantu bafite ubumuga, ubw'abafite ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, ubw'impunzi, ubw'abakozi b'abimukira n'imiryango yabo n'ubw'abageze mu zabukuru;

5° kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu matora no gushyikiriza

Article 6: Special mission of the Commission as regards to the protection of Human Rights

Regarding the protection of Human Rights, the special mission of the Commission shall be the following:

1° to receive, examine and investigate complaints relating to Human Rights violations;

2° to examine Human Rights violations in Rwanda committed by State organs, those who work in the public service abusing their powers, associations and individuals;

3° to carry out visits to custodial places with the purpose of inspecting whether the rights of detainees are respected and urge relevant authorities to address identified cases of violation of the rights of detainees;

4° to particularly monitor respect for the rights of the child, women, persons with disabilities, people living with HIV/AIDS, refugees, migrant workers and members of their families and elderly;

5° to monitor respect for Human Rights throughout elections process and submit

Article 6: Missions particulières de la Commission en matière de protection des droits de la personne

Dans le cadre de la protection des droits de la personne, les missions particulières de la Commission sont les suivantes:

1° recevoir, traiter et faire des investigations sur les plaintes relatives aux violations des droits de la personne ;

2° examiner les violations des droits de la personne commises par les organes de l'Etat, les personnes œuvrant au sein de la fonction publique abusant de leurs pouvoirs, les associations et les individus ;

3° visiter les lieux de détention pour vérifier si les droits des personnes détenues sont respectés et demander aux organes concernés de remédier aux problèmes de violation des droits des personnes détenues constatés;

4° faire particulièrement le suivi du respect des droits de l'enfant, des droits de la femme, des droits des personnes handicapées, des droits des personnes vivant avec le VIH/SIDA, des droits des réfugiés, des droits des travailleurs migrants et des membres de leurs familles et des droits de personnes âgées ;

5° surveiller le respect des droits de la personne dans le processus électoral et

raporo inzego zibishinzwe.

Icyiciro cya 2: Ububasha bwa Komisiyo

Ingingo ya 7: Ububasha rusange bwa Komisiyo

Kugira ngo inshingano ziteganyijwe mu ngingo ya 4 kugeza ku ya 6 z'iri tegeko zigerweho, Komisiyo ifite ububasha bukurikira:

1° kwakira no gusuzuma ubuhamya bwerekeye ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu;

2° kugera aho ari ho hose hakekwa cyangwa havugwa ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu, harimo n'ahafungiwe abantu kugira ngo ihakorere iperereza;

3° kwegera, kubaza no gusobanuza ukekwaho kuba afite ubuhamya, amakuru, uruhare n'ubuhanga bishobora gufasha Komisiyo mu gusesengura no kwegeranya ibimenyetso by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu;

4° kwerekwa inyandiko, kwemererwa kuzisomera aho ziri, cyangwa se guhabwa kopi zazo no guhabwa indi nyandiko yose yakenerwa na Komisiyo mu gusesengura no kwegeranya ibimenyetso by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu. Inyandiko cyangwa ibintu Komisiyo ihawe

report to relevant organs.

Section 2: Powers of the Commission

Article 7: Ordinary powers of the Commission

In order to fulfil its mission provided under Articles 4 to 6 of this Law, the Commission shall have the following powers:

1° to receive and consider testimonies on Human Rights violations;

2° to have access to any place where human rights violations are alleged or reported including places of detention for the purpose of investigations;

3° to contact, interrogate and seek explanations from any person likely to have testimony, information, responsibility and expertise deemed to enlighten the Commission on scrutinising and collecting Human Rights violation evidence;

4° to have access to documents, consult them on the spot or get their copies as well as any other document required by the Commission to be able to analyze and collect Human Rights violation evidence. Documents or items given to the Commission shall be returned to owners or organs of origin in a period not

soumettre le rapport aux organes habilités.

Section 2: Pouvoirs de la Commission

Article 7: Pouvoirs ordinaires de la Commission

Afin de remplir ses missions prévues aux articles 4 à 6 de la présente loi, la Commission a les pouvoirs ci-après:

1° recevoir et examiner les témoignages sur les violations des droits de la personne;

2° avoir accès à tout lieu où les violations des droits de la personne sont alléguées ou signalées notamment les lieux de détention aux fins d'enquête;

3° approcher, interroger et requérir des explications de tout individu susceptible d'avoir quelque témoignage, information, responsabilité et expertise de nature à éclairer la Commission dans l'examen et la collecte des éléments de preuve de violation des droits de la personne;

4° avoir accès aux documents, les consulter sur place ou en obtenir les copies ainsi que toute autre pièce de nature à aider la Commission dans l'analyse et la collecte des éléments de preuve de violation des droits de la personne. Les documents ou pièces remis à la Commission doivent être restitués à leurs propriétaires ou aux

bisubizwa ba nyirabyo cyangwa inzego byaturutsemo mu gihe kitarenze amezi atatu (3);	exceeding three (3) months;	organes de provenance endéans trois (3) mois;
5° guhuza no kunga abantu bafitanye ibibazo byerekeranye n'uburenganzira bwa muntu mu gihe bitanyuranyije n'amategeko;	5° to conduct mediation and conciliation between parties with Human Rights litigations where the mediation or conciliation does not contravene the law;	5° faire la médiation et la conciliation entre les personnes ayant entre elles des litiges liés aux violations des droits de la personne au cas où cette médiation ou conciliation n'est pas en violation avec la loi;
6° gusaba inzego zibishinzwe kurenganura nta mananiza umuntu wese Komisiyo yasanze bigaragara ko uburenganzira bwe bwahohotewe;	6° to request relevant organs to unconditionally restore the rights of any person where it appears that his/her rights have been violated;	6° demander aux organes compétents de rétablir dans ses droits, sans condition, toute personne à l'égard de laquelle la Commission constate la violation des droits;
7° gusaba inzego zibishinzwe gukurikirana mu nkiko umuntu wese wakoze ibyaha bihutaza uburenganzira bwa muntu;	7° to request relevant organs to bring to justice any person having committed offences related to the violation of Human Rights;	7° demander aux organes habilités de poursuivre en justice toute personne ayant commis des infractions relatives aux violations des droits de la personne ;
8° gukora ubushakashatsi ku bibazo byihariye no gutangaza ibivuyemo hagamijwe guteza imbere uburenganzira bwa muntu.	8° to carry out research on thematic issues and publish findings with the purpose of promoting Human Rights.	8° faire des recherches sur les questions thématiques et en publier les résultats en vue de promouvoir les droits de la personne.
Ingingo ya 8: Ububasha bw'ubugenzacyaha	**Article 8: Judicial Police powers**	**Article 8: Qualité d'Officier de Police Judiciaire**
Abakomiseri bafite ububasha bw'ubugenzacyaha buhoraho ku ifasi yose y'u Rwanda igihe bari mu mirimo yabo.	Commissioners shall have permanent judicial police powers throughout the territory of Rwanda while discharging their duties.	Les Commissaires ont, dans l'exercice de leurs fonctions, la qualité permanente d'Officier de Police Judiciaire sur tout le territoire de la République du Rwanda.
Iyo bibaye ngombwa, umukozi wa Komisiyo	If deemed necessary, a member of staff of the	Un agent de la Commission peut, en cas de

ashobora guhabwa ububasha bw'ubugenzacyaha n'urwego rubishinzwe bisabwe na Perezida wa Komisiyo.

Abantu batumijwe na Komisiyo bagomba kwitaba, bitaba ibyo bagakurikiranwa mu buryo buteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 9: Ububasha bwo kuregera inkiko

Komisiyo ifite ububasha bwo kuregera inkiko mu manza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iyo habaye ihungabana ry'uburenganzira bwa muntu buteganywa n'Itegeko Nshinga, amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu n'andi mategeko. Muri urwo rwego, Komisiyo ishobora guhagararirwa mu nkiko n'abakozi bayo babiherewe ububasha n'urwego rubishinzwe, bisabwe na Perezida wa Komisiyo. Komisiyo ishobora kandi guhagararirwa n'Abavoka yihitiyemo.

Ingingo ya 10: Ikoreshwa ry'ububasha bw'ubugenzacyaha n'ubwo kuregera inkiko

Mu gukoresha ububasha bw'ubugenzacyaha n'ubwo kuregera inkiko, Komisiyo yubahiriza amategeko Igihugu kigenderaho itabangamiye inshingano z'izindi nzego kandi ibukoresha hahungabanye inyungu rusange, iz'umuntu ku giti cye, cyangwa izindi nzego zibishinzwe zitakoze ibyo zisabwa n'amategeko.

Commission may be given judicial police powers by competent authority upon request by the Chairperson of the Commission.

Persons summoned by the Commission must appear, failure of which they shall be prosecuted in accordance with law.

Article 9: Power to file legal actions

The Commission shall have powers to file legal proceedings in civil, commercial, labour and administrative matters for violation of human rights provided by the Constitution, international treaties ratified by Rwanda and other laws. In that regard, the Commission may be represented in courts by its employees authorized by relevant authority on the request of the Chairperson of the Commission. The Commission may also be represented by a council of its choice.

Article 10: Exercising judicial police powers and power to file legal actions

While exercising judicial police powers and power to file legal action, the Commission shall respect the national laws without prejudice to other organs' responsibilities, and apply such powers in case of violation of public, individual interests, or if other relevant organs fail to carry out their legal duties.

nécessité, être investi de la qualité d'Officier de Police Judiciaire par l'autorité compétente sur demande du Président de la Commission.

Les personnes convoquées par la Commission sont tenues de comparaître sous peine d'être poursuivies conformément à la loi.

Article 9: Pouvoir de saisir la justice

La Commission a le pouvoir de saisir les juridictions pour les affaires civiles, commerciales, sociales et administratives en cas de violation des droits de la personne prévues par la Constitution, les conventions internationales ratifiées par le Rwanda ainsi que les autres lois. A cet effet, la Commission peut se faire représenter devant les juridictions par ses agents investis de ce pouvoir par l'autorité compétente sur demande du Président de la Commission. La Commission peut aussi se faire représenter par des avocats de son choix.

Article 10: Exercice de la qualité d'Officier de Police Judiciaire et le pouvoir de saisir la justice

Dans l'exercice de ses pouvoirs de police judiciaire et de saisir la justice, la Commission doit veiller au respect des lois en vigueur dans le pays sans porter préjudice aux attributions d'autres organes et se servir de ses pouvoirs en cas de violations relatives à l'intérêt général, individuel ou lorsque d'autres organes

habilités n'ont pas accompli leur devoir légal.

Ingingo ya 11: Ububasha bwo gushyiraho amategeko ngengamikorere

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, Komisiyo ishyiraho amategeko ngengamikorere ayigenga atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 11: Power to adopt the internal rules and regulations

Without prejudice to the provisions of this Law, the Commission shall establish its internal rules and regulations which shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 11: Pouvoir d'adopter le règlement d'ordre intérieur

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, la Commission élabore son règlement d'ordre intérieur qui doit être publié au Journal Officiel de la République du Rwanda.

UMUTWE WA III: POROGARAMU Y'IBIKORWA NA RAPORO BYA KOMISIYO

CHAPTER III: PROGRAM OF ACTIVITIES AND REPORT OF THE COMMISSION

CHAPITRE III: PROGRAMME D'ACTIVITES ET RAPPORT DE LA COMMISSION

Ingingo ya 12: Porogaramu y'ibikorwa bya Komisiyo n'inzego iyishyikiriza

Komisiyo ishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, porogaramu y'ibikorwa byayo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) y'intangiriro y'umwaka w'ingengo y'imari, ikagenera kopi Perezida wa Repubulika, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga.

Article 12: Commission's program of activities and organs to which it is submitted

The Commission shall submit to the Parliament, both Chambers, its program of activities within a period not exceeding three (3) months from the commencement of the fiscal year and reserve a copy thereof to the President of the Republic, the Cabinet and the Supreme Court.

Article 12: Programme d'activités de la Commission et organes auxquels il est transmis

La Commission transmet au Parlement, les deux Chambres, son programme d'activités dans un délai ne dépassant pas les trois (3) premiers mois du début de l'année budgétaire et réserve copie au Président de la République, au Gouvernement et à la Cour Suprême.

Ingingo ya 13: Raporo za Komisiyo n'inzego izishyikiriza

Komisiyo ishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, raporo y'ibikorwa byayo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera y'umwaka w'ingengo y'imari, ikagenera kopi Perezida wa Repubulika, Guverinoma n'Urukiko

Article 13: Commission's reports and organs to which they are submitted

The Commission shall submit to the Parliament, both Chambers, its activity report within a period not exceeding three (3) months from the end of the fiscal year, and reserve a copy thereof to the President of the Republic, the Cabinet and the Supreme Court.

Article 13: Rapports de la Commission et organes auxquels ils sont transmis

La Commission transmet au Parlement, les deux Chambres, son rapport d'activités dans un délai ne dépassant pas les trois (3) mois qui suivent la fin de l'année budgétaire et réserve copie au Président de la République, au Gouvernement et à la Cour Suprême.

rw'Ikirenga**.**

Komisiyo inashyikiriza Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga, raporo zihariye ku bikorwa yamenye biciye mu mapererezа cyangwa ku bushakashatsi bwayo ku bibazo bihohotera cyangwa bihutaza uburenganzira bwa muntu n'ibigira ingaruka mbi kuri ubwo burenganzira.

The Commission shall also submit to the President of the Republic, the Parliament, both Chambers, the Cabinet and the Supreme Court thematic reports acknowledged through its investigations or researches on Human Rights violations and those with negative impact on such rights.

La Commission transmet également au Président de la République, au Parlement, les deux Chambres, au Gouvernement et à la Cour Suprême, des rapports sur tous les actes dont elle a pris connaissance par ses enquêtes ou ses recherches sur les questions relatives à la violation des droits de la personne ayant entrainé des conséquences négatives sur ces droits.

Ingingo ya 14: Isakaza rya raporo ya Komisiyo

Komisiyo isakaza raporo yayo y'umwaka imaze kuyigeza ku Nteko Ishinga Amategeko.

Article 14: Dissemination of the Commission's report

The Commission shall disseminate its annual report subsequent to its submission to the Parliament.

Article 14: Diffusion du rapport de la Commission

La Commission rend public son rapport annuel après l'avoir présenté au Parlement.

UMUTWE WA IV: INZEGO ZA KOMISIYO

CHAPTER IV: ORGANS OF THE COMMISSION

CHAPITRE IV: ORGANES DE LA COMMISSION

Ingingo ya 15: Inzego z'ubuyobozi za Komisiyo

Inzego z'ubuyobozi za Komisiyo ni izi zikurikira:

1° Inama y'Abakomiseri;
2° Biro ya Komisiyo;
3° Ubunyamabanga Bukuru bwa Komisiyo.

Article 15: Administrative organs

The administrative organs of the Commission shall be the following:

1° the Council of Commissioners;
2° the Bureau of the Commission;
3° the General Secretariat of the Commission.

Article 15: Organes administratifs de la Commission

Les organes administratifs de la Commission sont les suivants :

1° le Conseil des Commissaires ;
2° le Bureau de la Commission ;
3° le Secrétariat Général de la Commission.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri

Ingingo ya 16: Inshingano z'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri ni rwo rwego rukuru rwa Komisiyo. By'umwihariko ishinzwe ibi bikurikira:

1° kwemeza gahunda y'ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama yayo;

2° gufata ibyemezo byose bijyanye no guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu;

3° kwemeza igenamigambi na gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo;

4° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Komisiyo ya buri mwaka mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe;

5° kwemeza raporo y'ibikorwa by'umwaka bya Komisiyo;

6° kwemeza raporo zihariye ku bikorwa Komisiyo yamenye bihutaza uburenganzira bwa muntu;

7° kwemeza amategeko ngengamikorere ya

Section One: Council of Commissioners

Article 16: Responsibilities of the Council of Commissioners

The Council of Commissioners shall be the supreme organ of the Commission. In particular, it shall be responsible for the following:

1° to adopt the agenda of its meeting ;

2° to take all decisions related to the promotion and protection of Human Rights;

3° to approve the planning and the action plan of the Commission;

4° to approve the annual draft budget proposal of the Commission before submitting it to relevant organs;

5° to approve the annual activity report of the Commission;

6° to approve thematic reports on acts acknowledged by the Commission on Human Rights violations;

7° to approve the internal rules and

Section première: Conseil des Commissaires

Article 16: Attributions du Conseil des Commissaires

Le Conseil des Commissaires est l'organe suprême de la Commission. Plus particulièrement, il a les attributions suivantes :

1° adopter l'ordre du jour de sa réunion ;

2° prendre toutes décisions relatives à la promotion et à la protection des droits de la personne;

3° approuver la planification et le plan d'action de la Commission;

4° approuver l'avant-projet de budget annuel de la Commission avant sa soumission aux organes compétents ;

5° approuver le rapport annuel d'activités de la Commission;

6° approuver des rapports sur tous les actes dont la Commission a pris connaissance en rapport avec la violation des droits de la personne;

7° approuver le règlement d'ordre intérieur

Komisiyo;

8° kwemeza inkunga, impano n'indagano;

9° gutegura imbonerahamwe y'inzego z'imirimo za Komisiyo;

10° gushaka no gushyira mu myanya abakozi ba Komisiyo ;

11° gufata ibyemezo byose byatuma imikorere ya Komisiyo irushaho kugenda neza.

Ingingo ya 17: Abagize Inama y'Abakomiseri n'ibyo bagomba kuba bujuje

Inama y'Abakomiseri igizwe n'Abakomiseri barindwi (7) barimo Perezida na Visi Perezida.

Kugira ngo umuntu abe Umukomiseri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1° kuba ari Umunyarwanda;

2° kuba ari inyangamugayo;

3° kuba atarahamijwe n'inkiko ku buryo bwa burundu icyaha cya jenoside, ibyaha byibasiye inyoko muntu n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside;

regulations of the Commission;

8° to approve subsidies, donations and bequests;

9° to prepare the organizational structure of the Commission;

10° to recruit and appoint the personnel of the Commission;

11° to take all decisions that could improve the effective functioning of the Commission.

Article 17: Composition of the Council of Commissioners and requirements for the position

The Council of Commissioners shall be composed of seven (7) Commissioners including the Chairperson and the Vice Chairperson.

For a person to be a Commissioner, he/she shall fulfil the following conditions:

1° to be a Rwandan;

2° to be a person of integrity;

3° not to have been convicted of the crime of genocide, crimes against humanity and crime of genocide ideology;

de la Commission;

8° approuver les subventions, dons et legs ;

9° élaborer le cadre organique de la Commission ;

10° recruter et affecter le personnel de la Commission;

11° prendre toutes décisions qui peuvent améliorer le bon fonctionnement de la Commission.

Article 17: Composition du Conseil des Commissaires et les conditions requises pour ces fonctions

Le Conseil des Commissaires est composé de sept (7) Commissaires dont le Président et le Vice-président.

Pour être Commissaire, il faut remplir les conditions suivantes :

1° être de nationalité rwandaise ;

2° être intègre;

3° ne pas avoir été condamné définitivement pour crime de génocide, crimes contre l'humanité et le crime d'idéologie du génocide ;

4° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);

5° kuba afite ubunararibonye mu mirimo y'ubuyobozi mu nzego za Leta cyangwa izitari iza Leta.

By'umwihariko, Perezida wa Komisiyo agomba kuba afite impamyabumenyi y'amashuri makuru, ubunararibonye n'ubumenyi buhagije mu bijyanye n'uburenganzira bwa muntu.

Ingingo ya 18: Aho Abakomiseri baturuka

Abakomiseri baturuka aha hakurikira:

1° mu miryango itari iya Leta iharanira guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu;

2° muri Kaminuza n'amashuri makuru ya Leta n'ayigenga;

3° muri sosiyete sivili;

4° mu nzego za Leta;

5° mu bikorera.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'Abakomiseri batoranywa muri izo nzego

4° not to have been convicted to a sentence equal to or exceeding six (6) months of imprisonment;

5° to have an experience in leadership positions in public or private institutions;

In particular, the Chairperson of the Commission must hold a degree from an institution of higher learning and have experience and sufficient knowledge in the Human Rights field.

Article 18: Provenance of Commissioners

Commissioners shall come from the following:

1° non-governmental organisations for the promotion and protection of Human Rights;

2° public and private Universities and institutions of higher learning ;

3° Civil Society;

4° public institutions;

5° private sector.

At least thirty per cent (30%) of Commissioners selected from those bodies

4° ne pas avoir été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à (6) mois;

5° avoir une expérience dans les postes de responsabilité dans les organes de l'Etat ou dans les organes non gouvernementaux.

De façon particulière, le Président de la Commission doit avoir un diplôme des études supérieures, une expérience et de bonnes connaissances en matière de droits de la personne.

Article 18: Provenance des Commissaires

Les Commissaires proviennent :

1° des organisations non gouvernementales œuvrant pour la promotion et la protection des droits de la personne ;

2° des Universités et institutions d'enseignement supérieur publiques et privées ;

3° de la Société Civile;

4° des institutions publiques ;

5° du secteur privé.

Au moins trente pour cent (30%) des Commissaires sélectionnés dans ces organes

bagomba kuba ari abagore.

Hashingiwe ku bwigenge bwa Komisiyo nk'uko buteganywa n'ingingo ya 3 y'iri tegeko, Abakomiseri batorwa ku giti cyabo kandi ntibaba bahagarariye inzego baturukamo.

Ingingo ya 19: Abagize Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri n'uko bashyirwaho

Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri igizwe n'abantu batanu (5) baturuka:

1° mu miryango itari iya Leta iharanira guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu;

2° muri Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta;

3° muri sosiyete sivili;

4° mu zindi mpuguke zifite ubuzobere n'ubumenyi mu byerekeye uburenganzira bwa muntu.

Abagize Komite itoranya abakandida bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

must be females.

Considering the independence of the Commission as provided for in Article 3 of this Law, Commissioners shall be elected on individual basis and they do not represent their institutions of origin.

Article 19: Members of the Committee in charge of selecting candidate Commissioners and modalities for their appointment

The Committee in charge of selecting Candidate Commissioners shall be comprised of five (5) members from:

1° non-governmental organizations for the promotion and protection of human rights;

2° Public Service Commission;

3° Civil Society;

4° other relevant experts with expertise and skills in Human Rights issues.

A Presidential Order shall appoint members of the Committee in charge of selecting Candidate Commissioners.

doivent être de sexe féminin.

Sur base de l'indépendance de la Commission telle que prévue par l'article 3 de la présente loi, les Commissaires sont élus à titre individuel et ne représentent pas leurs institutions d'origine.

Article 19: Membres du Comité de sélection des candidats Commissaires et modalités de leur nomination

Le Comité de sélection des candidats Commissaires est composé de cinq (5) membres provenant :

1° des organisations non gouvernementales œuvrant pour la promotion et la protection des droits de la personne;

2° de la Commission de la Fonction Publique;

3° de la société civile;

4° d'autres experts justifiant d'une expertise et des connaissances en matière des droits de la personne.

Un arrêté présidentiel nomme les membres du Comité de sélection des candidats.

Ingingo ya 20: Ibigomba kubahirizwa mu guhitamo abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri

Komite itoranya abakandida irigenga mu mikorere yayo. Mu guhitamo abakandida, Komite igomba:

1° kugendera ku mahame yo gukorera mu mucyo no mu bwisanzure;

2° kumenyekanisha ku buryo busesuye imyanya y'Abakomiseri;

3° gushyikiriza Guverinoma urutonde rw'abakandida barindwi (7) yahisemo barimo Perezida na Visi Perezida.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) mu bakandida batoranyijwe na Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri bagomba kuba ari abagore.

Ishyirwaho, inshingano, imiterere n'imikorere bya Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri bigenwa n'iteka rya Perezida.

Article 20: Requirements for selection of candidate Commissioners

The Committee in charge of selecting Candidate Commissioners shall function independently. In selecting the candidates, the Committee shall:

1° comply with the principles of transparency and independence;

2° widely announce vacancies for Commissioners;

3° submit to the Government a list of seven (7) selected candidates comprising the Chairperson and the Vice Chairperson.

At least thirty per cent (30%) of candidates selected by the Committee in charge of selecting Candidate Commissioners must be females.

A Presidential Order shall determine the establishment, responsibilities, organisation and functioning of the Committee in charge of selecting Candidate Commissioners.

Article 20: Directives de sélection des candidats Commissaires

Le Comité de sélection des candidats est indépendant dans l'exercice de ses fonctions. Dans la sélection des candidats, le Comité doit :

1° être guidé par les principes de transparence et d'indépendance;

2° largement publier les places à pourvoir pour les Commissaires;

3° transmettre au Gouvernement une liste de sept (7) candidats sélectionnés comprenant le Président et le Vice Président.

Au moins trente pour cent (30%) des candidats sélectionnés par le Comité de sélection des candidats Commissaires doivent être de sexe féminin.

Un arrêté présidentiel détermine la création, les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Comité de Sélection des candidats Commissaires.

Ingingo ya 21: Iyemezwa ry'Abakomiseri mu Mutwe wa Sena

Guverinoma ishyikiriza Sena abakandida barindwi (7) ku myanya y'Abakomiseri kugira ngo ibemeze mbere y'uko bashyirwaho n'iteka

Article 21: Approval of Commissioners by the Senate

The Cabinet shall submit to the Senate for approval seven (7) candidate Commissioners before their appointment by a Presidential

Article 21: Approbation des Commissaires par le Sénat

Le Gouvernement présente sept (7) candidats Commissaires au Sénat pour approbation avant leur nomination par arrêté présidentiel.

rya Perezida.

Iyo Sena itemeje umwe cyangwa benshi mu bakandida ku mwanya w'Ubukomiseri, Perezida wa Sena abimenyesha Guverinoma mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15), akayisaba kohereza abandi bakandida basimbura abatemejwe na Sena.

Gutoranya abakandida basimbura abatemejwe bikorwa na Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 20 y'iri tegeko.

Guverinoma yohereza Sena abandi bakandida ku mwanya w'Ubukomiseri bangana n'umubare w'abo Sena itemeje.

Ingingo ya 22: Irahira ry'Abakomiseri

Mbere yo gutangira imirimo yabo, Abakomiseri barahirira imbere y'Urukiko rw'Ikirenga indahiro iteganywa mu Itegeko Nshinga.

Ingingo ya 23: Manda y'Abakomiseri

Manda y'Abakomiseri ni imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa. Muri iyo manda Abakomiseri bakora ku buryo buhoraho.

Order.

In case the Senate does not approve one or several candidate Commissioners, the President of the Senate shall inform the Government within a period not exceeding fifteen (15) days, and request for the submission of other candidates to replace those who are not approved.

The selection of candidates to replace those who are not approved shall be conducted by the Committee in charge of selecting Candidate Commissioners in accordance with the provisions of Article 20 of this Law.

The Cabinet shall submit to the Senate other candidate Commissioners whose number shall be equivalent to the number of those who are not approved by the Senate.

Article 22: Taking oath of the Commissioners

Before assuming their duties, Commissioners shall take oath before the Supreme Court as provided for by the Constitution.

Article 23: Term of office for the Commissioners

The term of office for the Commissioners shall be four (4) years which may be renewable only once. Commissioners shall hold office on a full-time basis.

Lorsque le Sénat n'a pas approuvé un ou plusieurs candidats Commissaires, le Président du Sénat en informe le Gouvernement dans un délai ne dépassant pas quinze jours (15) jours, et lui demande de présenter envoyer d'autres candidats pour remplacer ceux qui n'ont pas été approuvés.

La sélection des candidats qui remplacent ceux qui n'ont pas été approuvés se fait par le Comité de Sélection des candidats Commissaires conformément aux dispositions de l'article 20 de la présente loi.

Le Gouvernement présente au Sénat d'autres candidats Commissaires dont le nombre équivaut à celui de ceux qui n'ont pas été approuvés par le Sénat.

Article 22: Prestation de serment des Commissaires

Avant d'entrer en fonction, les Commissaires prêtent serment prévu par la Constitution devant la Cour Suprême.

Article 23: Mandat des Commissaires

Le mandat des Commissaires est de quatre (4) ans renouvelable une (1) seule fois. Au cours de ce mandat, les Commissaires exercent leurs fonctions de façon permanente.

Ingingo ya 24: Ubudahungabanywa bw'Abakomiseri

Mu gihe na nyuma ya manda ye, nta Mukomiseri ushobora gukurikiranwa, gushakishwa cyangwa gufatwa, gufungwa cyangwa gucirwa urubanza kubera ibitekerezo yagaragaje cyangwa ibindi bikorwa yakoze yuzuza inshingano ze.

Umukomiseri ntashobora gufungwa by'agateganyo keretse iyo afatiwe mu cyuho akora icyaha giteganirijwe igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5). Uko kudahungabanywa kugarukira gusa ku byaha yakoze ari mu mirimo ye cyangwa biturutse kuri iyo mirimo.

Ingingo ya *25*: Imirimo itabangikanywa no kuba Umukomiseri

Uwemejwe ku mwanya w'Ubukomiseri ntiyemerewe gukora undi murimo uhemberwa, ahagarika imirimo yari asanzwe akora. Icyakora, ashobora gukora imirimo yerekeye ubushakashatsi bujyanye n'inshingano ze, ubuvanganzo n'ubugeni, mu gihe bitabangamiye inshingano za Komisiyo kandi byemejwe n'Inama y'Abakomiseri.

Ingingo ya 26: Uko Umukomiseri ava ku murimo

Umukomiseri ava mu mwanya we iyo:

Article 24: Immunity of the Commissioners

During and after his/her term of office, a Commissioner shall not be prosecuted, wanted or arrested, detained or sentenced due to his/her views expressed or other acts committed in carrying out his/her duties.

A Commissioner shall not be provisionally detained unless he/she is caught red-handed committing an offence punishable by a penalty exceeding five (5) years of imprisonment. Such immunity shall cover only offences committed while carrying out his/her duties or those related to such duties.

Article 25: Incompatibilities with being a Commissioner

An appointed Commissioner shall not be allowed to perform any other remunerated work; he/she shall immediately resign from his/her previous post. However, he/she may perform research activities relating to his/her duties, literature and art provided they are not incompatible with the mission of the Commission and upon approval by the Council of Commissioners.

Article 26: Removal from office of a Commissioner

A Commissioner may be removed from office if:

Article 24: Immunité des Commissaires

Pendant et après son mandat, le Commissaire ne peut être poursuivi, recherché ou arrêté, détenu ou jugé en raison des opinions émises ou autres actes posés dans l'accomplissement de ses fonctions.

Un Commissaire ne peut faire l'objet de détention provisoire sauf en cas de flagrant délit pour une infraction punissable d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans. Cette immunité se limite aux infractions commises dans l'exercice de ses fonctions ou des actes y relatifs.

Article 25: Incompatibilités avec les fonctions de Commissaire

Il est interdit à toute personne nommée Commissaire d'exercer d'autres fonctions rémunérées. Elle démissionne d'office de son ancien poste. Toutefois, elle peut faire des travaux relatifs à la recherche liée à sa fonction, à la littérature ou à l'art, au cas où la mission de la Commission n'en est pas affectée et sur approbation du Conseil des Commissaires.

Article 26: Cessation des fonctions de Commissaire

La cessation des fonctions de Commissaire intervient dans les cas suivants :

1° manda irangiye;
2° yeguye akoresheje inyandiko;
3° atagishoboye kuzuza inshingano ze bitewe n'uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe n'Akanama k'abaganga kashyizweho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze bisabwe na Komisiyo;

4° agaragaweho imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;

5° ahutaza uburenganzira bwa muntu;
6° abangamiye inyungu za Komisiyo;

7° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;

8° apfuye.

Ukwegura k'Umukomiseri kugezwa kuri Perezida wa Repubulika mu ibaruwa ishinganye mu iposita cyangwa itanzwe mu ntoki ifite icyemezo cy'iyakira, bikamenyeshwa Sena n'Ubuyobozi bwa Komisiyo. Iyo iminsi mirongo itatu (30) irangiye nta gisubizo, ukwegura gufatwa nk'aho kwemewe.

Iteka rya Perezida riteganya ukuva mu mwanya k'Umukomiseri mu buryo buteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo.

1° his/her term of office expires;
2° he/she resigns through a written notice;
3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to illness or disability certified by a panel of medical doctors nominated by the Minister in charge of health upon the request of the Commission;

4° he/she demonstrates behaviour contrary to his/her duties;

5° he/she abuses Human Rights;
6° he/she jeopardizes the interests of the Commission;

7° he/she has been definitively sentenced to at least six (6) months of imprisonment without suspension of sentence;

8° he/she dies.

The resignation of a Commissioner shall be submitted to the President of the Republic through a registered mail or hand-delivery letter with acknowledgment of receipt, with a copy to the Senate and the Commission's authorities. If a period of thirty (30) days elapses without a response, the resignation shall be considered approved.

A Presidential Order shall approve the removal of a Commissioner from his/her office in the circumstances provided for in Paragraph One of this Article.

1° expiration du mandat ;
2° démission par notification écrite ;
3° incapacité suite à une maladie ou une infirmité attestée par une Commission médicale nommée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions sur demande de la Commission ;

4° manifestation des comportements incompatibles avec ses attributions;

5° violations de droits de la personne;
6° agissements contraires aux intérêts de la Commission;

7° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;

8° décès.

La démission d'un Commissaire est présentée au Président de la République par lettre recommandée ou remise en main avec accusé de réception. Le Sénat et les autorités de la Commission en reçoivent copie. Passé le délai de trente (30) jours sans réponse, la démission est réputée acceptée.

Un arrêté présidentiel approuve la cessation de fonction de Commissaire dans les conditions prévues à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 27: Isimburwa ry'Umukomiseri

Iyo Umukomiseri ahagaritse imirimo ku mpamvu iyo ari yo yose, Perezida wa Komisiyo cyangwa umusimbura mu gihe adahari abimenyesha Perezida wa Repubulika, Sena na Guverinoma mu gihe kitarenze iminsi umunani (8).

Isimburwa ry'Umukomiseri rikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 19, iya 20 n'iya 21 z'iri tegeko.

Umukomiseri mushya agira manda y`imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Ingingo ya 28: Itumizwa n'iterana ry'inama n'ifatwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Inama y'Abakomiseri itumizwa mu nyandiko na Perezida wa Komisiyo cyangwa umusimbura mu gihe adahari.

Iterana nibura iyo habonetse nibura bane (4) mu bayigize. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwo bwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abayigize.

Iyo ubwo bwiganze butabonetse kandi amajwi angana, ijwi rya Perezida cyangwa umusimbura ririganza.

Article 27: Replacement of a Commissioner

In case a Commissioner ceases to carry out his/her functions due to any reason, the Chairperson of the Commission or his/her representative in case of his/her absence shall notify the President of the Republic, the Senate and the Cabinet in a period not exceeding eight (8) days.

The replacement of a Commissioner shall be conducted in accordance with Articles 19, 20 and 21 of this Law.

The new Commissioner shall have a four- (4) year term of office renewable only once.

Article 28: Convening and holding meetings and decision-making of the Council of Commissioners

The Council of Commissioners shall be convened in writing by the Chairperson of the Commission or his/her representative in case of his/ her absence.

The Council of Commissioners shall meet if at least four (4) of its members are present. Its decisions shall be taken by consensus. Failure to obtain such consensus, the decisions shall be taken on the absolute majority vote of its members.

In case the absolute majority is not reached and in case of a tie, the Chairperson or his/her representative shall have a casting vote.

Article 27: Remplacement d'un Commissaire

En cas de cessation de fonctions d'un Commissaire pour une quelconque raison, le Président de la Commission ou son remplaçant en cas d'absence en informe le Président de la République, le Sénat et le Gouvernement dans un délai ne dépassant pas huit (8) jours.

Le remplacement du Commissaire se fait conformément aux articles 19, 20 et 21 de la présente loi.

Le nouveau Commissaire a un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois.

Article 28: Convocation et tenue des réunions et prise de décisions du Conseil des Commissaires

Le Conseil des Commissaires est convoqué par écrit par le Président de la Commission ou en son absence par son remplaçant.

Le Conseil des Commissaires se réunit si au moins quatre (4) de ses membres sont présents. Ses décisions sont prises par consensus. A défaut du consensus, ses décisions sont prises à la majorité absolue de ses membres.

En cas d'absence de la majorité absolue et lorsqu'il y a égalité de vote, le vote du Président ou de son remplaçant est

Icyakora ibyemezo birebana na raporo za Komisiyo n'ibindi byemezo bishyikirizwa izindi nzego, bifatwa buri gihe ku bwumvikane busesuye.

However, decisions relating to reports of the Commission and other decisions to be submitted to other institutions shall be taken by consensus.

prépondérant.
Toutefois, lorsqu'il s'agit de se prononcer sur un rapport de la Commission ou sur les décisions à soumettre à d'autres organes, les décisions sont toujours prises par consensus.

Umunyamabanga Mukuru akurikirana imirimo y'inama z'Inama y'Abakomiseri akayibera umwanditsi ariko ntatora mu gihe cyo gufata ibyemezo.

The Secretary General shall attend the meetings of the Council of Commissioners and serve as the Rapporteur but shall not have the right to vote during the decision-making process.

Le Secrétaire Général participe aux réunions du Conseil des Commissaires, en sert de Rapporteur mais n'a pas de voix délibérative.

Ingingo ya 29: Imikorere y'Inama y'Abakomiseri

Article 29: Functioning of the Council of Commissioners

Article 29: Fonctionnement du Conseil des Commissaires

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 28 y'iri tegeko, imikorere y'Inama y'Abakomiseri igenwa n'amategeko ngengamikorere ya Komisiyo.

Without prejudice to Article 28 of this Law, the functioning of the Council of Commissioners shall be determined by the internal rules and regulations of the Commission.

Sans préjudice de l'article 28 de la présente loi, le fonctionnement du Conseil des Commissaires est déterminé par le règlement d'ordre intérieur de la Commission.

Ingingo ya 30: Ibigenerwa Abakomiseri

Article 30: Benefits granted to Commissioners

Article 30: Avantages accordés aux Commissaires

Iteka rya Perezida rishyiraho ibigenerwa Abakomiseri bari mu mirimo n' ibigenerwa Abakomiseri barangije manda.

A Presidential Order shall determine the benefits entitled to Commissioners in office and those whose term of office has expired.

Un arrêté présidentiel détermine les avantages accordés aux Commissaires en fonction et à ceux dont le mandat a expiré.

Icyiciro cya 2: Biro ya Komisiyo

Section 2: Bureau of the Commission

Section 2: Bureau de la Commission

Ingingo ya 31: Abagize Biro ya Komisiyo

Article 31: Members of the Bureau of the Commission

Article 31: Membres du Bureau de la Commission

Biro ya Komisiyo igizwe na Perezida na Visi Perezida.

The Bureau of the Commission shall be composed of the Chairperson and the Vice Chairperson.

Le Bureau de la Commission est composé du Président et du Vice-président.

Iyo Perezida na Visi-Perezida badahari

In absence of the Chairperson and the Vice

En cas d'absence ou d'incapacité du Président

cyangwa batagishoboye gukora akazi kabo, mu gihe batarasimburwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko, umukomiseri mukuru mu myaka atumiza inama y'Inama y'Abakomiseri ikitoramo ababasimbura by'agateganyo. Iyo atabikoze, Abakomiseri nibura batatu (3) baraterana bakitoramo uyobora inama. Muri iyo nama basuzuma gusa ikibazo cy'abagize biro y'agateganyo.

Chairperson or if they are no longer able to perform their functions and are not yet replaced in accordance with this Law, the senior Commissioner shall convene a meeting of the Council of Commissioners to elect among them their representative. If the senior Commissioner fails to do so, at least three (3) Commissioners shall meet and elect the chair to preside over the meeting. Such meeting shall discuss only the item related to the acting bureau.

et du Vice-président et en attendant qu'ils soient remplacés conformément à la présente loi, le plus âgé des Commissaires convoque la réunion du Conseil des Commissaires qui élit en son sein leurs remplaçants. A défaut de convocation de la réunion par le Commissaire le plus âgé, trois (3) Commissaires se réunissent et élisent celui qui préside la réunion. Au cours de cette réunion, ils traitent seulement la question relative au bureau intérimaire.

Ingingo ya 32: Inshingano za Biro ya Komisiyo

Biro ya Komisiyo ifite inshingano zikurikira:

1° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Komisiyo n'ingengo y'imari yayo;

2° gukurikirana imirimo y'Ubunyamabanga Bukuru bwa Komisiyo;

3° gutsura umubano n'abafatanyabikorwa, imiryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango mvamahanga ishinzwe guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu.

Article 32: Responsibilities of the Bureau of the Commission

The Bureau of the Commission shall have the following responsibilities:

1° to ensure the execution of the programme of the Commission and its budget;

2° to monitor activities of the Commission General Secretariat;

3° to promote cooperation with stakeholders, national or international non-governmental organizations for the promotion and protection of Human Rights.

Article 32: Attributions du Bureau de la Commission

Le Bureau de la Commission a les attributions suivantes:

1° veiller à la bonne exécution du programme de la Commission et de son budget ;

2° suivre les activités du Secrétariat Général de la Commission ;

3° promouvoir la coopération avec les partenaires, les organisations nationales et internationales non gouvernementales œuvrant pour la promotion et la protection des droits de la personne.

Ingingo ya 33: Inshingano za Perezida wa Komisiyo

Perezida wa Komisiyo afite inshingano zikurikira:

Article 33: Responsibilities of the Chairperson of the Commission

The Chairperson of the Commission shall

Article 33: Attributions du Président de la Commission

Le Président de la Commission a les attributions suivantes :

have the following responsibilities :

1° kuyobora Komisiyo no guhuza ibikorwa byayo;	1° to lead the Commission and coordinate its activities;	1° diriger la Commission et coordonner ses activités;
2° gutumiza no kuyobora inama z'Abakomiseri;	2° to convene and chair the meeting of Commissioners;	2° convoquer et présider les réunions des Commissaires;
3° guhagararira Komisiyo mu gihugu no mu mahanga;	3° to represent the Commission inside and outside the country;	3° représenter la Commission à l'intérieur et à l'extérieur du pays;
4° kuba umuvugizi wa Komisiyo;	4° to serve as the spokesperson of the Commission;	4° être le porte-parole de la Commission ;
5° gushyikiriza raporo za Komisiyo inzego zabigenewe;	5° to submit reports of the Commission to relevant institutions;	5° transmettre les rapports de la Commission aux organes compétents;
6° kugeza ku Bakomiseri ibyemezo n'amakuru bibareba;	6° to communicate to Commissioners relevant decisions and information;	6° porter à la connaissance des Commissaires toute décision et autres informations les concernant ;
7° gukora indi mirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za Komisiyo.	7° to perform any other duties related to the mission of the Commission as may be assigned to him/her by the Council of Commissioners.	7° exécuter toutes autres tâches rentrant dans les missions de la Commission qui lui sont confiées par le Conseil des Commissaires.

Ingingo ya 34: Inshingano za Visi-Perezida wa Komisiyo	**Article 34: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission**	**Article 34: Attributions du Vice-président de la Commission**
Visi-Perezida wa Komisiyo afite inshingano zikurikira :	The Vice Chairperson of the Commission shall have the following responsibilities:	Le Vice-président de la Commission a les attributions suivantes :
1° kunganira Perezida no kumusimbura mu mirimo ye igihe cyose adahari;	1° to assist and deputize the Chairperson in case of his/her absence;	1° assister le Président dans ses fonctions et le remplacer en cas d'absence ou d'empêchement ;

2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri;

3° gukurikirana imirimo y'Ubunyamabanga Bukuru;

4° gukurikirana by'umwihariko imirimo rusange yo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu;

5° gukurikirana imirimo ijyanye n'ubutegetsi n'imari;

6° gukora indi imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za Komisiyo.

Icyiciro cya 3: Ubunyamabanga Bukuru bwa Komisiyo

Ingingo ya 35: Ubuyobozi bw'Ubunyamabanga Bukuru bwa Komisiyo

Ubunyamabanga Bukuru bwa Komisiyo buyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru.

Ingingo ya 36: Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Mukuru

Iteka rya Perezida rishyiraho Umunyamabanga Mukuru bisabwe na Komisiyo.

2° to supervise the implementation of decisions of the Council of Commissioners;

3° to supervise the activities of the General Secretariat;

4° to supervise in particular the smooth running of overall activities of promotion and protection of Human Rights;

5° to supervise administrative and financial activities;

6° to perform any other duties related to the missions of the Commission as may be assigned to him/her by the Council of Commissioners.

Section 3: General Secretariat of the Commission

Article 35: Head of the General Secretariat of the Commission

The General Secretariat of the Commission shall be headed by the Secretary General.

Article 36: Appointment of the Secretary General

A Presidential Order shall appoint the Secretary General upon request by the Commission.

2° faire le suivi de la mise en application des décisions du Conseil des Commissaires ;

3° superviser les activités du Secrétariat Général ;

4° faire le suivi de façon spécifique des activités générales en rapport avec la promotion et la protection des droits de la personne ;

5° assurer le suivi de la gestion administrative et financière ;

6° exécuter toutes autres tâches rentrant dans les missions de la Commission qui lui sont confiées par le Conseil des Commissaires.

Section 3: Secrétariat Général de la Commission

Article 35: Responsable du Secrétariat Général de la Commission

Le Secrétariat Général de la Commission est dirigé par le Secrétaire Général.

Article 36: Nomination du Secrétaire Général

Le Secrétaire Général est nommé par arrêté présidentiel sur demande de la Commission.

Mu kazi ke, Umunyamabanga Mukuru ayoborwa na Biro kandi ayishyikiriza raporo y'imirimo ashinzwe.

In his/her duties, the Secretary General shall be under the supervision of the Bureau to which he/she shall submit the report of activities.

Dans ses fonctions, le Secrétaire Général travaille sous la supervision du Bureau auquel il fait rapport de ses activités.

Ingingo ya 37: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru

Umunyamabanga Mukuru afite inshingano zikurikira:

1° gukurikirana imirimo y'Inama y'Abakomiseri no kuba umwanditsi wayo;

2° guhuriza hamwe no kuyobora imirimo yo mu rwego rwa tekiniki;

3° gucunga ingengo y'imari n'umutungo bya Komisiyo;

4° gushyikiriza Biro ya Komisiyo raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri ;

5° gutegura gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo, kuyishyikiriza Biro ya Komisiyo no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;

6° gutegura igenamigambi n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari bya Komisiyo;

Article 37: Responsibilities of the Secretary General

The Secretary General shall have the following responsibilities:

1° to attend meetings of the Council of Commissioners and serve as rapporteur;

2° to coordinate and supervise the technical activities;

3° to ensure proper management of the property and finances of the Commission;

4° to submit to the Bureau of the Commission a report on implementation of the decisions of the Council of Commissioners;

5° to prepare the plan of action of the Commission, to submit it to the Bureau of the Commission and to supervise its implementation;

6° to prepare the programme of activities and the draft budget proposal of the Commission;

Article 37: Attributions du Secrétaire Général

Le Secrétaire Général a les attributions suivantes:

1° suivre les réunions du Conseil des Commissaires et en être le rapporteur;

2° coordonner et superviser les activités d'ordre technique;

3° assurer la gestion des finances et du patrimoine de la Commission;

4° soumettre au Bureau de la Commission le rapport de la mise en exécution des décisions du Conseil des Commissaires;

5° préparer le programme d'activités de la Commission, le soumettre au Bureau de la Commission et faire le suivi de son exécution ;

6° préparer la planification des activités et l'avant projet du budget de la Commission ;

7° gukora indi mirimo yose yasabwa na Biro ya Komisiyo cyangwa Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za Komisiyo;

7° to perform any other duties related to the missions of the Commission as may be assigned to him/her by the Bureau of the Commission or the Council of Commissioners.

7° exécuter toutes autres tâches rentrant dans les missions de la Commission qui lui sont confiées par le Bureau de la Commission ou le Conseil des Commissaires.

Ingingo ya 38: Gushaka abakozi ba Komisiyo

Komisiyo ifite ubwigenge mu gushaka no gushyiraho abakozi bayo. Ibikora ibicishije mu ipiganwa.

Article 38: Recruitment of the staff of the Commission

The Commission shall have autonomy in recruiting its staff. The recruitment shall be made on a competitive basis.

Article 38: Recrutement du personnel de la Commission

La Commission est autonome dans le recrutement de ses agents. Le recrutement se fait sur concours.

Ingingo ya 39: Sitati igenga abakozi ba Komisiyo

Abakozi ba Komisiyo bagengwa na Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ku birebana n'imikorere yabo ya buri munsi, abakozi ba Komisiyo bagengwa n'Amategeko Ngengamikorere ya Komisiyo.

Article 39: Statute governing the personnel of the Commission

The personnel of the Commission shall be governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Regarding their daily management of the staff, the internal rules and regulations of Commission shall apply.

Article 39: Statut régissant le personnel de la Commission

Le personnel de la Commission est régi par le Statut Général de la Fonction Publique.

Pour ce qui est de la gestion journalière, le personnel de la Commission est soumis au Règlement d'ordre intérieur de la Commission.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA KOMISIYO

CHAPTER VI: PROPERTY OF THE COMMISSION

CHAPITRE VI: PATRIMOINE DE LA COMMISSION

Ingingo ya 40: Inkomoko n'icungwa by'umutungo wa Komisiyo

Umutungo wa Komisiyo ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa Komisiyo ukomoka ahanini ku

Article 40: Source and management of the property of the Commission

The property of the Commission shall comprise of movable and immovable assets.

The main source of the property of the

Article 40: Source et gestion du patrimoine de la Commission

Le patrimoine de la Commission comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de la Commission provient

ngengo y'imari ya Leta.

Ushobora gukomoka kandi ku nkunga, impano n'indagano z'abafatanyabikorwa.

Komisiyo ifite ubwigenge mu icungwa ry'umutungo wayo. Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wayo bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Commission shall be the State budget.

It may also come from partners' grants, donations and bequests.

The Commission shall have autonomy in managing its property. The use, management and audit of the property of the Commission shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

principalement du budget de l'Etat.

Il peut provenir aussi de subventions, dons et legs des partenaires.

La Commission jouit de l'autonomie dans la gestion de son patrimoine. L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de la Commission sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Ingingo ya 41: Itegurwa ry'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Komisiyo

Komisiyo itegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari yayo ikayishyikiriza Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Komisiyo isobanurira Komisiyo ibishinzwe y'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, umushinga w'ingengo y'imari wayo mbere yuko ingengo y'imari ya Leta itorwa.

Article 41: Preparation of the budget proposal of the Commission

The Commission shall prepare its budget proposal and submit it to the Minister in charge of finance.

The Commission shall table its budget proposal to the relevant Committee of the Parliament, Chamber of Deputies, before the adoption of the State budget.

Article 41: Elaboration de l'avant projet de budget de la Commission

La Commission élabore l'avant-projet de son budget et le soumet au Ministre ayant les finances dans ses attributions.

La Commission défend son projet de budget devant la Commission compétente du Parlement, la Chambre des Députés, avant l'adoption du budget de l'Etat.

Ingingo ya 42: Igenzura ry'umutungo wa Komisiyo

Umutungo wa Komisiyo ugenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, nyuma y'umwaka w'ingengo y'imari n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Article 42: Audit of the property of the Commission

The property of the Commission shall be subjected to the audit by the Auditor General of State Finances at the end of the fiscal year and whenever necessary.

Article 42: Audit du patrimoine de la Commission

L'audit du patrimoine de la Commission est effectué par l'Auditeur Général des finances de l'Etat à la fin de l'exercice budgétaire et chaque fois qu'il est nécessaire.

UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 43 : Manda y'Abakomiseri bari basanzweho

Manda y'Abakomiseri bari basanzwe bari mu mirimo itangira kubarwa uhereye ku itariki ivugwa mu Iteka rya Perezida rishyira buri wese mu mwanya hashingiwe ku Itegeko n°30/2007 ryo kuwa 16 /07/2007 ryagenaga imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Ingingo 44: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 45: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 30/2007 ryo kuwa 06/07/2007 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 46: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya

CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 43: Term of office of incumbent Commissioners

The term of office of incumbent Commissioners shall run from the date mentioned in the Presidential Order appointing every Commissioner in conformity with Law n°30/2007 of 16/07/2007 that was determining the organization and functioning of the National Commission for Human Rights.

Article 44: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda

Article 45: Repealing provision

Law n° 30/2007 of 06/07/2007 determining the organization and functioning of the National Commission for Human Rights as well as all other prior legal provisions contrary to this Law, are hereby repealed.

Article 46: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 43 : Mandat des Commissaires en fonction

Le mandat des Commissaires actuellement en fonction commence à la date mentionnée dans l'Arrêté Présidentiel portant nomination de chaque Commissaire conformément à la Loi n°30/2007 du 16/07/2007 qui déterminait l'organisation et le fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne.

Article 44: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 45: Disposition abrogatoire

La Loi n° 30/2007 la 06/07/2007 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne et toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 46: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **25/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **25/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **25/03/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux